(c) kwemerera ibihugu bishya kwinjira mu Muryango no guha ibihugu by'amahanga ububasha bwo kuba indorerezi;	(c) the admission of new Members and granting of Observer Status to foreign countries; and	(c) l'admission de nouveaux membres et l'octroi du statut d'observateur aux pays tiers ; et
(d) kwemeza imishinga y'amategeko.	(d) assent to Bills.	(d) l'assentiment aux projets de lois.

INGINGO YA 12 : Inama z'Inama y'Abakuru b'ibihugu

ARTICLE 12: Meetings of the Summit

ARTICLE 12 : Réunion du Sommet

1. Inama y'Abakuru b'ibihugu iterana nibura rimwe mu mwaka, ishobora no guterana mu nama zidasanzwe bisabwe n'umwe mu bayigize.	1. The Summit shall meet at least once in every year and may hold extraordinary meetings at the request of any member of the Summit.	1. Le Sommet se réunit au moins une fois par an. Il peut être convoqué en session extraordinaire à la demande de l'un des membres du Sommet.
2. Manda y'Umuyobozi w'Inama y'Abakuru b'ibihugu ni umwaka umwe kandi ibihugu bigize Umuryango bigenda bisimburana kuri uwo mwanya.	2. The tenure of office of the Chairperson of the Summit is one year and the office of the Chairperson shall be held in rotation among the Partner States.	2. L'exercice de la présidence du Sommet est assuré pendant une année par l'un des membres. La présidence est tournante entre les membres.

3. Ibyemezo by'Inama y'Abakuru b'ibihugu bifafwa ku bwumvikane.	3. The decisions of the Summit shall be by consensus.	3. Les décisions du Sommet sont prises à l'unanimité.
4. Inama y'Abakuru b'ibihugu isuzuma ikibazo yagejejweho n'Inama y'Abaminisitiri n'ikindi kibazo cyose cyaba kireba Umuryango.	4. The Summit shall discuss business submitted to it by the Council and any other matter which may have a bearing on the Community.	4. Le Sommet examine les questions que lui soumet le Conseil ou toute autre question d'intérêt pour la Communauté.
5. Haseguriwe ibiteganyijwe muri aya Masezerano, Inama y'Abakuru b'ibihugu igena imikorere yayo, harimo n'uburyo bwo gutumiza inama zayo, imigendekere y'imirimo igihe cy'inama n'ikindi gihe n'uburyo abagize Inama y'Abakuru b'ibihugu basimburana ku mwanya w'Umuyobozi.	5. Subject to the provisions of this Treaty, the Summit shall determine its own procedure, including that for convening its meetings, for the conduct of business thereat and at other times, and for the rotation of the office of Chairperson among the members of the Summit.	5. Sous réserve des dispositions du présent traité, le Sommet fixera son propre règlement intérieur y compris la procédure applicable à la convocation des réunions, à la conduite des affaires et à la présidence tournante.

UMUTWE WA V: INAMA Y'ABAMINISITIRI

CHAPTER V: THE COUNCIL

CHAPITRE V : LE CONSEIL

INGINGO YA 13: Abagize Inama y'Abaminisitiri

ARTICLE 13: Membership of the Council

ARTICLE 13 : Membres du Conseil

Inama y'Abaminisitiri igizwe n'aba bakurikira:

The Council shall consist of:

Le Conseil est composé

(a) Minisitiri ufite mu nshingano ze ibijyanye n'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba muri buri gihugu kigize Umuryango;	(a) the Minister responsible for East African Community affairs of each Partner State;	(a) des ministres responsables des affaires de la Communauté d'Afrique de l'Est de chaque État membre ;
(b) Undi mu minisitiri wo mu bihugu bigize Umuryango wagenwa na buri gihugu ;	(b) such other Minister of the Partner States as each Partner State may determine; and	(b) d'autres ministres des États membres tels que désignés par chaque État membre ; et
(c) Intumwa nkuru ya Leta ya buri gihugu kigize Umuryango.	(c) the Attorney General of each Partner State.	(c) du Ministre de la Justice de chaque État membre.

INGINGO YA 14 : Inshingano z'Inama y'Abaminisitiri

ARTICLE 14: Functions of the Council

ARTICLE 14 : Fonctions du Conseil

1. Inama y'Abaminisitiri ni rwo rwego rugena politiki z'Umuryango.	1. The Council shall be the policy organ of the Community.	1. Le Conseil est l'organe politique de la Communauté.
2. Inama y'Abaminisitiri iteza imbere, ikurikirana kandi igenzura buri gihe ishyyirwa mu bikorwa rya za gahunda z'Umuryango kandi igaharanira imikorere myiza n'iterambere ry'Umuryango hakurikijwe aya Masezerano.	2. The Council shall promote, monitor and keep under constant review the implementation of the programmes of the Community and ensure the proper functioning and development of the Community in accordance with this Treaty.	2. Le Conseil doit promouvoir, contrôler et examiner de manière constante la mise en œuvre des programmes de la Communauté et s'assurer du bon fonctionnement et du développement de la Communauté conformément au présent traité.
3. Mu rwego rwo kubahiriza ibiteganyijwe mu gika cya 1 cy'iyi ngingo, Inama y'Abaminisitiri:	3. For purposes of paragraph 1 of this Article, the Council shall:	3. Aux fins d'application du paragraphe 1 du présent article, le Conseil doit :

(a) ifata ibyemezo bya politiki bigamije imikorere myiza kandi iboneye n'iterambere by'Umuryango;	(a) make policy decisions for the efficient and harmonious functioning and development of the Community;	(a) prendre des décisions de politique en vue d'assurer le fonctionnement efficace et harmonieux ainsi que le développement de la Communauté ;
(b) itangiza Imishinga y'amategeko ikanayishyikiriza Inteko Ishinga Amategeko;	(b) initiate and submit Bills to the Assembly;	(b) proposer et soumettre des projets de lois à l'Assemblée ;
(c) ishyiraho amabwiriza agenewe Ibihugu bigize Umuryango, izindi nzego n'ibigo byawo, haseguriwe ibiteganyijwe n'aya Masezerano, uretse Inama y'Abakuru b'ibihugu, Urukiko n'Inteko;	(c) subject to this Treaty, give directions to the Partner States and to all other organs and institutions of the Community other than the Summit, Court and the Assembly;	(c) sous réserve des dispositions du présent traité, donner des orientations aux États membres et à tous les autres organes et institutions de la Communauté autres que le Sommet, la Cour de justice et l'Assemblée ;
(d) ishyiraho amategeko, igatanga amabwiriza, igafata ibyemezo, igatanga ibyifuzonama n'ibitekerezo hakurikijwe ibiteganyijwe n'aya Masezerano;	(d) make regulations, issue directives, take decisions, make recommendations and give opinions in accordance with the provisions of this Treaty;	(d) élaborer des règlements, émettre des directives, prendre des décisions, énoncer des recommandations et émettre des avis conformément aux dispositions du présent traité ;
(e) isuzuma ingengo y'imari y'Umuryango;	(e) consider the budget of the Community;	(e) examiner le budget de la Communauté ;
(f) isuzuma ibyemezo bigomba gufatwa n'ibihugu bigize Umuryango hagamijwe kugera ku ntego z'Umuryango;	(f) consider measures that should be taken by Partner States in order to promote the attainment of the objectives of the Community;	(f) examiner les mesures qui devraient être prises par les États membres afin de réaliser les objectifs de la Communauté ;

(g) ishyiraho amategeko n'amabwiriza agenga abakozi n'agenga imari by'Umuryango;	(g) make staff rules and regulations and financial rules and regulations of the Community;	(g) élaborer les statuts du personnel ainsi que les règles et réglementations financières de la Communauté ;
(h) ishyikiriza Inama y'Abakuru b'ibihugu raporo zerekana ibyagezweho mu mwaka kandi igategura ibiri ku murongo w'ibygirwa mu nama z'Inama y'Abakuru b'ibihugu;	(h) submit annual progress reports to the Summit and prepare the agenda for the meetings of the Summit;	h) soumettre les rapports d'activité annuels au Sommet et préparer l'ordre du jour des réunions du Sommet ;
(i) ishyiraho Inama zishinzwe ibibazo byihariye zigizwe na bamwe mu bayigize zishinzwe gukemura ibibazo bivuka mu rwego rw'aya Masezerano zibihereke ububasha cyangwa zibisabwe n'Inama y'Abaminisitiri kandi ibyemezo by'izo Nama bifatwa nk'iby'Inama y'Abaminisitiri;	(i) establish from among its members, Sectoral Councils to deal with such matters that arise under this Treaty as the Council may delegate or assign to them and the decisions of such Sectoral Councils shall be deemed to be decisions of the Council;	(i) établir en son sein des conseils sectoriels qui examineront les questions soulevées par le traité ou les questions qui pourront leur être soumises par le Conseil. Les décisions des conseils sectoriels seront considérées comme des décisions du conseil ;
(j) ishyiraho Komite zishinzwe ibibazo byihariye ziteganyijwe muri aya Masezerano;	(j) establish the Sectoral Committees provided for under this Treaty;	(j) établir les comités sectoriels prévus par le présent traité ;
(k) ishyira mu bikorwa ibyemezo n'amabwiriza by'Inama y'Abakuru b'ibihugu igihe ibisabwe;	(k) implement the decisions and directives of the Summit as may be addressed to it;	(k) mettre en œuvre les décisions et les directives du Sommet ;

(l) ikemura ibibazo yashyikirizwa;	(l) endeavour to resolve matters that may be referred to it; and	(l) s'engager à résoudre les problèmes dont il est saisi; et
(m) ikoresha ubundi bubasha ikanuzuzwa izindi nshingano ihabwa hakurikijwe aya Masezerano.	(m) exercise such other powers and perform such other functions as are vested in or conferred on it by this Treaty.	(m) exercer les autres pouvoirs et assumer les autres fonctions dont il est investi ou qui lui sont conférés par le traité.
4. Inama y'Abaminisitiri ishobora gusaba Urukiko inama hakurikijwe aya Masezerano.	4. The Council may request advisory opinions from the Court in accordance with this Treaty.	4. Le conseil peut demander son avis à la Cour de justice conformément au présent traité.
5. Inama y'Abaminisitiri itegeka ko amabwiriza yose ashyirwaho cyangwa atangwa hakurikijwe aya Masezerano atangazwa mu Igazeti; kandi ayo mabwiriza agatangira gukurikizwa ku muni atangarijweho, keretse biteganyijwe ukundi.	5. The Council shall cause all regulations and directives made or given by it under this Treaty to be published in the Gazette; and such regulations or directives shall come into force on the date of publication unless otherwise provided therein.	5. Le Conseil doit s'assurer que tous les règlements et toutes les directives qu'il promulgue ou adopte seront publiés dans la Gazette et que ces règlements et directives entreront en vigueur à la date de leur publication à moins qu'il en soit décidé autrement.
INGINGO YA 15: Inama z'Inama y'Abaminisitiri	ARTICLE 15: Meetings of the Council	ARTICLE 15 : Réunions du Conseil
1. Inama y'Inama y'Abaminisitiri iterana kabiri mu mwaka, imwe mu nama zayo ibanziriza inama y'Inama y'Abakuru b'ibihugu. Inama y'Inama y'Abaminisitiri ishobora guterana mu nama zidasanzwe	1. The Council shall meet twice in each year, one meeting of which shall be held immediately preceding a meeting of the Summit. Extraordinary meetings of the Council may be held at the request of a	1. Le Conseil se réunit deux fois par an, l'une des sessions devant précéder immédiatement une réunion du Sommet. Des réunions extraordinaires du Conseil peuvent être tenues à la demande d'un État membre ou du président du Conseil.

bisabwe na kimwe mu bihugu bigize Umuryango cyangwa Umuyobozi wayo.	Partner State or the Chairperson of the Council.	
2. Inama y'Abaminisitiri igena uburyo bw'imikorere bwayo, harimo n'uburyo bwo gutumiza inama zayo, imigendekere y'imirimo igihe cy'inama cyangwa ikindi gihe, n'uburyo Abaminisitiri bayigize bashinzwe ubutwererane ku rwego rw'akarere mu bihugu bigize Umuryango basimburana ku mwanya w'Umuyobozi.	2. The Council shall determine its own procedure including that for convening its meetings, for the conduct of business thereat and at other times, and for the rotation of the office of Chairperson among its members who are Ministers responsible for regional co-operation in the Partner States	2. Le Conseil dresse son propre règlement intérieur, notamment en ce qui concerne la convocation de ses réunions, l'exercice de ses activités au cours de celles-ci et à tout autre moment, la présidence tournante parmi ses membres qui sont des ministres responsables de la coopération régionale des États membres.
3. Umwe mu bagize Inama y'Abaminisitiri uyoboye abahagarariye igihugu cye mu nama y'Inama y'Abaminisitiri, ashobora gutambamira icyifuzo cyagejejwe ku Nama y'Abaminisitiri kugira ngo igifateho icyemezo. Icyo gihe, icyo cyifuzo ntikiba kigifashweho icyemezo n'Inama y'Abaminisitiri ahubwo, iyo uwagitambamiye atisubiyeho, igishyikiriza Inama y'Abakuru b'ibihugu kugira ngo igifateho icyemezo.	3. A member of the Council who is the leader of his or her Partner State's delegation to a meeting of the Council, may record his or her objection to a proposal submitted for the decision of the Council and, if any such objection is recorded, the Council shall not proceed with the proposal and shall, unless the objection is withdrawn refer the matter to the Summit for decision.	3. Un membre du Conseil qui dirige la délégation de son pays à une réunion du Conseil peut demander que son objection à une proposition soumise à la décision du Conseil soit consignée et, dans ce cas, le Conseil suspend l'examen de ladite proposition et, à moins que l'objection ne soit retirée, la soumet alors au Sommet pour décision.
4. Haseguriwe Amasezerano y'Inyongera yerekeye ifatwa ry'ibyemezo, ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri bifatwa ku bwumvikane.	4. Subject to a protocol on decision-making, the decisions of the Council shall be by consensus.	4. Sous réserve d'un Protocole sur la prise des décisions, les décisions du conseil doivent être prises à l'unanimité.

5. Amasezerano y'Inyongera avugwa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo ashwirwaho mu gihe cy'amezi atandatu uhereye umunsi aya Masezerano atangiriye gukurikizwa.

INGINGO YA 16 : Ingaruka z'amabwiriza, ibyemezo n'inama by'Inama y'Abaminisitiri

Haseguriwe ibiteganyijwe n'aya Masezerano, amabwiriza n'ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri bifashwe hakurikijwe ibiteganyijwe n'aya Masezerano byubahirizwa n'ibihugu bigize Umuryango, izindi nzego n'ibigo byawo uretse Inama y'Abakuru b'ibihugu, Urukiko n'Inteko mu ifasi zabyo no ku bindi byareba hakurikijwe aya Masezerano.

UMUTWE WA VI: KOMITE MPUZABIKORWA

INGINGO YA 17: Abagize Komite mpuzabikorwa

Komite mpuzabikorwa igizwe n'Abanyamabanga bahoraho bashinzwe

5. The protocol referred to in paragraph 4 of this Article shall be concluded within a period of six months from the entry into force of this Treaty.

ARTICLE 16: Effects of Regulations, Directives, Decisions and Recommendations of the Council

Subject to the provisions of this Treaty, the regulations, directives and decisions of the Council taken or given in pursuance of the provisions of this Treaty shall be binding on the Partner States, on all organs and institutions of the Community other than the Summit, the Court and the Assembly within their jurisdictions, and on those to whom they may under this Treaty be addressed.

CHAPTER VI: THE CO-ORDINATION COMMITTEE

ARTICLE 17: Composition of the Co-ordination Committee

The Co-ordination Committee shall consist of the Permanent Secretaries

5. Le Protocole auquel il est fait référence au paragraphe 4 du présent article devra être conclu dans un délai de six mois à partir de l'entrée en vigueur du présent traité.

ARTICLE 16 : Effets des règlements, directives, décisions et recommandations du Conseil

Sous réserve des dispositions du présent traité, les règlements, les directives et les décisions du Conseil pris ou rendus conformément aux dispositions du traité ont force obligatoire à l'égard des États membres et de tous les organes et de toutes les institutions de la Communauté autres que le Sommet, la Cour de justice et l'Assemblée dans le cadre de leurs juridictions ainsi qu'à l'égard des entités auxquelles ils peuvent, selon le traité, être référés.

CHAPITRE VI : LE COMITÉ DE COORDINATION

ARTICLE 17 : Composition du comité de coordination

Le comité de coordination se compose des Secrétaires permanents responsables des

ibijyanye n’Umuryango wa Afurika y’Iburasirazuba muri buri gihugu kigize Umuryango n’abandi Banyamabanga bahoraho b’ibihugu biwugize bagenwa na buri gihugu mu bihugu biwugize.	responsible for East African Community affairs in each Partner State and such other Permanent Secretaries of the Partner States as each Partner State may determine.	affaires de la Communauté d’Afrique de l’Est dans chaque État membre et d’autres Secrétaires permanents des États membres que chaque État membre est libre de désigner.
--	---	--

INGINGO YA 18: Inshingano za Komite mpuzabikorwa

ARTICLE 18: Functions of the Co-ordination Committee

ARTICLE 18 : Fonctions du comité de coordination

Komite mpuzabikorwa ifite inshingano zikurikira:

The Co-ordination Committee:

Le comité de coordination :

(a) gushyikiriza Inama y’Abaminisitiri igihe icyo ari cyo cyose raporo n’ibyifuzo byerekeye iyubahirizwa ry’aya Masezerano ibyibwirije cyangwa ibisabwe n’Inama y’Abaminisitiri;

(a) shall submit from time to time, reports and recommendations to the Council either on its own initiative or upon the request of the Council, on the implementation of this Treaty;

(a) doit fournir périodiquement des rapports et recommandations au Conseil, soit de sa propre initiative, soit à la demande du Conseil, sur la mise en œuvre du présent traité ;

(b) gushyira mu bikorwa ibyemezo by’Inama y’Abaminisitiri nk’uko iyo Nama yabisaba;

(b) shall implement the decisions of the Council as the Council may direct;

(b) doit appliquer les décisions du Conseil selon les instructions de ce dernier ;

(c) kwakira no gusuzuma raporo za Komite zishinzwe ibibazo byihariye no guhuza ibikorwa byazo;

(c) shall receive and consider reports of the Sectoral Committees and coordinate their activities;

(c) doit recevoir et examiner les rapports des comités sectoriels et coordonner leurs activités ;

(d) ishobora gusaba Komite ishinzwe ibibazo byihariye gukora iperereza ku kibazo icyo ari cyo cyose cyihariye;

(d) may request a Sectoral Committee to investigate any particular matter; and

(d) peut demander au comité sectoriel d’enquêter sur n’importe quel cas particulier ; et

(e) kuzuza n'izindi nshingano zose yahabwa hashingiwe kuri aya Masezerano.

(e) shall have such other functions as are conferred upon it by this Treaty.

(e) exercer toutes autres fonctions qui lui sont dévolues en vertu du présent traité.

INGINGO YA 19: Inama za Komite mpuzabikorwa

ARTICLE 19: Meetings of the Co-ordination Committee

ARTICLE 19 : Réunions du comité de coordination

1. Haseguriwe ibiteganywa n'amabwiriza ayo ari yo yose yatangwa n'Inama y'Abaminisitiri, Komite mpuzabikorwa iterana nibura kabiri buri mwaka mbere y'uko Inama y'Abaminisitiri iterana, ishobora no guterana mu nama zidasanzwe bisabwe n'Umuyobozi wa Komite mpuzabikorwa.

1. Subject to any directions which may be given by the Council, the Co-ordination Committee shall meet at least twice in each year preceding the meetings of the Council and may hold extraordinary meetings at the request of the Chairperson of the Co-ordination Committee.

1. Sous réserve des directives qui peuvent être données par le Conseil, le comité de coordination se réunit au moins deux fois par an, ses sessions devant précéder immédiatement les réunions du Conseil. Des réunions extraordinaires du comité de coordination peuvent être tenues à la demande du président du comité de coordination.

2. Komite mpuzabikorwa igena uburyo bw'imikorere bwayo harimo n'uburyo bwo gutumiza inama zayo, imigendekere y'imirimo igihe cy'inama n'ikindi gihe, n'uburyo abayigize, ari bo Banyamabanga bahoraho bashinzwe ibijyanye n'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba muri buri gihugu kigize Umuryango, basimburana ku mwanya w'Umuyobozi;

2. The Co-ordination Committee shall determine its own procedure including that for convening its meetings, for the conduct of business thereat and at other times, and for the rotation of the office of Chairperson among its members who are Permanent Secretaries responsible for East African Community affairs in each Partner State.

2. Le comité de coordination dresse son propre règlement intérieur, notamment en ce qui concerne la convocation de ses réunions, l'exercice de ses activités au cours de celles-ci et à tout autre moment ainsi que la présidence tournante parmi ses membres qui sont des secrétaires permanents responsables des affaires de la Communauté d'Afrique de l'Est dans chaque État membre.

UMUTWE WA VII: KOMITE ZISHINZWE IBIBAZO BYIHARIYE

CHAPTER VII: SECTORAL COMMITTEES

CHAPITRE VII : COMITÉS SECTORIELS

INGINGO YA 20: Ishyirwaho rya Komite zishinzwe ibibazo byihariye n’abazigize	ARTICLE 20: Establishment and Composition of Sectoral Committees	ARTICLE 20 : Création et composition des comités sectoriels
Komite mpuzabikorwa ishyikiriza Inama y’Abaminisitiri ibyifuzo byerekeye ishyirwaho rya Komite zishinzwe ibibazo byihariye, abazigize n’inshingano zazo uko zaba ari ngombwa kugira ngo intego z’aya Masezerano zigerweho.	The Co-ordination Committee shall recommend to the Council the establishment, composition and functions of such Sectoral Committees as may be necessary for the achievement of the objectives of this Treaty.	Le comité de coordination recommande au Conseil la création, la composition et les fonctions des comités sectoriels qu’il estime nécessaire pour la réalisation des objectifs du présent traité.
INGINGO YA 21 : Inshingano za Komite zishinzwe ibibazo byihariye	ARTICLE 21: Functions of the Sectoral Committees	ARTICLE 21 : Fonctions des comités sectoriels
Haseguriwe ibiteganywa n’amabwiriza ayo ari yo yose yatangwa n’Inama y’Abaminisitiri, inshingano za buri Komite ishinzwe ibibazo byihariye ni izi zikurikira:	Subject to any directions the Council may give, each Sectoral Committee shall:	Sous réserve des orientations données par le Conseil, chaque comité sectoriel :
(a) gutegura gahunda y’ishyirwa mu bikorwa yuzuye no kugena ibyihutirwa mu byo ishinzwe;	(a) be responsible for the preparation of a comprehensive implementation programme and the setting out of priorities with respect to its sector;	(a) est responsable de la préparation d’un programme complet de mise en œuvre et de la définition des priorités en liaison avec son secteur ;
(b) gukurikirana no gusuzuma buri gihe ishyirwa mu bikorwa rya za gahunda z’Umuryango ku byerekeranye n’urwego ishinzwe;	(b) monitor and keep under constant review the implementation of the programmes of the Community with respect to its sector;	(b) surveille et examine scrupuleusement la mise en œuvre des programmes de la Communauté en liaison avec son secteur ;

(c) gushyikiriza Komite mpuzabikorwa igihe icyo ari cyo cyose raporo n'ibyifuzonama byerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'ibiteganyijwe n'aya Masezerano birebana n'ibyo ishinze ibyibwirije cyangwa ibisabwe na Komite mpuzabikorwa;	(c) submit from time to time, reports and recommendations to the Coordination Committee either on its own initiative or upon the request of the Co-ordination Committee concerning the implementation of the provisions of this Treaty that affect its sector; and	(c) soumet de temps à autre au comité de coordination, soit de sa propre initiative, soit à la demande de ce dernier, des rapports et des recommandations concernant la mise en œuvre des dispositions du traité ayant des incidences sur son secteur ; et
(d) kuzuzwa n'izindi nshingano zose yababwaho hashingiwe kuri aya Masezerano.	(d) have such other functions as may be conferred on it by or under this Treaty.	(d) exerce toutes autres fonctions qui lui sont conférées par ou en vertu du présent traité.
INGINGO YA 22 : Inama za Komite zishinzwe ibibazo byihariye	ARTICLE 22: Meetings of the Sectoral Committees	ARTICLE 22 : Réunion des comités sectoriels
Haseguriwe ibiteganywa n'amabwiriza ayo ari yo yose yashyirwaho n'Inama y'Abaminisitiri, Komite zishinzwe ibibazo byihariye ziterana kenshi gashoboka kugira ngo zuzuzwe inshingano zazo neza kandi zigenda imigendekere y'inama zazo.	Subject to any directions that may be given by the Council, the Sectoral Committees shall meet as often as necessary for the proper discharge of their functions and shall determine their own procedure.	Sous réserve des orientations pouvant être données par le Conseil, les comités sectoriels se réunissent aussi souvent que nécessaire pour exercer leurs fonctions et établissent leur propre procédure
UMUTWE WA VIII: URUKIKO RWA AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA	CHAPTER VIII: THE EAST AFRICAN COURT OF JUSTICE	CHAPITRE VIII : LA COUR DE JUSTICE DE L'AFRIQUE DE L'EST
INGINGO YA 23: Inshingano z'Urukiko	ARTICLE 23: Role of the Court	ARTICLE 23 : Rôle de la Cour
1. Urukiko ni rwo rwego rw'ubutabera rugenzura iyubahirizwa ry'amategeko mu bijyanye n'isobanurwa, ishyirwa mu	1. The Court shall be a judicial body which shall ensure the adherence to law	1. La Cour est un organe judiciaire qui doit garantir le respect de la loi tant dans

bikorwa n'iyubahirizwa ry'aya Masezerano.	in the interpretation and application of and compliance with this Treaty.	l'interprétation que dans l'application et l'observation du traité.
---	---	---

2. Urukiko rugizwe n'Urugereko rw'iremezo n'Urugereko rw'ubujurire.	2. The Court shall consist of a First Instance Division and an Appellate Division.	2. La Cour de justice comprend une chambre de première instance ainsi qu'une chambre d'appel.
---	--	---

3. Urugereko rw'iremezo rufite ububasha bwo kumva no gutanga umwanzuro, ku rwego rw'ibanze, ku kirego icyo ari cyose cyashyikirijwe Urukiko hakurikijwe aya Masezerano, haseguriwe uburenganzira bwo kujurira mu Rugereko rw'ubujurire nk'uko biteganyijwe n'ingingo ya 35A.	3. The First Instance Division shall have jurisdiction to hear and determine, at first instance, subject to a right of appeal to the Appellate Division under Article 35A, any matter before the Court in accordance with this Treaty.	3. Sous réserve du droit de recours auprès de la Chambre d'appel en vertu de l'article 35A, la Chambre de première instance est compétente pour connaître en première instance des affaires dont est saisie la Cour en vertu du présent traité
--	--	--

INGINGO YA 24: Abacamanza b'Urukiko	ARTICLE 24: Judges of the Court	ARTICLE 24 : Juges de la Cour
--	--	--------------------------------------

1. Abacamanza b'Urukiko bashyirwaho n'Inama y'Abakuru b'ibihugu ibatoranyije mu bantu batanzwe n'ibihugu bigize Umuryango, bakaba bazwiho kuba inyangamugayo, kutabogama no gukora mu bwigenge kandi bujuje ibisabwa mu bihugu bakomokamo kugira ngo bahabwe umwanya uhanitse nk'uwo mu butabera, cyangwa ari abanyamategeko bafite ubushobozi buzwi mu bihugu bakomokamo bigize Umuryango:	1. Judges of the Court shall be appointed by the Summit from among persons recommended by the Partner States who are of proven integrity, impartiality and independence and who fulfil the conditions required in their own countries for the holding of such high judicial office, or who are jurists of recognised competence, in their respective Partner States:	1. Les juges de la Cour sont nommés par le Sommet parmi les personnes recommandées par les États membres. Ils doivent être d'une grande intégrité, être impartiaux et indépendants et remplir les conditions exigées dans leur pays pour assurer des charges judiciaires de cette importance ou être des juristes dont la compétence est reconnue dans les États membres.
---	--	---

Ariko bigakorwa ku buryo nta	Provided that no more than	Pourvue qu'il n'y ait pas plus de
(a) bacamanza barenze babiri mu Rugereko rw'iremezo; cyangwa	(a) two Judges of the First Instance Division; or	(a) deux juges pour la Chambre de première instance, , et
(b) abacamanza barenze umwe mu Rugereko rw'Ubujurire, bashyirwaho batanzwe n'igihugu kimwe kigize Umuryango.	(b) one Judge of the Appellate Division, shall be appointed on the recommendation of the same Partner State.	(b) un juge pour la Chambre d'appel, nommés sur la recommandation du même État membre.
2. Urukiko rugizwe n'Abacamanza batarenze cumi na batanu, icumi muri bo bagashyirwa mu Rugereko rw'iremezo naho abatarenze batanu muri bo bagashyirwa mu Rugereko rw'ubujurire:	2. The Court shall be composed of a maximum of fifteen Judges of whom not more than ten shall be appointed to the First Instance Division and not more than five shall be appointed to the Appellate Division:	2. La Cour est composée de quinze juges au maximum, dont dix au maximum seront nommés auprès de la chambre de première instance et cinq au maximum auprès de la chambre d'appel.
Ariko bigakorwa ku buryo mu bacamanza bashyizwe bwa mbere mu Rukiko, manda ya kimwe cya gatatu cyabo irangira hashize imyaka itanu, manda y'abandi bagize kimwe cya gatatu cy'abo bacamanza ikarangira hashize imyaka itandatu naho abasigaye bagize kimwe cya gatatu cy'abo bacamanza bose bakarangiza manda yose y'imyaka irindwi.	Provided that of the Judges first appointed to the Court, the terms of one third of the Judges shall expire at the end of five years, the terms of another one third of the Judges shall expire at the end of six years and the remaining one third of the Judges shall serve their full terms of seven years.	Étant entendu qu'en ce qui concerne les juges nommés en premier auprès de la Cour, les mandats du premier tiers des juges expirent au bout de cinq ans, les mandats d'un deuxième tiers au bout de six ans et que le dernier tiers assurera un mandat complet de sept ans.

- | | | |
|--|--|---|
| <p>3. Abacamanza barangiza manda zabo mu byiciro bya mbere bimaze kuvugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo batoranywa n'Inama y'Abakuru b'ibihugu mu buryo bwa tombora bakimara gushyirwa mu Rukiko bwa mbere.</p> | <p>3. The Judges whose terms are to expire at the end of each of the initial periods mentioned in paragraph 2 of this Article shall be chosen by lot to be drawn by the Summit immediately after their first appointment.</p> | <p>3. Les juges dont les mandats expirent à la fin de chacune des périodes initiales mentionnées au paragraphe 2 du présent article seront choisis par tirage au sort du Sommet immédiatement après leur première nomination.</p> |
| <p>4. Inama y'Abakuru b'ibihugu igena abacamanza babiri bo mu Rugereko rw'Ubujurire, umwe akaba Perezida undi akaba Visi-Perezida, bashinzwe kuzuzanya inshingano z'iyi myanya nk'uko biteganyijwe muri aya Masezerano.</p> | <p>4. The Summit shall designate two of the Judges of the Appellate Division as the President and Vice-President respectively, who shall be responsible for the performance of such functions as are set out in this Treaty.</p> | <p>4. Le Sommet nomme président et vice-président de la Cour deux juges de la Chambre d'appel lesquels ont charge des fonctions décrites dans le présent traité.</p> |
| <p>5. Inama y'Abakuru b'ibihugu igena abacamanza babiri bo mu Rugereko rw'iremezo, umwe akaba Umucamanza mukuru undi akaba Umucamanza mukuru wungirije, bashinzwe kuzuzanya inshingano z'iyi myanya nk'uko ziteganyijwe muri aya Masezerano.</p> | <p>5. The Summit shall designate two of the Judges of the First Instance Division as the Principal Judge and Deputy Principal Judge respectively, who shall be responsible for the performance of such functions as may be set out in this Treaty.</p> | <p>5. Le Sommet nomme comme juge principal et juge principal suppléant deux juges de la Chambre de première instance lesquels ont charge des fonctions décrites dans le présent traité.</p> |
| <p>6. Perezida na Visi-Perezida, Umucamanza mukuru n'Umucamanza mukuru wungirije ntibakomoka mu gihugu kimwe kigize Umuryango.</p> | <p>6. The President and Vice-President, the Principal Judge and the Deputy Principal Judge, shall not be nationals of the same Partner State.</p> | <p>6. Le président et le vice-président, le juge principal et le juge principal suppléant ne doivent pas être des ressortissants du même État membre.</p> |
| <p>7. Inshingano za Perezida ni:</p> | <p>7. The President shall:</p> | <p>7. Le président</p> |

(a) kuba Umukuru w'Urukiko no kwita ku bijyanye n'ubuyobozi n'ubugenzuzi bw'Urukiko;	(a) be the Head of the Court and shall be responsible for the administration and supervision of the Court;	(a) est à la tête de la Cour et est responsable de l'administration et de la supervision de la Cour ; et
(b) kuyobora imirimo y'Urugereko rw'Ubujurire, kuruhagararira, kugena uburyo ibirego bishyikirijwe Urukiko bikurikirana kandi akayobora iburanisha.	(b) direct work of the Appellate Division, represent it, regulate the disposition of the matters brought before the Court and preside over its sessions.	(b) dirige les travaux de la Chambre d'appel, la représente, établit le calendrier des affaires dont est saisie la Cour et préside les sessions de la Cour.
8. Umucamanza mukuru ayobora imirimo y'Urugereko rw'ibanze, akaruhagararira, akagenda uburyo ibirego bishyikirijwe Urukiko bikurikirana kandi akayobora iburanisha.	8. The Principal Judge shall direct work of the First Instance Division, represent it, regulate the disposition of the matters brought before the Court and preside over its sessions.	8. Le Juge principal dirige les travaux de la Chambre de première instance, la représente, établit le calendrier des affaires dont est saisie la Cour et préside les sessions de la Cour.
9. Umwanya wa Perezida w'Urukiko ugenda usimburanwaho uko buri manda irangiye.	9. The office of President of the Court shall be held in rotation after the completion of any one term.	9. La présidence de la Cour est tournante à la fin de chaque mandat.
10. Perezida w'Urukiko ayobora imirimo y'Urugereko rw'Ubujurire, akaruhagararira, akagenda uburyo ibirego bishyikirijwe Urukiko bikurikirana kandi akayobora iburanisha.	10. The President of the Court shall direct the work of the Court, represent it, regulate the disposition of matters brought before the Court, and preside over its sessions.	10. Le président de la Cour dirige les travaux de la Cour, la représente, établit le calendrier des affaires dont la Cour est saisie et préside ses sessions.

INGINGO YA 25: Manda y'Abacamanza	ARTICLE 25: Tenure of Office of Judges	ARTICLE 25 : Durée des fonctions des juges
--	---	---

- | | | |
|--|---|--|
| <p>1. Haseguriwe ibivugwa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 24, manda y'Umucamanza ushyizweho hakurikijwe ibiteganyijwe mu gika cya 1 cy'ingingo ya 24 y'aya Masezerano, imara igiye kitarenze imyaka irindwi.</p> | <p>1. Subject to paragraph 2 of Article 24, a Judge appointed under paragraph 1 of Article 24 of this Treaty, shall hold office for a maximum period of seven years.</p> | <p>1. Sous réserve du paragraphe 2 de l'article 24, un juge nommé selon les termes du paragraphe 1 de l'article 24 du présent traité occupe ses fonctions pendant une période maximale de sept ans.</p> |
| <p>2. Umucamanza agumana uwo mwanya kugeza manda ye irangiye keretse iyo yeguye cyangwa agejeje ku myaka mirongo irindwi (70) y'amavuko, yitabye Imana cyangwa yirukanwe ku kazi hakurikijwe aya Masezerano.</p> | <p>2. A Judge shall hold office for the full term of his or her appointment unless he or she resigns or attains seventy (70) years of age or dies or is removed from office in accordance with this Treaty</p> | <p>2. Un juge reste en fonction pendant tout le terme de son mandat à moins qu'il ne démissionne, qu'il n'atteigne l'âge de 70 ans, qu'il ne décède ou qu'il ne soit démis de ses fonctions conformément aux dispositions du présent traité.</p> |
| <p>3. Iyo manda y'Umucamanza irangiye bitewe nuko igihe cyateganyijwe kirangiye cyangwa yeguye mbere y'uko hafatwa icyemezo cyangwa hatangwa umwanzuro w'Urukiko ku byerekeranye n'urubanza rwaburanishijwe muri urwo Rukiko uwo mucamanza afitemo uruhare, akomeza kuba Umucamanza kugeza urwo rubanza afitemo uruhare rurangiye.</p> | <p>3. Where the term of office of a Judge comes to an end by effluxion of time or on resignation before a decision or opinion of the Court with respect to a matter which has been argued before the Court of which he or she was a member is delivered, that Judge shall, only for the purpose of completing that particular matter, continue to sit as a Judge.</p> | <p>3. Lorsque le mandat d'un juge vient à terme par expiration ou démission avant que la Cour n'ait donné son arrêt ou son avis consultatif sur une affaire à l'examen de laquelle il avait participé en tant que membre de la Cour, ce juge doit, aux seules fins de la clôture de cette affaire, continuer de siéger en qualité de juge.</p> |
| <p>4. Igihe icyo ari cyo cyose, Umucamanza aba ashobora kwegura ku mirimo ye, akabimenyesha mu nyandiko Umuyobozi w'Inama y'Abakuru b'ibihugu mbere</p> | <p>4. A Judge may, at any time, resign his or her office by giving three months' written notice to the Chairman of the Summit through the Secretary General.</p> | <p>4. Tout juge peut, à tout moment, démissionner de ses fonctions en remettant à cet effet un préavis écrit de trois mois au Secrétaire général pour transmission au président du Sommet.</p> |

y'amezi atatu binyujijwe ku
Munyamabanga Mukuru.

5. Umushahara n'ibindi bigenerwa Umucamanza bidateganyijwe muri aya Masezerano bigenwa n'Inama y'Abakuru b'ibihugu ishingiyeye ku cyifuzo cy'Inama y'Abaminisitiri.

5. The salary and other terms and conditions of service of a Judge not provided for in this Treaty shall be determined by the Summit on the recommendation of the Council.

5. Les émoluments et les autres termes et conditions de la fonction de juge qui ne sont pas prévus dans le présent traité seront fixés par le Sommet sur recommandation du Conseil.

INGINGO YA 26 : Gusezererwa ku mirimo no kuba umucamanza w'Urukiko mu gihe cy'agateganyo

ARTICLE 26: Removal from Office and Temporary Membership of the Court

ARTICLE 26 : Destitution et membres provisoires de la Cour

1. Nta mucamanza uvanwa ku mirimo, keretse bikozwe n'Inama y'Abakuru b'ibihugu kubera impamvu zikurikira:

1. A Judge shall not be removed from office except by the Summit—

1. Un juge ne peut être destitué que par le Sommet

(a) imyitwarire mibi cyangwa kudatunganya imirimo ye bitewe n'ubumuga bwo mu mutwe cyangwa bw'umubiri;

(a) for misconduct or for inability to perform the functions of his or her office due to infirmity of mind or body;

(a) pour mauvaise conduite notoire ou pour incapacité d'accomplir ses fonctions à cause d'une infirmité physique ou mentale ;

Ariko umucamanza avanwa ku mirimo gusa nk'uko biteganyijwe n'aka gace iyo ikibazo cyerekeye ukuvanwa ku mirimo kwe cyashyikirijwe urukiko rwigenga rudahoraho rwashyiriweho gukemura icyo kibazo n'Inama y'Abakuru b'ibihugu, rwasabye ko uwo mucamanza avanwa ku

Provided that a Judge shall only be removed from office under this sub paragraph if the question of his or her removal from office has been referred to an ad hoc independent tribunal appointed for this purpose by the Summit and the tribunal has

Nonobstant les dispositions de cet alinéa, un juge de la Cour ne peut être destitué que si la question de sa destitution a été référée à un tribunal ad hoc indépendant constitué dans ce but par le Sommet et que le tribunal a recommandé de destituer le juge pour

mirimo ye bitewe n'imyifatire mibi cyangwa no kutuzuza inshingano ze;	recommended that the Judge be removed from office for misconduct or inability to perform the functions of his or her office; or	mauvaise conduite notoire ou pour incapacité d'accomplir ses fonctions.
(b) iyo akora indi mirimo y'ubucamanza cyangwa ari umukozi wa Leta mu gihugu kigize Umuryango	(b) in the case of a Judge who also holds judicial office or other public office in a Partner State—	(b) dans le cas où un juge exerce également des fonctions judiciaires ou assume une autre charge publique dans un État membre
(i) asezerewe kuri iyo mirimo bitewe n'imyifatire mibi cyangwa kudatunganya imirimo ye ku mpamvu iyo ari yo yose;	(i) is removed from that office for misconduct or due to inability to perform the functions of the office for any reason; or	i) est destitué de ses fonctions pour mauvaise conduite notoire ou pour incapacité d'accomplir ses fonctions pour une quelconque raison ; ou
(ii) yeguye kuri iyo mirimo bitewe nuko aregwa kwitwara nabi cyangwa no kudatunganya imirimo ye ku mpamvu iyo ari yo yose;	(ii) resigns from that office following allegation of misconduct or of inability to perform the functions of the office for any reason;	ii) démissionne de ses fonctions pour allégation de mauvaise conduite notoire ou d'incapacité d'accomplir ses fonctions pour une quelconque raison ;
(c) iyo byemejwe ko yahombye burundu hakurikijwe ibiteganyijwe n'amategeko akoreshwa mu gihugu kigize Umuryango;	(c) if the Judge is adjudged bankrupt under any law in force in a Partner State; or	(c) si le juge est déclaré en état de faillite conformément au droit en vigueur dans un État membre ; ou
(d) iyo ahamwe n'icyaha kijyanye no kubura ubunyangamugayo, gukora magendu cyangwa se imyifatire mibi hakurikijwe itegeko iryo ari ryo ryose rikoreshe mu gihugu kigize Umuryango.	(d) if the Judge is convicted of an offence involving dishonesty or fraud or moral turpitude under any law in force in a Partner State.	(d) si le juge a fait l'objet d'une condamnation pour malhonnêteté, pour fraude ou pour un délit affectant sa moralité professionnelle conformément au droit en vigueur dans un État membre;

2. Haseguriwe ibivugwa mu gika cya 2B, Inama y'Abakuru b'ibihugu ishobora guhagarika umucamanza ku mirimo ye iyo :	2. the Summit may, subject to paragraph 2B, suspend the Judge from the exercise of the functions of his or her office where:	2. le Sommet peut, sous réserve du paragraphe 2B, suspendre le juge de l'exercice des fonctions de sa charge lorsque:
(a) ikibazo cyo kumusezerera cyashyikirijwe Urukiko hakurikijwe ibivugwa mu gika cya 1(a); cyangwa	(a) the question of removing a Judge has been referred to a tribunal under paragraph 1(a); or	(a) la question de destituer un juge de ses fonctions a été référée à un tribunal en vertu du paragraphe 1, a) ou
(b) hari urukiko cyangwa urundi rwego rubifitiye ububasha mu gihugu kigize Umuryango rurimo kumukoraho iperereza ryerekeranye no kumuvana ku mirimo nk'uko bivugwa mu gika cya 1(b);	(b) a Judge is subject to investigation by a tribunal or other relevant authority of a Partner State with a view to his or her removal from an office referred to in paragraph 1(b); or	(b) un juge est soumis à une enquête par un tribunal ou par toute autre autorité compétente d'un État membre en vue de sa destitution en vertu du paragraphe 1, b) ou
(c) ashinjwa icyaha kivugwa mu gika cya 1(d) hashingiwe ku itegeko iryo ari ryo ryose rikurikizwa mu gihugu kigize Umuryango.	(c) a Judge is charged with an offence referred to in paragraph 1(d) under any law in force in a Partner State, the Summit may, subject to paragraph 2B, suspend the Judge from the exercise of the functions of his or her office	(c) un juge fait l'objet d'une condamnation telle que mentionnée au paragraphe 1, d) en vertu du droit en vigueur dans un État membre, le Sommet peut, sous réserve du paragraphe 2, suspendre le juge de l'exercice des fonctions liées à sa charge.
2A. Iyo umucamanza ahagaritswe ku mirimo hakurikijwe ibivugwa mu gika cya 2, igihugu kigize Umuryango akomokamo gishyikiriza Inama y'Abakuru b'ibihugu undi ubifitiye ubushobozi hakurikijwe ibiteganyijwe n'ingingo ya 24 kugira ngo imushyire by'agateganyo mu mwanya	2A. Where a Judge is suspended under paragraph 2, his or her respective Partner State shall recommend a person qualified in terms of Article 24 to the Summit for appointment as a temporary Judge for the duration of such suspension.	2A Lorsqu'un juge est suspendu de ses fonctions conformément au paragraphe 2, son État membre désigne une personne qualifiée aux termes de l'article 24 qu'il recommande au Sommet pour être nommée comme juge temporaire pour la durée de cette suspension.

w'Umucamanza mu gihe cy'iryo
hagarikwa.

2B. Guhagarika Umucamanza ku mirimo nk'uko biteganyijwe mu gika cya 2 bishobora, igihe icyo ari cyo cyose, kuvanwaho n'Inama y'Abakuru b'ibihugu kandi buri gihe bigata agaciro iyo :

(a) urukiko rwashyizweho hakurikijwe ibivugwa mu gika cya 1(a) rwemeje ko uwo mucamanza atavanwa ku murimo;

(b) urukiko cyangwa urundi rwego rubifitiye ububasha mu gihugu kigize Umuryango rusanze uwo mucamanza atavanwa ku mirimo ivugwa mu gika cya 1(b);

(c) uwo mucamanza agizwe umwere ku cyaha kivugwa mu gika cya 1(d) n'urukiko rubifitiye ububasha rwo mu gihugu kigize Umuryango.

3. Urukiko rwashyizweho hakurijwe ibivugwa mu gika cya 1(a) cy'iyi ngingo rugizwe n'Abacamanza batatu bo ku rwego

2B. The suspension of a Judge under paragraph 2 may, at any time, be revoked by the Summit and shall, in any case, cease to have effect if–

(a) the tribunal appointed under paragraph 1(a) recommends to the Summit that the Judge should not be removed from office; or

(b) a tribunal or other relevant authority of a Partner State recommends that the Judge should not be removed from an office referred to in paragraph 1(b); or

(c) the Judge is acquitted of an offence referred to in paragraph 1(d) by a court of competent jurisdiction in a Partner State.

3. The tribunal appointed under paragraph 1(a) of this Article shall consist of three eminent Judges drawn

2B La suspension d'un juge conformément au paragraphe 2 du présent article peut à tout moment être révoquée par le Sommet et doit, dans tous les cas, cesser si

(a) le tribunal désigné conformément au paragraphe 1, a) recommande au Sommet de ne pas démettre le juge de ses fonctions ; ou

(b) un tribunal ou une autre autorité compétente d'un État membre recommande de ne pas démettre le juge de ses fonctions conformément au paragraphe 1, b) ; ou

(c) le juge est acquitté d'une condamnation telle que mentionnée au paragraphe 1, d) par un tribunal compétent d'un État membre.

3. Le tribunal désigné au paragraphe 1, a) du présent article doit être composé de trois juges éminents des pays du Commonwealth.

ruhanitse bakomoka mu Muryango w'ibihugu bikoresha icyongereza. from within the Commonwealth of Nations.

4. Igihe icyo ari cyo cyose Perezida w'Urugereko rw'Ubujurire, cyangwa Umucamanza mukuru w'Urugereko rw'iremezo rw'Urukiko adashobora kuzuzanya inshingano ze bitewe n'impamvu iyo ari yo yose, asimburwa na Visi-Perezida cyangwa Umucamanza mukuru wungirije, bitewe n'urugereko urwo ari rwo.

4. At any time when the President of the Appellate Division, or the Principal Judge of the First Instance Division of the Court is for any reason unable to perform the functions of his or her office, those functions shall be performed by the Vice President or the Deputy Principal Judge, as the case may be.

4. Si, pour une raison quelconque, le président de la Chambre d'appel ou le juge principal de la Chambre de première instance de la Cour est dans l'incapacité d'exercer les fonctions liées à sa charge, ces fonctions sont, selon le cas, assumées par le vice président ou par le juge principal suppléant.

5. Uburyo bwo gusimbuza ababura mu myanya y'imirimo mu Rukiko bugenwa mu mategeko arugenga.

5. The procedure for filling vacancies in the Court shall be prescribed in rules of the Court.

5. La procédure pour remplir les postes vacants à la Cour est prescrite dans les règlements du tribunal.

6. Iyo umucamanza afite inyungu ku buryo butaziguye cyangwa buziguye mu rubanza ruburanishirizwa mu Rukiko, kandi abona ko imiterere y'izo nyungu yabangamira uruhare rwe muri urwo rubanza, iyo ari mu Rugereko rw'iremezo aha raporo Umucamanza mukuru, cyangwa yaba ari mu Rugereko rw'ubujurire, akayishyikiriza Perezida. Iyo Perezida cyangwa Umucamanza mukuru bitewe n'urugereko urwo ari rwo, asanze izo nyungu z'umucamanza zibangamye muri urwo

6. If a Judge is directly or indirectly interested in a case before the Court, and if he or she considers that the nature of his or her interest is such that it would be prejudicial for him or her to take part in that case, such a Judge shall, if in the First Instance Division, make a report to the Principal Judge, or, if in the Appellate Division, make a report to the President, and if the President or Principal Judge considers the Judge's interest in the case prejudicial, the

6. Si un juge est directement ou indirectement intéressé dans un litige soumis à la Cour, et s'il considère que la nature de son intérêt est telle qu'elle risque de porter préjudice à l'affaire, ce juge doit, dans la Chambre de première instance, informer le juge principal ou, dans la Chambre d'appel, le président de la nature de son intérêt ; si le président ou le juge principal de la Cour est d'avis que la nature de l'intérêt du juge peut porter préjudice à l'affaire, il fait rapport au président du Sommet et le Sommet nomme alors un juge temporaire uniquement

rubanza ashyikiriza raporo Umuyobozi w’Inama y’Abakuru b’ibihugu igashyiraho by’agateganyo undi mucamanza kugira ngo amusimbure muri urwo rubanza gusa.

President or Principal Judge, as the case may be, shall make a report to the Chairperson of the Summit, and the Summit shall appoint a temporary Judge to act for that case only in place of the substantive Judge.

pour remplacer le juge de fond dans cette affaire.

7. Iyo Perezida cyangwa Umucamanza mukuru w’Urukiko afite inyungu ku buryo butaziguye cyangwa buziguye mu rubanza ruburanishirizwa mu Rukiko, akabona ko imiterere y’izo nyungu yabangamira uruhare rwe muri urwo rubanza, ashyikiriza raporo Umuyobozi w’Inama y’Abakuru b’ibihugu igashyiraho by’agateganyo perezida cyangwa umucamanza mukuru w’Urukiko kugira ngo amusimbure muri urwo rubanza gusa.

7. If the President or Principal Judge of the Court is directly or indirectly interested in a case before the Court he or she shall, if he or she considers that the nature of his or her interest is such that it would be prejudicial for him or her to take part in that case, make a report to the Chairperson of the Summit and the Summit shall appoint a temporary President or Principal Judge of the Court to act as President or Principal Judge of the Court for that case only in place of the substantive President or Principal Judge of the Court.

(e) ataritabiriye imirimo y'Inteko mu gihe kigenwa no ku mpamvu ziteganywa mu mategeko ngengamikorere y'Inteko;	(e) upon his or her having been absent from the Assembly for such period and in such circumstances as are prescribed by the rules of procedure of the Assembly; or	(e) s'il a été absent de l'Assemblée pendant une certaine période et dans des circonstances prévues dans le règlement de procédure de l'Assemblée ; ou
(f) yahamwe n'icyaha mu rubanza rwaciwe n'Urukiko rubifitiye ububasha agakwirwa	(f) upon his or her conviction by a Court of competent jurisdiction of an offence	(f) s'il est reconnu coupable par un tribunal compétent d'un délit et condamné à une peine

igihano cy'igifungo kirenze amezi atandatu, iyo nta bujuri bwemewe bwatangiwe icyo cyemezo.

and sentenced to imprisonment for a term exceeding six months and if no appeal has been preferred against such a decision.

de prison de plus de six mois et si aucun appel n'est interjeté contre la sentence.

INGINGO YA 52: Ibibazo bijyanye no kuba umwe mu bagize Inteko

ARTICLE 52: Questions as to Membership of the Assembly

ARTICLE 52 : Questions relatives à l'appartenance à l'Assemblée

1. Ikibazo icyo ari cyo cyose cyavuka kijyanye n'itorwa ry'umuntu nk'umwe mu bagize Inteko cyangwa no kuba hari umwanya utarimo umuntu mu Nteko gikemurwa n'ikigo cy'igihugu kigize Umuryango gikemura ibibazo by'amatora y'abagize inteko y'icyo gihugu kandi gishinzwe amatora arebwa.

1. Any question that may arise whether any person is an elected member of the Assembly or whether any seat on the Assembly is vacant shall be determined by the institution of the Partner State that determines questions of the election of members of the National Assembly responsible for the election in question.

1. Toute question résultant soit de l'élection d'une personne en tant que membre de l'Assemblée, soit du fait qu'un siège de l'Assemblée est vacant, doit être résolue par l'institution de l'État membre qui est compétente pour les questions relatives à l'élection des membres de l'Assemblée nationale et qui est responsable de l'élection en question.

2. Inteko z'ibihugu bigize Umuryango zimenyesha Perezida w'Inteko icyemezo cyafashwe hakurikijwe ibivugwa mu gika cya 1 cy'iyi ngingo.

2. The National Assembly of the Partner States shall notify the Speaker of the Assembly of every determination made under paragraph 1 of this Article.

2. L'Assemblée nationale de l'État membre notifie au président de l'Assemblée toute décision prise en application du paragraphe 1 du présent article.

INGINGO YA 53 : Perezida w'Inteko

ARTICLE 53: Speaker of the Assembly

ARTICLE 53 : Le président de l'Assemblée

1. Abagize Inteko bitoramo Perezida w'Inteko ku buryo basimburana kuri uwo mwanya mu gihe cy'imyaka itanu.	1. The Speaker of the Assembly shall be elected on rotational basis by the elected members of the Assembly from among themselves to serve for a period of five years.	1. Le président de l'Assemblée est élu par roulement pour une durée de cinq ans par les membres élus de l'Assemblée.
2. Perezida w'Inteko ava kuri uwo mwanya kubera impamvu zikurikira:	2. The Speaker of the Assembly shall vacate his or her office:	2. Le président de l'Assemblée doit renoncer à ses fonctions :
(a) iyo manda yatorewe irangiye;	(a) upon the expiry of the period for which he or she was elected;	(a) à l'expiration de la durée de son mandat ;
(b) iyo yeguye mu nyandiko ishyikirizwa Abagize Inteko batorwa;	(b) if he or she delivers his or her resignation in writing to the elected members; or	(b) s'il présente sa démission par écrit aux membres élus ; ou
(c) iyo atacyujije ibisabwa kugira ngo atorerwe kuba Perezida w'Inteko.	(c) if he or she ceases to be qualified for election as Speaker of the Assembly.	(c) s'il n'est plus qualifié pour présider l'Assemblée.
3. Perezida w'Inteko ashobora kuvanwa ku mirimo hashingiwe ku mwanzuro wafashwe ku bwiganze nibura bwa bibiri bya gatanu by'abatorerwa kuba abagize Inteko kubera kutabasha kuzuza inshingano bitewe n'ubumuga bwo mu mutwe cyangwa bw'umubiri cyangwa kubera imyitwarire mibi.	3. The Speaker of the Assembly may be removed from office by a resolution supported by not less than two thirds majority of the elected members for inability to perform the functions of his or her office, whether arising from infirmity of mind or body or for misconduct.	3. Le président de l'Assemblée peut être relevé de ses fonctions par une résolution soutenue par la majorité des deux tiers des membres élus pour incapacité de les exercer, que l'incapacité soit physique ou mentale ou pour mauvaise conduite.

INGINGO YA 54: Gutumira abantu ngo bafashe Inteko

1. Perezida w'Inteko ashobora gutumira umuntu mu mirimo yayo nubwo yaba atari umwe mu bayigize, iyo abona ko ibirimo gusuzumwa n'Inteko bisaba ko yaba ahari.

2. Amategeko ngengamikorere y'Inteko ashyiraho ingingo zireba umuntu watumiwe kugira uruhare mu mirimo y'Inteko ku bijyanye n'ibibazo byatumye atumirwa.

INGINGO YA 55 : Inama z'Inteko

1. Inama z'Inteko zikorera ku bihe n'ahantu byagenwe n'Inteko.

2. Haseguriwe ibiteganyijwe mu gika cya 1 cy'iyi ngingo, Inteko iteranira Arusha muri Repubulika Yunze Ubumwe ya Tanzaniya

ARTICLE 54 : Invitation of Persons to Assist the Assembly

1. The Speaker of the Assembly, may invite any person to attend the Assembly, notwithstanding that he or she is not a member of the Assembly, if in his or her opinion the business before the Assembly renders his or her presence desirable.

2. The rules of procedure of the Assembly shall make provisions for a person so invited to take part in the proceedings of the Assembly relating to the matters in respect of which he or she was invited.

ARTICLE 55: Meetings of the Assembly

1. The meetings of the Assembly shall be held at such times and places as the Assembly may appoint.

2. Subject to the provisions of paragraph 1 of this Article, the Assembly shall meet at least once in every year at Arusha in the United Republic of

ARTICLE 54: Invitation à assister aux travaux de l'Assemblée

1. Le président de l'Assemblée peut inviter toute personne à assister aux travaux de l'Assemblée bien qu'elle n'en soit pas membre s'il estime que l'affaire soumise à l'Assemblée rend sa présence souhaitable.

2. Le règlement de procédure de l'Assemblée doit prévoir des dispositions permettant à la personne invitée de participer aux débats portant sur les questions pour lesquelles elle a été invitée.

ARTICLE 55 : Réunions de l'Assemblée

1. Les réunions de l'Assemblée sont tenues aux dates et aux lieux fixés par l'Assemblée.

2. Sous réserve des dispositions du paragraphe 1 du présent article, l'Assemblée se réunit au moins une fois par an à Arusha, en République

nibura rimwe mu mwaka ku matariki agenwa n’Inteko.	Tanzania and at a time to be determined by the Assembly.	Unie de Tanzanie, à une date fixée par l’Assemblée.
---	---	--

**INGINGO YA 56 : Imiyoborere y’inama
y’Inteko**

**ARTICLE 56: Presiding in the
Assembly**

ARTICLE 56 : Présidence de l’Assemblée

Inama y’Inteko iyoborwa na:

There shall preside at any sitting of the
Assembly:

La personne devant présider les réunions de
l’Assemblée est

(a) Perezida w’Inteko,

(a) the Speaker of the Assembly, or

(a) le président de l’Assemblée ; ou

(b) umwe mu batorerwa kuba mu bagize
Inteko utorwa na bagenzi be kugira ngo
ayobore iyo nama, iyo Perezida w’Inteko
adahari.

(b) in the absence of the Speaker of the
Assembly, such elected member of the
Assembly as the elected members may
elect for the sitting.

(b) encas d’absence du Président de
l’Assemblée, le membre élu de l’Assemblée
que les membres élus peuvent élire pour la
séance.

**INGINGO YA 57 : Umubare wa
ngombwa kugira ngo Inteko iterane
n’imyanya yo mu Nteko itarimo abantu**

**ARTICLE 57: Quorum and
Vacancies in the Assembly**

**ARTICLE 57 : Quorum et vacances de
l’Assemblée**

1. Haseguriwe ibiteganyijwe muri iyi
ningo, amategeko ngengamikorere
ateganya umubare wa ngombwa na bamwe
mu bagize Inteko batorwa bagomba kuba
bahari kugira ngo Inteko iterane.

1. Subject to this Article, the rules of
procedure of the Assembly shall make
provision as to the number and
composition of the elected members that
shall constitute a quorum of the
Assembly.

1. Sous réserve des dispositions du présent
article, le règlement de procédure de
l’Assemblée doit prévoir le nombre et la
composition des membres élus qui constituent
le quorum de l’Assemblée.

2. Mu kubara abahari hagamiywe kubahiriza impamvu zivugwa mu gika cya 1 cy'iyi ngingo, umuntu uyobora inama ntabwo abarirwamo.

3. Inteko ishobora gukora imirimo yayo nubwo haba hari umwanya utarimo umuntu mu bayigize, kandi kuba hari umuntu udafite uburenganzira bwo gukurikirana cyangwa kugira uruhare mu mihango y'Inteko ntibitesha agaciro iyo mihango.

INGINGO YA 58 : Uko amatora akorwa mu Nteko

1. Ibibazo byose bifatwaho umwanzuro mu Nteko bikemurwa ku bwiganze bw'amajwi y'abagize Inteko bitabiriye inama kandi bemerewe gutora.

2. Abashyirwa mu Nteko kubera imirimo bashinzwe ntabwo bemerewe gutora mu Nteko.

3. Igihe Perezida w'Inteko adahari hakaba hari undi mu bayigize uyoboye inama,

2. In reckoning the number of members who are present for the purposes of paragraph 1 of this Article, the person presiding shall not be taken into account.

3. The Assembly may transact business notwithstanding that there is a vacancy among its members, and the attendance or participation of any person not entitled to attend or participate in the proceedings of the Assembly shall not invalidate those proceedings.

ARTICLE 58: Voting in the Assembly

1. All questions proposed for decision in the Assembly shall be determined by a majority of the votes of the members present and voting.

2. The ex-officio members of the Assembly shall not be entitled to vote in the Assembly.

3. When in the absence of the Speaker of the Assembly a member is presiding

2. Lors du comptage, aux fins du paragraphe 1 du présent article, du nombre de membres présents, la personne qui préside n'est pas comptée.

3. L'Assemblée peut mener ses travaux en dépit de l'absence de certains membres. La présence ou la participation à ces travaux de personnes qui ne sont pas habilitées à y assister ou à y participer n'en invalide pas la procédure.

ARTICLE 58 : Votes à l'Assemblée

1. Toutes les questions soumises à la décision de l'Assemblée sont votées à la majorité des voix des membres présents et votants.

2. Les membres ex officio de l'Assemblée ne sont pas habilités à voter à l'Assemblée.

3. Lorsque, en l'absence du président de l'Assemblée, un membre préside l'Assemblée, ce dernier conserve son droit de vote.

uyoboze inama agumana uburenganzira bwe bwo gutora.	in the Assembly, the member presiding shall retain his or her right to vote.	
4. Iyo amajwi y'abagize Inteko angana ku bijyanye n'icyemezo gitorerwa, icyo cyemezo ntigifatwa.	4. If the votes of the members are equally divided upon any motion before the Assembly, the motion shall be lost.	4. En cas de partage égal des voix lors du vote d'une motion soumise à l'Assemblée, ladite motion est abandonnée.
INGINGO YA 59 : Imishinga y'amategeko n'ibyifuzo bisuzumirwa mu Nteko	ARTICLE 59: Bills and Motions in the Assembly	ARTICLE 59 : Propositions de lois et motions à l'Assemblée
1. Haseguriwe amategeko ngengamikorere y'Inteko, umwe mu bayigize wese ashobora kuyigezaho icyifuzo cyangwa Umushinga w'itegeko:	1. Subject to the rules of procedure of the Assembly, any member may propose any motion or introduce any Bill in the Assembly:	1. Sous réserve du règlement de procédure à l'Assemblée, tout membre peut proposer une motion ou un projet de loi ;
Ariko icyifuzo kitajyanye n'inshingano z'Umuryango kimwe n'Umushinga w'itegeko uterekeranye n'ikibazo gishobora gutuma Umuryango ushyiraho amategeko ntibigezwa ku Nteko.	Provided that a motion which does not relate to the functions of the Community shall not be proposed in the Assembly, and a Bill which does not relate to a matter with respect to which Acts of the Community may be enacted shall not be introduced into the Assembly.	Étant entendu qu'une motion qui ne relève pas des attributions de la Communauté ne peut être proposée à l'Assemblée et qu'une proposition de loi qui ne se rapporte pas à une matière qui peut être sujette à la mise en œuvre d'actes de la Communauté ne peut être présentée à l'Assemblée
2. Inteko:	2. The Assembly shall not:	2. L'Assemblée ne doit pas :
(a) ntisuzuma umushinga w'itegeko cyangwa ngo iwuvugurure, iyo uyoboze	(a) proceed on any Bill, including an amendment to any Bill, that, in the opinion of the person presiding, makes	(a) statuer sur un projet de loi ou sur un amendement à un projet de loi qui, de l'avis de

inama abona ko uwo mushinga uteganya kimwe muri ibi bikurikira:	provision for any of the following purposes:	la personne qui préside, vise l'une des fins suivantes :
(i) kugena amafaranga ayo ari yo yose acibwa ikigega icyo ari cyo cyose cy'Umuryango;	(i) for the imposition of any charge upon any fund of the Community;	i) l'imposition d'une charge sur l'un des fonds de la Communauté ;
(ii) kwishyura, gutanga cyangwa kuvana mu kigega cy'Umuryango amafaranga kitaciwe cyangwa kongera ayo mafaranga yishyurwa, atangwa cyangwa avanwa muri icyo kigega;	(ii) for the payment, issue or withdrawal from any fund of the Community of any moneys not charged thereon or the increase in the amount of any such payment, issue or withdrawal;	(ii) le paiement, l'émission ou le retrait à partir d'un fonds de la Communauté qui n'est pas prévu à cet effet ou l'augmentation d'un montant de ce paiement, émission ou retrait ;
(iii) kvanaho umwenda ugomba kwishyurwa Umuryango;	(iii) for the remission of any debt due to the Community; or	iii) la remise d'une dette due à la Communauté ; ou
(b) ntisuzuma icyifuzo icyo ari cyo cyose cyangwa ngo ikivugurure, iyo uyoboye inama abona ko icyo cyifuzo cyatuma hafatwa icyemezo kigamije ibimaze kuvugwa haruguru.	(b) proceed upon any motion, including any amendment to a motion, the effect of which, in the opinion of the person presiding, would be to make provision for any of the said purposes.	(b) statuer sur une motion, ou sur un amendement à une motion, qui aurait pour effet, de l'avis de la personne qui préside, de prévoir des dispositions visant l'une des fins susmentionnées.
3. Ku biteganyijwe mu gika cya 1 n'icya 2 by'iyi ngingo, hiyongeraho ibi bikurikira:	3. In addition to the provisions of paragraphs 1 and 2 of this Article:	3. Outre les dispositions des paragraphes 1 et 2 du présent article :
(a) buri mwaka Inama y'Abaminisitiri isohora raporo rusange y'ibikorwa by'Umuryango ikanayigeza ku nama	(a) the Council shall publish annually and present to a meeting of the Assembly a general report on the activities of the Community and which	(a) le Conseil publie annuellement un rapport général sur les activités de la Communauté qui est présenté et discuté à la réunion de l'Assemblée ;

y'Inteko kugira ngo iyisuzume mu nama yayo;	the Assembly shall consider at its meeting;	
(b) Inteko ishobora gufata ku bwiganze bw'amajwi icyemezo gisaba Inama y'Abaminisitiri gutanga imyanzuro iboneye ku bibazo ibona ko Umuryango ukwiye gufataho icyemezo hagamijwe kubahiriza aya Masezerano;	(b) the Assembly may by a majority of votes cast request the Council to submit any appropriate proposals on matters on which it considers that action is required on the part of the Community for the purpose of implementing this Treaty; and	(b) l'Assemblée peut décider à la majorité de demander au Conseil de présenter toute proposition appropriée sur des questions dont elle estime qu'une décision est nécessaire pour la mise en œuvre du traité ; et
(c) Inteko yungurana ibitekerezo buri mwaka kuri raporo igezwaho n'Inama y'Abaminisitiri yerekeye intambwe Umuryango umaze gutera ushyiraho za politiki rusange zawo mu bijyanye n'ububanyi n'amahanga n'umutekano.	(c) the Assembly shall hold an annual debate on the report to be submitted to it by the Council on progress made by the Community in the development of its common foreign and security policies.	(c) l'Assemblée organise un débat annuel sur le rapport qui doit lui être soumis par le Conseil sur les progrès effectués par la Communauté dans le développement des politiques étrangères et de sécurité communes.
INGINGO YA 60: Amategeko ngengamikorere y'Inteko	ARTICLE 60: Rules of Procedure of the Assembly	ARTICLE 60 : Règlements de procédure de l'Assemblée
Inteko ishobora gushyiraho, kuvugurura, kongera cyangwa kumanaho amategeko ngengamikorere yayo.	The Assembly may make, amend, add to or revoke rules governing the procedure of the Assembly.	L'Assemblée peut établir, amender, ajouter ou annuler les règlements de procédure de l'Assemblée.
INGINGO YA 61 : Ububasha, Uburenganzira bwihariye n'Ubudahangarwa by'Inteko n'abayigize	ARTICLE 61 :Powers, Privileges and Immunities of the Assembly and its Members	ARTICLE 61: Pouvoirs, privilèges et immunités de l'Assemblée et de ses membres

- | | | |
|--|--|---|
| <p>1. Abagize Inteko ntibakurikiranwa kubera ibikorwa cyangwa amakosa bakoze mu mirimo yabo nk'uko biteganyijwe muri aya Masezerano.</p> | <p>1. The Members of the Assembly shall be immune from legal action for any acts of omission or commission in the discharge of their functions under this Treaty.</p> | <p>1. Les membres de l'Assemblée ne peuvent être poursuivis juridiquement pour des actes d'omission ou pour des actes qu'ils ont commis dans l'exercice des fonctions dont ils sont investis en vertu du présent traité.</p> |
| <p>2. Kugira ngo imirimo ikorwe neza kandi nta mbogamizi, Umuryango ushobora gushyiraho itegeko rigena ububasha, uburenganzira bwihariye n'ubudahangarwa by'Inteko, Komite zayo n'abayigize.</p> | <p>2. The Community may, for the orderly and effective discharge of the business of the Assembly, enact legislation for the powers, privileges and immunities of the Assembly, its Committees and members.</p> | <p>2. La Communauté peut, dans le souci d'assurer le fonctionnement ordonné et efficace des affaires de l'Assemblée, adopter une législation concernant les pouvoirs, les privilèges et les immunités de l'Assemblée, de ses commissions et de leurs membres.</p> |

INGINGO YA 62 : Amategeko ashwirwaho n'Umuryango

ARTICLE 62: Acts of the Community

ARTICLE 62 :Lois de la Communauté

- | | | |
|---|---|--|
| <p>1. Ishyirwaho ry'amategeko y'Umuryango rinyuzwa mu mishinga y'amategeko itorwa n'Inteko ikemezwa n'Abakuru b'ibihugu, kandi buri mushinga watowe ukanemezwa mu buryo bwemewe ufatwa nk'Itegeko ry'Umuryango.</p> | <p>1. The enactment of legislation of the Community shall be effected by means of Bills passed by the Assembly and assented to by the Heads of State, and every Bill that has been duly passed and assented to shall be styled an Act of the Community.</p> | <p>1. La promulgation de la législation de la Communauté s'effectue au moyen de projets de lois votés par l'Assemblée et acceptés par les chefs d'État. Toute mesure ayant été régulièrement votée et acceptée est appelée loi de la Communauté.</p> |
| <p>2. Iyo umushinga w'itegeko watowe n'Inteko mu buryo bwemewe, Perezida w'Inteko awushyikiriza Abakuru b'ibihugu kugira ngo bawemeze.</p> | <p>2. When a Bill has been duly passed by the Assembly the Speaker of the Assembly shall submit the Bill to the Heads of State for assent.</p> | <p>2. Lorsqu'un projet de loi a été régulièrement voté par l'Assemblée, le président de l'Assemblée soumet ledit projet de loi aux chefs d'État des États membres pour son acceptation.</p> |

3. Umushinga w'itegeko wose ushyikirijwe Abakuru b'ibihugu hakurikijwe ibivugwa mu gika 2 cy'iyi ngingo wandikwaho amagambo y'itangazwa akurikira:

Ryashyizweho n'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba, ryemezwa n'Abakuru b'ibihugu.

INGINGO YA 63: Kwemeza imishinga y'amategeko

1. Abakuru b'ibihugu bashobora kwemeza cyangwa kwanga Umushinga w'Itegeko watowe n'Inteko.

2. Umushinga w'itegeko utemejwe nk'uko biteganyijwe mu gika cya 1 cy'iyi ngingo mu gihe kitarenze amezi atatu uherye ku munsu Inteko yawutoreyeho usubizwa mu Nteko uherekajwe n'impamvu zatumye utemezwa, ndetse n'icyifuzo gisaba ko uwo mushinga cyangwa ingingo yawo yihariye yakongeraga gusuzumwa n'Inteko.

3. Every Bill that is submitted to the Heads of State under paragraph 2 of this Article shall contain the following words of enactment:

Enacted by the East African Community and assented to by the Heads of State.

ARTICLE 63: Assent to Bills

1. The Heads of State may assent to or withhold assent to a Bill of the Assembly.

2. A Bill that has not received assent as provided for in paragraph 1 of this Article within three months from the date on which it was passed by the Assembly shall be referred back to the Assembly, giving reasons, and with a request that the Bill or a particular provision thereof be reconsidered by the Assembly.

3. Tout projet de loi soumis aux chefs d'États conformément au paragraphe 2 du présent article doit contenir les termes de promulgation suivants :

Promulgué par la Communauté de l'Afrique de l'Est et accepté par les chefs d'État.

ARTICLE 63 : Acceptation des projets de loi

1. Les chefs d'État peuvent approuver ou refuser un projet de loi de l'Assemblée.

2. Un projet de loi qui n'a pas reçu le consentement prévu au paragraphe 1 du présent article dans un délai de trois mois à compter de la date à laquelle il a été voté par l'Assemblée doit être renvoyé devant l'Assemblée moyennant mention des raisons du renvoi en demandant que le projet de loi ou l'une de ses dispositions soit examiné à nouveau par l'Assemblée.

3. Iyo Inteko isuzumye ikemeza uwo mushinga w'itegeko, yongerera kuwoherereza Abakuru b'ibihugu kugira ngo bawemeze.	3. If the Assembly discusses and approves the Bill, the Bill shall be resubmitted to the Heads of State for assent.	3. Le projet de loi doit être soumis à nouveau aux chefs d'État si l'Assemblée l'adopte après l'avoir examiné.
4. Iyo hagize umukuru w'igihugu wanga kwemeza Umushinga w'itegeko woherajwe bwa kabiri, uwo mushinga uta agaciro.	4. If a Head of State withholds assent to a re-submitted Bill, the Bill shall lapse.	4. Si un chef d'État refuse de l'accepter, le projet de loi devient caduc.
INGINGO YA 64 : Itangazwa ry'amategeko y'Umuryango	ARTICLE 64: Publication of Acts of the Community	ARTICLE 64 : Publication des lois de la Communauté
Umunyamabanga Mukuru akora ku buryo itegeko ryose ry'Umuryango ritangazwa mu Igazeti.	The Secretary General shall cause every Act of the Community to be published in the Gazette.	Le Secrétaire général fait publier toute loi de la Communauté dans la Gazette.
INGINGO YA 65 : Imikoranire hagati y'Inteko n'inteko z'ibihugu bigize Umuryango	ARTICLE 65: Relations Between the Assembly and the National Assemblies of the Partner States	ARTICLE 65 : Relations entre l'Assemblée et les Assemblées nationales des États membres
Mu gushyira mu bikorwa politiki y'Umuryango iteza imbere uruhare rw'abaturage kugira ngo ugere ku ntego zawo no kugira ngo Inama y'Abaminisitiri, mu gihe yuzuza inshingano zayo, ishobore kwita ku bitekerezo by'abaturage b'ibihugu bigize Umuryango mu bijyanye no kugera ku ntego zawo nk'uko bitangwa	In pursuance of the policy of the Community of popular participation in the achievement of its objectives and so that the Council may be able to take into account in the exercise of its functions, the opinion of the general public in the Partner States on matters relating to the achievement of the objectives of the Community as expressed through the	Conformément à la politique de la Communauté dont l'objectif est d'encourager la participation populaire à la réalisation de ses objectifs, et ce de manière à permettre au Conseil de tenir dûment compte, dans l'exercice de ses fonctions, de l'opinion du public des États membres sur les questions relatives à la réalisation des objectifs de la Communauté, telle qu'elle s'exprime à travers

mu biganiro nyunguranabitekerezo by'abagize Inteko batorwa mu nteko z'ibihugu byabo, n'ibitekerezo by'Inteko no guteza imbere ubutwererane hagati y'Inteko n'inteko z'ibihugu bigize Umuryango muri aya Masezerano zitwa "Inteko z'ibihugu":	debates of the elected members of their National Assemblies, and those of the Assembly and to foster co-operation between the Assembly and the National Assemblies of the Partner States hereinafter referred to as "the National Assemblies":	les débats des membres élus des Assemblées nationales et à travers ceux de l'Assemblée de la Communauté, et de renforcer la coopération entre l'Assemblée et les Assemblées nationales des États membres, ci-après désignées les « Assemblées nationales » :
(a) Umwanditsi w'Inteko yihutira gushyikiriza abanditsi b'Inteko z'ibihugu kopi z'inyandikomvugo z'ibiganiro nyunguranabitekerezo by'ingenzi by'inama z'Inteko kugira ngo Abaminisitiri bashinzwe ibijyanye n'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba bazigeze ku nteko z'ibihugu byabo;	(a) the Clerk of the Assembly shall as soon as practicable transmit to the Clerks of the National Assemblies copies of the records of all relevant debates of the meetings of the Assembly to be laid before the National Assemblies, by the respective Ministers responsible for East African Community affairs;	(a) le Secrétaire de l'Assemblée doit dès que possible transmettre aux Secrétaires des Assemblées nationales les copies des procès verbaux de tous les débats pertinents de l'Assemblée. Ces procès verbaux seront communiqués aux membres des Assemblées nationales par les ministres chargés des affaires de la Communauté d'Afrique de l'Est ;
(b) Umwanditsi w'Inteko yihutira gushyikiriza abanditsi b'Inteko z'ibihugu kopi z'imishinga y'amategeko iri mu Nteko n'amategeko y'Umuryango kugira ngo babimenyeshe Inteko z'ibihugu;	(b) the Clerk of the Assembly shall as soon as practicable transmit to the Clerks of the National Assemblies copies of the Bills introduced into the Assembly and Acts of the Community to be laid before the National Assemblies for information;	(b) le Secrétaire de l'Assemblée doit dès que possible transmettre aux Secrétaires des Assemblées nationales des copies des projets de loi soumis à l'Assemblée et des lois de la Communauté afin qu'elles soient communiquées aux Assemblées nationales pour information ;
(c) Abanditsi b'Inteko z'ibihugu bihutira gushyikiriza Umwanditsi w'Inteko kopi z'inyandikomvugo z'ibindi biganiro	(c) the Clerks of the National Assemblies shall as soon as practicable transmit to the Clerk of the Assembly	(c) les Secrétaires des Assemblées nationales doivent dès que possible transmettre au Secrétaire de l'Assemblée les copies des

nyunguranabitekerezo byose by'ingenzi by'inama z'Inteko z'ibihugu byabo, usibye ibijyanye n'ibibazo byashyikirijwe Inteko z'ibihugu hakurikijwe ibivugwa mu gace ka (a) k'iki gika;	copies of the records of all relevant debates of the meetings of their National Assemblies other than those with respect to the matters laid before their National Assemblies in pursuance of the provisions of sub-paragraph (a) of this paragraph; and	procès verbaux de tous les débats pertinents des Assemblées nationales à l'exception des débats relatifs aux questions dont sont saisies les Assemblées nationales conformément aux dispositions de l'alinéa a) du présent article ; et
(d) Umwanditsi w'Inteko yihutira gushyikiriza Umunyamabanga Mukuru inyandukuro z'inyandiko-mvugo z'ibiganiro nyunguranabitekerezo byose bivugwa mu gace ka (a) n'aka (b) tw'iki gika kugira ngo abimenyeshe Inama y'Abaminisitiri.	(d) the Clerk of the Assembly shall as soon as practicable transmit to the Secretary General copies of all the records of debate referred to in subparagraphs (a) and (b) of this paragraph for information to the Council.	(d) le Secrétaire de l'Assemblée doit dès que possible transmettre au Secrétaire général les copies de tous les procès verbaux mentionnés aux alinéas a) et (b) du présent article pour information au Conseil.
UMUTWE WA X: UBUNYAMABANGA N'ABAKOZI BY'UMURYANGO	CHAPTER X: THE SECRETARIAT AND STAFF OF THE COMMUNITY	CHAPITRE X : LE SECRÉTARIAT ET LE PERSONNEL DE LA COMMUNAUTÉ
INGINGO YA 66: Ishyirwaho ry'Ubunyamabanga	ARTICLE 66: Establishment of the Secretariat	ARTICLE 66 : Le Secrétariat
Ubunyamabanga ni urwego nshingwabikorwa rw'Umuryango.	The Secretariat shall be the executive organ of the Community.	Le Secrétariat est l'organe exécutif de la Communauté.
Umuryango ufite inzego za servisi zikurikira:	There shall be the following offices in the service of the Community:	Les services de la Communauté sont les suivants :

(a) Umunyamabanga Mukuru;	(a) Secretary General;	(a) le Secrétaire général ;
(b) Abanyamabanga bakuru bungirije;	(b) Deputy Secretaries General;	(b) les Secrétaires généraux adjoints ;
(c) Umujyanama w'Umuryango;	(c) Counsel to the Community; and	(c) le Conseil de la Communauté ; et
(d) n'izindi nzego Inama y'Abaminisitiri yakwemeza ko ari ngombwa.	(d) such other offices as may be deemed necessary by the Council.	(d) tous les autres services que le Conseil estime nécessaires.

INGINGO YA 67: Umunyamabanga Mukuru

ARTICLE 67: Secretary General

ARTICLE 67 : Le Secrétaire général

1. Umunyamabanga Mukuru ashwirwaho n'Inama y'Abakuru b'ibihugu amaze kugenwa n'umukuru w'igihugu bireba hashingiwe ku ihame ry'isimburana.	1. The Secretary General shall be appointed by the Summit upon nomination by the relevant Head of State under the principle of rotation.	1. Le Secrétaire général est nommé par le Sommet sur proposition du chef d'État (concerné) selon le principe de la rotation.
2. Iyo Umunyamabanga Mukuru amaze gushwirwaho, igihugu kigize Umuryango akomokamo ntigishobora gufata umwanya w'Umunyamabanga Mukuru wungirije.	2. Upon the appointment of the Secretary General the Partner State from which he or she is appointed shall forfeit the post of Deputy Secretary General.	2. Le chef de l'État qui procède à la nomination du Secrétaire général renonce par ce fait à la nomination au poste de Secrétaire général adjoint.
3. Umunyamabanga Mukuru ni we mukozi nshingwabikorwa w'ibanze w'Umuryango akaba afite inshingano zikurikira:	3. The Secretary General shall be the principal executive officer of the Community and shall:	3. Le Secrétaire général est le principal responsable exécutif de la Communauté et :
(a) kuyobora Ubunyamabanga;	(a) be the head of the Secretariat;	(a) se trouve à la tête du Secrétariat ;

(b) kuba Umucungamari w'Umuryango;	(b) be the Accounting Officer of the Community;	(b) être le comptable de la Communauté ;
(c) kuba umwanditsi w'Inama y'Abakuru b'ibihugu bigize Umuryango; no	(c) be the Secretary of the Summit; and	(c) être le Secrétaire du Sommet ;
(d) gukora indi mirimo ahabwa hashingiwe kuri aya Masezerano cyangwa ayihawe rimwe na rimwe n'Inama y'Abaminisitiri.	(d) carry out such other duties as are conferred upon him by this Treaty or by the Council from time to time.	(d) s'acquitter de toutes autres tâches qui lui sont conférées par le présent traité ou par le Conseil de temps à autre .
4. Umunyamabanga Mukuru agira manda y'imyaka itanu.	4. The Secretary General shall serve a fixed five year term.	4. Le Secrétaire général est nommé pour un mandat de cinq ans.
5. Ibisabwa kugira ngo umuntu ahabwe umwanya w'Umunyamabanga Mukuru bigenwa n'Inama y'Abaminisitiri, bikemezwa n'Inama y'Abakuru b'ibihugu.	5. The terms and conditions of service of the Secretary General shall be determined by the Council and approved by the Summit.	5. Les termes et les conditions de service du Secrétaire général sont déterminés par le Conseil et approuvés par le Sommet.
INGINGO YA 68 : Abanyamabanga bakuru bungirije	ARTICLE 68: Deputy Secretaries General	ARTICLE 68 : Secrétaires généraux adjoints
1. Inama y'Abaminisitiri igena umubare w'Abanyamabanga bakuru bungirije.	1. The Council shall determine the number of Deputy Secretaries General.	1. Le Conseil détermine le nombre de Secrétaires généraux adjoints.
2. Abanyamabanga bakuru bungirije bashyirwaho n'Inama y'Abakuru b'ibihugu ibigiriwemo inama n'Inama	2. The Deputy Secretaries General shall be appointed by the Summit on recommendations of the Council and on a rotational basis.	2. Les Secrétaires généraux adjoints sont nommés par le Sommet sur les recommandation du Conseil et à tour de rôle ;

y'Abaminisitiri, hakoreshejwe uburyo bw'isimburana.

3. Abanyamabanga bakuru bungirije bafite inshingano zikurikira:

(a) gusimbura Umunyamabanga Mukuru;

(b) gukora indi mirimo ishobora kugenwa n'Inama y'Abaminisitiri.

4. Abanyamabanga bakuru bungirije bagira manda y'imyaka itatu, ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

5. Ibisabwa ku mwanza w'Abanyamabanga bakuru bungirije bigenwa n'Inama y'Abaminisitiri bikemezwa n'Inama y'Abakuru b'ibihugu.

INGINGO YA 69 Umujyanama w'Umuryango

1. Umuryango ufite Umujyanama akaba ari we mujyanama w'ibanze wawo mu by'amategeko.

3. The Deputy Secretaries General shall:

(a) deputise for the Secretary General; and

(b) perform such other duties as may be prescribed by the Council.

4. The Deputy Secretaries General shall each serve a three-year term, renewable once.

5. The terms and conditions of service of the Deputy Secretaries General shall be determined by the Council and approved by the Summit.

ARTICLE 69 : Counsel to the Community

1. There shall be a Counsel to the Community who shall be the principal legal adviser to the Community.

3. Les secrétaires généraux adjoints :

(a) assument l'intérim du Secrétaire général ; et

(b) s'acquittent de toutes autres tâches qui leur sont prescrites par le Conseil.

4. Les Secrétaires généraux adjoints sont nommés pour un mandat de trois ans renouvelable une seule fois.

5. Les termes et les conditions de service des Secrétaires généraux adjoints sont arrêtés par le Conseil et sont approuvés par le Sommet.

ARTICLE 69 :Conseil de la Communauté

1. Le Conseil de la Communauté est le principal conseiller juridique de la Communauté.

2. Umujyanama w'Umuryango yuzuza inshingano ahabwa hakurikijwe aya Masezerano cyangwa iza ahawe n'Inama y'Abaminisitiri.	2. The Counsel to the Community shall perform such duties as are conferred upon him or her by this Treaty and by the Council.	2. Le Conseil de la Communauté accomplit les tâches qui lui sont conférées par le présent traité et par le Conseil.
3. Umujyanama w'Umuryango ashwirwaho hashingiwe ku masezerano y'akazi kandi hakurikijwe amategeko agenga abakozi n'ibisabwa mu mirimo y'Umuryango.	3. The Counsel to the Community shall be appointed on contract and in accordance with the staff rules and regulations and terms and conditions of service of the Community.	3. Le Conseil de la Communauté est nommé par contrat et conformément au statut et règles applicables ainsi que selon les termes et conditions d'emploi de la Communauté.
4. Ibindi bisabwa ku mwanya Umujyanama w'Umuryango bigenwa n'Inama y'Abaminisitiri.	4. The other terms and conditions of service of the Counsel to the Community shall be determined by the Council.	4. Les autres modalités et conditions de service du Conseil à la Communauté sont déterminées par le Conseil.
INGINGO YA 70 : Abandi bakozi bo mu bunyamabanga	ARTICLE 70: Other Officers and Staff of the Secretariat	ARTICLE 70 : Autres cadres et personnel du Secrétariat
1. Umuryango ugira abandi bayobozi n'abakozi basanzwe nk'uko Inama y'Abaminisitiri yabigena.	1. There shall be such other officers and staff in the service of the Community as the Council may determine.	1. Il peut y avoir au service de la Communauté tous autres cadres et personnels que le Conseil de la Communauté pourra le déterminer.
2. Abakozi bose b'Ubunyamabanga bashwirwaho hashingiwe ku masezerano y'akazi kandi hakurikijwe amategeko agenga abakozi n'ibisabwa mu mirimo y'Umuryango.	2. All staff of the Secretariat shall be appointed on contract and in accordance with staff rules and regulations and terms and conditions of service of the Community.	2. Le personnel du Secrétariat est nommé par contrat conformément au statut du personnel, aux règles applicables ainsi qu'aux termes et conditions d'emploi de la Communauté.

3. Imishahara, inshingano n'ibindi bisabwa abakozi mu mirimo y'Umuryango bigenwa n'Inama y'Abaminisitiri

3. The salaries, job design and other terms and conditions of service of the staff in the service of the Community shall be determined by the Council.

3. Les salaires, la conception des tâches et les autres conditions d'emploi du personnel au service de la Communauté sont déterminés par le Conseil.

INGINGO YA 71: Inshingano z'Ubunyamabanga

ARTICLE 71: Functions of the Secretariat

ARTICLE 71 : Fonctions du Secrétariat

1. Inshingano z'Ubunyamabanga ni izi zikurikira:

1. The Secretariat shall be responsible for:

1. Le Secrétariat est chargé :

(a) gutegura, kwakira no gutanga ibyifuzonama ku Nama y'Abaminisitiri, no koherereza Inteko imishinga y'amategeko binyujijwe muri Komite mpuzabikorwa;

(a) initiating, receiving and submitting recommendations to the Council, and forwarding of Bills to the Assembly through the Coordination Committee;

(a) initier, recevoir et soumettre des recommandations au Conseil et transmettre les projets de loi à l'Assemblée par l'intermédiaire du Comité de coordination;

(b) gutangiza inyigo n'ubushakashatsi ku byerekeye gahunda z'Umuryango n'ishyirwa mu bikorwa ryazo ku buryo buboneye, bwihuta kandi bunoze kurusha ubundi bwo kugera ku ntego z'Umuryango;

(b) the initiation of studies and research related to, and the implementation of, programmes for the most appropriate, expeditious and efficient ways of achieving the objectives of the Community;

(b) le lancement d'études et de recherches liées aux programmes et la mise en œuvre de ces programmes afin de trouver les moyens les plus appropriés, rapides et efficaces d'atteindre les objectifs de la Communauté;

(c) kugena ingamba, gucunga no gukurikirana gahunda zigamije guteza imbere Umuryango;

(c) the strategic planning, management and monitoring of programmes for the development of the Community;

(c) la planification stratégique, la gestion et le suivi des programmes de développement de la Communauté

(d) gukora iperereza, ikusanyamakuru cyangwa isuzumwa ry'ibibazo byerekeye ikibazo icyo ari cyo cyose kireba Umuryango bubona ko ari ngombwa gusuzumwa, bubyibwirije cyangwa bubisabwe;	(d) the undertaking either on its own initiative or otherwise, of such investigations, collection of information, or verification of matters relating to any matter affecting the Community that appears to it to merit examination;	(d) l'engagement, de sa propre initiative ou non, de telles enquêtes, collecte d'informations ou vérification de questions relatives à toute question affectant la Communauté qui lui paraît mériter d'être examinée;
(e) guhuza no kuboneza politiki n'ingamba zerekeranye n'iterambere ry'Umuryango binyujijwe muri Komite mpuzabikorwa;	(e) the co-ordination and harmonisation of the policies and strategies relating to the development of the Community through the Coordination Committee;	(e) la coordination et l'harmonisation des politiques et stratégies relatives au développement de la Communauté par le biais du comité de coordination;
(f) guteza imbere muri rusange no gukwirakwiza amakuru yerekeye Umuryango mu bafatanyabikorwa, mu baturage no mu mahanga;	(f) the general promotion and dissemination of information on the Community to the stakeholders, the general public and the international community;	(f) la promotion générale et la diffusion d'informations sur la Communauté auprès des parties prenantes, du grand public et de la communauté internationale
(g) gushyikiriza raporo z'ibikorwa by'Umuryango Inama y'Abaminisitiri binyujijwe muri Komite mpuzabikorwa;	(g) the submission of reports on the activities of the Community to the Council through the Co-ordination Committee;	(g) la soumission de rapports sur les activités de la Communauté au Conseil par le biais du comité de coordination;
(h) kuyobora Umuryango muri rusange no gucunga imari yawo;	(h) the general administration and financial management of the Community;	(h) l'administration générale et la gestion financière de la Communauté;

(i) gushaka amafaranga akenewe mu bafatanyabikorwa mu iterambere n'ahandi kugira ngo akorehwe mu gushyira mu bikorwa imishinga y'Umuryango;	(i) the mobilisation of funds from development partners and other sources for the implementation of projects of the Community;	(i) la mobilisation de fonds auprès des partenaires au développement et d'autres sources pour la mise en œuvre de projets de la Communauté;
(j) haseguriwe ibiteganyijwe muri aya Masezerano; gushyikiriza Inama y'Abaminisitiri ingengo y'imari y'Umuryango kugira ngo iyisuzume ;	(j) subject to the provisions of this Treaty, the submission of the budget of the Community to the Council for its consideration;	(j) sous réserve des dispositions du présent traité, la présentation du budget de la Communauté au Conseil pour examen;
(k) gutanga umushinga wa gahunda y'ibyigirwa mu nama z'izindi nzego zigize Umuryango, uretse iz'Urukiko n'Inteko;	(k) proposing draft agenda for the meetings of the organs of the Community other than the Court and the Assembly;	(k) proposant un projet d'ordre du jour pour les réunions des organes de la Communauté autres que la Cour et l'Assemblée;
(l) ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Abakuru b'ibihugu n'Inama y'Abaminisitiri ;	(l) the implementation of the decisions of the Summit and the Council;	(l) la mise en œuvre des décisions du Sommet et du Conseil;
(m) gutegura no kubika inyandikomvugo z'inama z'izindi nzego zigize Umuryango, uretse iz'Urukiko n'Inteko;	(m) the organisation and the keeping of records of meetings of the institutions of the Community other than those of the Court and the Assembly;	(m) l'organisation et la tenue de procès-verbaux des réunions des institutions de la Communauté autres que celles de la Cour et de l'Assemblée ;
(n) gucunga umutungo w'Umuryango;	(n) the custody of the property of the Community;	(n) la garde des biens de la Communauté;

(o) gushyiraho imikoranire ihamye hagati y'Urukiko n'Inteko;	(o) the establishment of practical working relations with the Court and the Assembly; and	(o) l'établissement des relations de travail pratiques avec la Cour et l'Assemblée ; et
(p) gukora ibindi bintu byagenwa hakurikijwe aya Masezerano.	(p) such other matters that may be provided for under this Treaty.	(p) toutes autres questions pouvant être prévues par le présent traité.
2. Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ibiteganyijwe mu gika cya 1 cy'iyi ngingo, Umunyamabanga Mukuru iyo abona ko ari ngombwa, akora mu izina ry'Ubunyamabanga.	2. For the purposes of paragraph 1 of this Article, the Secretary General shall where he or she thinks it appropriate, act on behalf of the Secretariat.	2. Le Secrétaire général peut, s'il le juge utile, agir au nom du Secrétariat aux fins de la mise en œuvre du paragraphe 1 du présent article.
3. Abanyamabanga bakuru bungirije bafasha Umunyamabanga Mukuru mu kuzuza inshingano ze.	3. The Deputy Secretaries General shall assist the Secretary General in the discharge of his or her functions.	3. Les Secrétaires généraux adjoints assistent le Secrétaire général dans l'accomplissement de ses fonctions.
4. Umujyanama w'Umuryango ni we mujyanama w'ibanze mu by'amategeko w'Umuryango ku bibazo yose bijyanye n'aya Masezerano. Umujyanama afite uburenganzira, hashingiwe kuri iki gika, bwo gukurikirana imihango y'iburanisha mu Nkiko z'Ibihugu bigize Umuryango ku bibazo byose bijyanye n'Umuryango n'aya Masezerano.	4. The Counsel to the Community shall be the principal legal adviser to the Community in connection with matters pertaining to this Treaty and the Community and he or she shall by virtue of this paragraph be entitled to appear in the Courts of the Partner States in respect of matters pertaining to the Community and this Treaty.	4. Le Conseil de la Communauté est le principal conseiller juridique de la Communauté pour toutes les questions relatives au traité. Le Conseil est en droit, en vertu du présent paragraphe, de se présenter devant les tribunaux des États membres pour toutes questions relatives à la Communauté et au présent traité.

INGINGO YA 72: Imikoraniye hagati y'Ubunyamabanga n'ibihugu bigize Umuryango	ARTICLE 72: Relationship Between the Secretariat and the Partner States	ARTICLE 72 : Relation entre le Secrétariat et les États membres
1. Mu kuzuza inshingano zabo, abakozi b'Umuryango ntibasaba cyangwa ngo bahabwe amabwiriza n'igihugu icyo ari cyo cyose mu bihugu bigize Umuryango cyangwa undi muyobozi uwo ari we wese utari uwo mu Muryango. Birinda ibikorwa byose bishobora kubagiraho ingaruka nk'abakozi mpuzamahanga bityo bakaba basabwa kwita gusa ku nshingano bahawe n'Umuryango.	1. In the performance of their functions, the staff of the Community shall not seek or receive instructions from any Partner State or from any other authority external to the Community. They shall refrain from any actions which may adversely reflect on their position as international civil servants and shall be responsible only to the Community.	1. Dans l'accomplissement de ses fonctions, le personnel de la Communauté ne peut ni solliciter ni recevoir d'instructions d'un État membre ou d'une autorité extérieure à la Communauté. Il doit s'abstenir de tout acte incompatible avec son statut de fonctionnaire international et n'est responsable que devant la Communauté.
2. Igihugu kigize Umuryango, hashingiwe ku itegeko ryacyo iryo ari ryo ryose, ntigishobora gutanga ububasha ubwo ari bwo bwose cyangwa guha inshingano izo ari zo zose umukozi, urwego cyangwa ikigo cy'Umuryango, keretse bibanje kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri.	2. A Partner State shall not, by or under any law of that Partner State, confer any power or impose any duty upon an officer, organ or institution of the Community as such, except with the prior consent of the Council.	2. Aucun État membre ne peut, en vertu de sa législation nationale, conférer un droit ou imposer un devoir à un fonctionnaire, à un organe ou à une institution de la Communauté sans le consentement préalable du Conseil.
3. Buri gihugu kigize Umuryango cyiyemeza kubahiriza imiterere mpuzamahanga y'inshingano z'inzego n'abakozi b'Umuryango kandi kikirinda kugerageza kwivanga mu kazi kabo.	3. Each Partner State undertakes to respect the international character of the responsibilities of the institutions and staff of the Community and shall not seek to influence them in the discharge of their functions.	3. Chaque État membre s'engage à respecter le caractère international des fonctions des institutions et du personnel de la Communauté et à ne pas chercher à les influencer indûment dans l'accomplissement de leurs fonctions.

4. Ibihugu bigize Umuryango byemeranya gufatanya no gufasha Ubunyamabanga mu mitunganyirize y'imirimo yabwo nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 71 y'aya Masezerano kandi byemeranya ku buryo bw'umwihariko gutanga amakuru Ubunyamabanga bushobora gusaba mu rwego rwo kuzuza inshingano zabwo.

4. The Partner States agree to co-operate with and assist the Secretariat in the performance of its functions as set out in Article 71 of this Treaty and agree in particular to provide any information which the Secretariat may request for the purpose of discharging its functions.

4. Les États partenaires conviennent de coopérer avec le Secrétariat et de l'assister dans l'accomplissement de ses fonctions telles qu'énoncées à l'article 71 du présent Traité et conviennent en particulier de fournir toute information que le Secrétariat pourrait demander aux fins de l'exercice de ses fonctions.

INGINGO YA 73: Ubudahangarwa

ARTICLE 73 : Immunities

ARTICLE 73: Immunités

1. Abakozi b'Umuryango:

1. Persons employed in the service of the Community:

1. Les personnes employées au service de la Communauté :

(a) ntibakurikiranwa kubera amakosa cyangwa ibikorwa bakoze mu mirimo yabo;

(a) shall be immune from civil process with respect to omissions or acts performed by them in their official capacity; and

(a) jouissent de l'immunité contre toute poursuite judiciaire en rapport avec tout acte ou omission commis dans l'accomplissement de leurs fonctions ; et

(b) bahabwa ubudahangarwa mu bijyanye n'ikumurwa ryerekeye kwinjira mu gihugu no kwibaruza nk'abanyamahanga.

(b) shall be accorded immunities from immigration restrictions and alien registration.

(b) bénéficient de l'immunité contre les restrictions à l'immigration et l'enregistrement des étrangers.

2. Impuguke cyangwa abahanga batanga serivisi mu Muryango n'abahagarariye ibihugu bigize Umuryango igihe bari mu kazi basabwa n'Umuryango cyangwa igihe

2. Experts or consultants rendering services to the Community and delegates of the Partner States while performing services to the Community

2. Les experts ou consultants qui fournissent des services à la Communauté et les délégués des États membres qui prestent des services à la Communauté ou qui sont en transit dans les

gito bamara mu bihugu bigize Umuryango mu rwego rw'akazi kawo bahabwa ubudahangarwa n'uburenganzira bwihariye mu bihugu bigize Umuryango bishobora kugenwa n'Inama y'Abaminisitiri.

or while in transit in the Partner States to perform the services of the Community shall be accorded such immunities and privileges in the Partner States as the Council may determine.

États membres pour effectuer des services pour la Communauté bénéficient dans tous les États membres de toutes les immunités et de tous les privilèges pouvant être déterminés par le Conseil.

UMUTWE WA XI: UBUFATANYE MU KUVANAHO INZITIZI MU BWISANZURE N'ITERAMBERE RY'UBUCURUZI

CHAPTER XI: CO-OPERATION IN TRADE LIBERALISATION AND DEVELOPMENT

CHAPITRE XI : COOPÉRATION DANS LA PROMOTION ET LA LIBÉRALISATION DU COMMERCE

INGINGO YA 74 : Uburyo bw'imicururize muri Afurika y'Iburasirazuba

ARTICLE 74: East African Trade Regime

ARTICLE 74 : Régime du commerce de l'Afrique de l'Est

uburyo bwo gutanga amakuru aburira ku mihindagurikire y'ibihe mu Muryango;	climatological warning systems within the Community;	d'alerte climatologique précoce dans la Communauté;
(d) iterambere no gushyira mu bikorwa amahugurwa n'ubushakashatsi mu by'ubuhinzi na serivisi z'iyamamazabuhinzi;	(d) the development and application of agricultural training and research and extension services;	(d) le développement et l'application de la formation agricole et des services de recherche et de vulgarisation;
(e) kwemeza amabwiriza y'ubuziranenge yemewe ku rwego mpuzamahanga yerekeye gutunganya ibiribwa mu nganda;	(e) the adoption of internationally accepted quality standards for food processing;	(e) l'adoption de normes de qualité internationalement acceptées pour la transformation des aliments;
(f) gushyiraho gahunda zihuriweho zo kurwanya indwara n'ibyonnyi by'amatungo n'ibihingwa;	(f) the establishment of joint programs for the control of animal and plant diseases and pests;	(f) l'établissement de programmes conjoints de lutte contre les maladies et ravageurs des animaux et des plantes;
(g) ukwamamaza ibiribwa no guhuza ibikorwa bijyanye no kohereza no gutumiza hanze ibicuruzwa bikomoka ku buhinzi;	(g) the marketing of food and the co-ordination of the export and import of agricultural commodities;	(g) la commercialisation des aliments et la coordination de l'exportation et de l'importation des produits agricoles ;
(h) ibikorwa bihuriweho mu kurwanya amapfa n'ubutayu;	(h) joint actions in combating drought and desertification ; and	(h) actions communes de lutte contre la sécheresse et la désertification ; et
(i) no mu zindi nzego z'ubuhinzi nk'uko Inama y'Abaminisitiri yabigena.	(i) in such other fields of agriculture as the Council may determine.	(i) dans les autres domaines de l'agriculture que le Conseil pourra déterminer.

INGINGO YA 106: Gutubura no gutanga imbuto	ARTICLE 106: Seed Multiplication and Distribution	ARTICLE 106 : Multiplication des semences et distribution
Ibihugu bigize Umuryango bigomba:	The Partner States shall:	Les États membres doivent :
(a) gushimangira ubufatanye mu gukora no guteza imbere ubutubuzi bw'imbutu binyuze mu bushakashatsi no kubangurira ibihingwa;	(a) strengthen co-operation in quality seed development and production through research and plant breeding;	(a) renforcer la coopération en matière de développement et de production de semences de qualité grâce à la recherche et à la sélection végétale;
(b) gutera inkunga ubufatanye mu ishyirwaho ry'ububiko bw'uturemangingo tw'ibihingwa;	(b) support co-operation in the establishment of gene banks;	(b) soutenir la coopération pour la création de banques de gènes;
(c) kongera ubushobozi mu ikoranabuhanga ryo gutubura imbuto;	(c) enhance capacity in seed technology;	(c) renforcer les capacités en matière de technologie semencière ;
(d) gushyiraho no gufata neza ibigega by'imbutu by'ingoboka;	(d) initiate and maintain strategic seed reserves;	(d) créer et maintenir des réserves de semences stratégiques;
(e) guhuza politiki zerekeye akato, amategeko n'amabwiriza bigamije koroshya icuruzwa ry'imbutu; no	(e) harmonize quarantine policies, legislation and regulations to ease trade in seeds; and	(e) harmoniser les politiques, la législation et les réglementations de quarantaine pour faciliter le commerce des semences; et
(f) gushyiraho uburyo bworohereza urwego rw'abikorera hagamijwe gutubura imbuto no kuzigeza ku bazikeneye.	(f) create an enabling environment for private sector seed multiplication and distribution.	(f) créer un environnement propice à la multiplication et à la distribution des semences par le secteur privé.

INGINGO YA 107: Gutubura no gutanga amatungo	ARTICLE 107: Livestock Multiplication and Distribution	ARTICLE 107 : Reproduction du cheptel et distribution
Ibihugu bigize Umuryango bigomba:	The Partner States shall:	Les États membres doivent :
(a) gutegura uburyo bw'ubufatanye mu butubuzi bw'amatungo harimo ibigo byerekeranye no gutera intanga n'ibigo by'ubutubuzi bw'amatungo;	(a) develop mechanism for co-operation in livestock breeding, including artificial insemination institutions and livestock breeding centres;	(a) développer un mécanisme de coopération dans le domaine de l'élevage, y compris des institutions d'insémination artificielle et des centres d'élevage;
(b) gushyigikira bikanoroshya ihererekanya ry'uturemangingo mu rwego rwo kwagura ishingiro ryo guteza imbere ubutubuzi bw'amatungo;	(b) encourage and facilitate exchange of genetic material to widen the base of livestock development;	(b) encourager et faciliter l'échange de matériel génétique pour élargir la base de développement du cheptel;
(c) gushishikariza urwego rw'abikorera kugira uruhare mu byerekeranye no gutubura no gutanga amatungo;	(c) encourage private sector participation in livestock multiplication and distribution;	(c) encourager la participation du secteur privé à la multiplication et à la distribution du bétail
(d) gutegura urwego rw'amategeko ruhuriweho mu gutubura amatungo, gucuruza intanga, insoro, amatungo yo korora, imiti n'inkingo;	(d) develop common regulatory framework in livestock multiplication, trade in semen, embryos, breeding stock, drugs and vaccines; and	(d) développer un cadre de réglementations communes pour la multiplication du cheptel et le commerce des spermatozoïdes, des embryons, des animaux reproducteurs, des médicaments et des vaccins ; et
(e) guhuza amategeko arebana n'akato mu bijyanye no gutera amatungo intanga	(e) harmonise quarantine regulations in artificial insemination and livestock breeding centres.	(e) harmoniser les règles de quarantaine pour l'insémination artificielle et pour les centres d'élevage et de zootechnie.

n'ibigo bishinzwe ibijyanye no kurora amatungo n'iby'inyamaswa.

INGINGO YA 108: Kurwanya indwara z'ibihingwa n'iz'amatungo

ARTICLE 108: Plant and Animal Diseases Control

ARTICLE 108 : Lutte contre les maladies animales et végétales

Ibihugu bigize Umuryango bigomba:

The Partner States shall:

Les États membres doivent :

(a) guhuza politiki, amategeko n'amabwiriza bigamije kurwanya ibyonnyi n'indwara by'amatungo;

(a) harmonise policies, legislation and regulations for enforcement of pests and disease control;

(a) harmoniser leurs politiques, leurs législations et leurs règlements en matière de lutte contre les maladies animales et végétales ;

(b) guhuza no kongerera ingufu ibigo bigena amabwiriza;

(b) harmonise and strengthen regulatory institutions;

(b) harmoniser et renforcer les institutions de réglementation ;

(c) guhuza no kongerera ingufu igenzura n'itangwa ry'ibyemezo kuri serivisi z'isukura ry'ahororerwa amatungo n'isukura ry'ibimera;

(c) harmonise and strengthen zoo—sanitary and phyto-sanitary services inspection and certification;

(c) harmoniser et renforcer les services d'inspection et de certification zoosanitaires et phytosanitaires ;

(d) gushyiraho laboratwari zo kubungabunga ubuzima bw'inyamaswa n'iz'isukura ry'ibimera ku rwego rw'akarere zishinzwe gusuzuma no kugaragaza ibyonnyi by'ibihingwa n'indwara;

(d) establish regional zoo—sanitary and phyto-sanitary laboratories to deal with diagnosis and identification of pests and diseases;

(d) créer des laboratoires zoosanitaires et phytosanitaires régionaux pour établir des diagnostics et identifier les maladies ;

(e) kwemeza uburyo buhuriweho bugamije gutuma habaho umutekano, ubushobozi bwo gukora igikwiye n'ingufu z'inyongeramusaruro z'ubuhinzi hakubiyemo amafumbire mvaruganda akomoka ku butabire, imiti n'inkingo;	(e) adopt common mechanism to ensure safety, efficacy and potency of agricultural inputs including chemicals, drugs and vaccines; and	(e) adopter des mécanismes communs pour assurer la sécurité, l'efficacité et la capacité des intrants agricoles, y compris dans le domaine des produits chimiques, des médicaments et des vaccins ; et
(f) gufatanya mu ngamba z'ikurikirana, isuzuma n'igenzura ry'ibyonnyi n'indwara z'amatungo byambukiranya imipaka.	(f) co-operate in surveillance, diagnosis and control strategies of transboundary pests and animal diseases.	(f) coopérer dans le domaine des stratégies de surveillance, de diagnostic et de lutte contre les maladies animales transfrontalières.
INGINGO YA 109: Kuhira imyaka n'imicungire y'ibyogogo by'amazi	ARTICLE 109: Irrigation and Water Catchment Management	ARTICLE 109 : Irrigation et gestion de bassins hydrographiques
Ibihugu bigize Umuryango byemeranyije gufatanya kugira ngo byongere ubutaka buhingwa binyuze mu ngamba zo kuhira imyaka no gucunga ibyogogo by'amazi, kandi kubera iyo mpamvu:	The Partner States agree to take concerted effort to expand agricultural land through irrigation and water catchment strategies and for this purpose, shall:	Les États partenaires conviennent de déployer des efforts concertés pour développer les terres agricoles grâce à des stratégies d'irrigation et de captage d'eau et, à cette fin, doivent:
(a) bifatanya mu gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda z'igihugu n'izo ku rwego rw'Umuryango zo kuhira imyaka;	(a) co-operate in formulating and implementing national and Community irrigation programs;	(a) coopérer à l'élaboration et à la mise en oeuvre de programmes d'irrigation nationaux et au niveau de la Communauté ;
(b) bifatanya mu gutegura no kubungabunga uburyo gakondo bwo kuhira imyaka;	(b) co-operate in developing and preserving traditional irrigation systems;	(b) coopérer au développement et à la préservation des systèmes d'irrigation traditionnels ;

(c) biteza imbere imicungire y'ibyogogo by'amazi harimo gufata amazi y'imvura;	(c) improve water catchment management, including rainwater harvesting; and	(c) améliorer la gestion des bassins hydrographiques, y compris la collecte des eaux pluviales ; et de
(d) byemeza kandi bigateza imbere uburyo bw'imikoreshereze y'ubutaka butabangamira ibidukikije.	(d) adopt and promote the use of environmentally safe methods of land use.	(d) adopter et promouvoir des méthodes d'exploitation des terres ménageant l'environnement.

INGINGO YA 110:Kwihaza mu biribwa

ARTICLE 110: Food Security

ARTICLE 110 : Sécurité alimentaire

Ibihugu bigize Umuryango bigomba:

The Partner States shall:

Les États membres doivent :

(a) gushyiraho uburyo bwo guhanahana amakuru yerekeye ubwinshi bw'abakeneye ibicuruzwa n'ubwinshi bw'ibicuruzwa bihari n'ibibura, ubucuruzi, iteganyagihe n'urwego rw'imire;

(a) establish a mechanism for exchange of information on demand and supply surpluses and deficits, trade, forecasting and state of food nutrition;

(a) établir des mécanismes d'échange d'informations sur les excédents, les déficits, le commerce, les prévisions et la situation alimentaire ;

(b) guhuza ubwoko n'urwego by'inyongeramusaruro n'imiti ikoreshejwe harimo n'ibishyirwa mu biribwa kugira ngo bimare igihe;

(b) harmonize quality and standards of inputs and products including food additives;

(b) harmoniser la qualité et les normes des produits, y compris en ce qui concerne les additifs alimentaires;

(c) gutegura uburyo bwo kubona amakuru ku gihe yerekeye ibiciro by'amasoko;

(c) develop modalities to have timely information on market prices;

(c) développer les modalités qui doivent permettre d'avoir des informations sur les prix du marché dans un délai raisonnable ;

(d) guhuza politiki n'ingamba zirebana n'ibiribwa bihari, imirire no kwihaza mu biribwa;	(d) harmonize food supply, nutrition and food security policies and strategies;	(d) harmoniser les politiques et les stratégies en matière d'approvisionnement en denrées alimentaires, de nutrition et de sécurité alimentaire ;
(e) gutangiza bikanafata neza ububiko ngoboka bw'ibiribwa;	(e) initiate and maintain strategic food reserves; and	(e) créer et maintenir des réserves stratégiques de denrées alimentaires ; et
(f) guteza imbere ubworozi bwo mu mazi y'inyanja n'ubwo mu mazi y'imbere mu gihugu n'ubworozi bw'amafi.	(f) develop marine and inland aquaculture and fish farming.	(f) développer l'aquaculture marine et en eaux intérieures et la pisciculture.

UMUTWE WA XIX: UBUFATANYE MU BYEREKEYE IBIDUKIKIJE N'IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO KAMERE

CHAPTER XIX: CO-OPERATION IN ENVIRONMENT AND NATURAL RESOURCES MANAGEMENT

CHAPITRE XIX : COOPÉRATION DANS L'ENVIRONNEMENT ET DANS LA GESTION DES RESSOURCES NATURELLES

INGINGO YA 111: Ibibazo byerekeye ibidukikije n'umutungo kamere

ARTICLE 111: Environmental Issues and Natural Resources

ARTICLE 111 : Questions liées à l'environnement et aux ressources naturelles

1. Ibihugu bigize Umuryango bizirikana ko ibikorwa by'iterambere bishobora kugira ingaruka mbi ku bidukikije zaganisha ku kwangirika kw'ibidukikije n'ukuzima kw'umutungo kamere kandi ko ibidukikije bisukuye bimeze neza ari ishingiro ry'iterambere rirambye.

1. The Partner States recognize that development activities may have negative impacts on the environment leading to the degradation of the environment and depletion of natural resources and that a clean and healthy

1. Les États partenaires reconnaissent que les activités de développement peuvent avoir des effets négatifs sur l'environnement entraînant la dégradation de l'environnement et l'épuisement des ressources naturelles et qu'un environnement propre et sain est une condition préalable au développement durable.

environment is a prerequisite for sustainable development.

Ni yo mpamvu ibihugu bigize Umuryango:

The Partner States therefore:

Par conséquent, les États membres :

(a) byemeranyije gufata ingamba ziteguriwe hamwe zo guteza imbere ubufatanye mu micungire ihuriweho kandi iboneye no gukoresha neza umutungo kamere mu Muryango;

(a) agree to take concerted measures to foster co-operation in the joint and efficient management and sustainable utilisation of natural resources within the Community;

(a) conviennent de prendre des mesures concertées pour renforcer la coopération en vue d'une gestion commune et efficace et de l'utilisation durable des ressources naturelles au sein de la Communauté ;

(b) byemeje, binyuze mu ngamba z'imicungire y'ibidukikije, gufatanya no guhuza politiki zabyo n'ibikorwa byo kurengera no kubungabunga umutungo kamere n'ibidukikije bibirinda ibyo ari byo byose bibyangiza n'ibibihumanya bituruka ku bikorwa by'iterambere;

(b) undertake, through environmental management strategy, to co-operate and co-ordinate their policies and actions for the protection and conservation of the natural resources and environment against all forms of degradation and pollution arising from developmental activities;

(b) s'engagent, par le biais d'une stratégie de gestion de l'environnement, à coopérer et à coordonner leurs politiques et leurs actions afin de veiller à la conservation et à la protection des ressources naturelles et de l'environnement contre toutes les formes de dégradation et de pollution générées par des activités industrielles ;

(c) byiyemeje gufatanya no kwemeza politiki zihuriweho z'igenzura ry'urujya n'uruza ku mipaka rw'ibisigazwa bifite ubumara kandi byangiza birimo ibya kirimbuti n'ibindi bintu bitifuzwa;

(c) undertake to co-operate and adopt common policies for control of transboundary movement of toxic and hazardous waste including nuclear materials and any other undesirable materials;

(c) s'engagent à coopérer et à adopter des politiques communes pour le contrôle trans-frontier des substances toxiques et dangereuses, y compris des matières nucléaires et de toutes autres matières indésirables ;

(d) bihana mbere kandi ku gihe amakuru ya ngombwa yerekeranye n'ibikorwa kamere

(d) shall provide prior and timely notification and relevant information to

(d) se notifie au préalable et en temps utile les informations pertinentes sur les activités

n'ibya muntu bishobora kugira ingaruka zikaze ku bidukikije zambukiranya imipaka kandi bijya inama hakiri kare;	each other on natural and human activities that may or are likely to have significant trans-boundary environmental impacts and shall consult with each other at an early stage; and	naturelles et humaines qui peuvent ou sont susceptibles d'avoir des incidences transfrontières significatives sur l'environnement et se consultent à un stade précoce; et
(e) bitegura kandi bigateza imbere gahunda zo kongera ubushobozi hagamijwe imicungire irambye y'umutungo kamere.	(e) shall develop and promote capacity building programs for sustainable management of natural resources.	(e) doivent développer et promouvoir des programmes de renforcement des capacités pour une gestion durable des ressources naturelles.
2. Ingamba z'Umuryango zerekeranye n'ibidukikije zifite intego zikurikira:	2. Action by the Community relating to the environment shall have the following objectives:	2. actions de la Communauté en matière d'environnement doivent avoir les objectifs suivants :
(a) kubungabunga, kurinda no kongera ubwiza bw'ibidukikije;	(a) to preserve, protect and enhance the quality of the environment;	(a) préserver, protéger et améliorer la qualité de l'environnement ;
(b) kugira uruhare rugamije ukuramba kw'ibidukikije;	(b) to contribute towards the sustainability of the environment;	(b) contribuer au développement durable de l'environnement;
(c) guharanira ikoreshwa rirambye ry'umutungo kamere nk'ibiyaga, ibishanga, amashyamba n'izindi ndiri z'ibinyabuzima zo mu mazi cyangwa imusozi;	(c) to ensure sustainable utilization of natural resources like lakes, wetlands, forests and other aquatic and terrestrial ecosystems; and	(c) garantir l'utilisation durable des ressources naturelles telles que les lacs, les marais, les forêts et les autres écosystèmes terrestres et aquatiques ; et

(d) gufatanya gutegura no kwemeza politiki zo kubungabunga no gucunga amazi zituma habaho kurengera no kubungabuga indiri z'ibinyabuzima.

INGINGO YA 112 : Imicungire y'ibidukikije

1. Ku mpamvu z'ingingo ya 111 y'aya Masezerano, ibihugu bigize Umuryango byiyemeje gufatanya mu micungire y'ibidukikije kandi byemeranyije ibi bikurikira:

(a) gutegura politiki ihuriweho y'imicungire y'ibidukikije yafasha mu kubungabunga indiri z'ibinyabuzima z'ibihugu bigize Umuryango, gukumira, guhagarika no kurwanya ingaruka z'ukwangirika kw'ibidukikije;

(b) gutegura ingamba zihariye z'imicungire y'ibidukikije zigamije gucunga indiri z'ibinyabuzima zishobora kwangirika, imitungo kamere y'imusozi n'iyi mu mazi, ibyuka bifite ubumara n'ibintu biva mu nganda bikomoka ku butabire byangiza ubuzima;

(d) to jointly develop and adopt water resources conservation and management policies that ensure sustenance and preservation of ecosystems.

ARTICLE 112: Management of the Environment

1. For purposes of Article 111 of this Treaty, the Partner States undertake to cooperate in the management of the environment and agree to:

(a) develop a common environmental management policy that would sustain the eco-systems of the Partner States, prevent, arrest and reverse the effects of environmental degradation;

(b) develop special environmental management strategies to manage fragile ecosystems, terrestrial and marine resources, noxious emissions and toxic and hazardous chemicals;

(d) développer conjointement et adopter des politiques de conservation et de gestion des ressources hydrauliques qui assurent la préservation et le maintien des écosystèmes.

ARTICLE 112 : Gestion de l'environnement

1. Aux fins de l'article 111 du présent traité, les États partenaires s'engagent à coopérer à la gestion de l'environnement et conviennent:

(a) mettre sur pied une politique commune de gestion de l'environnement préservant les écosystèmes des États membres et permettant de prévenir, de stopper et de renverser les effets de la dégradation de l'environnement ;

(b) développer des stratégies spéciales de gestion environnementale pour la gestion des écosystèmes fragiles, des ressources maritimes et terrestres, des émissions nocives et des substances toxiques et dangereuses ;

(c) gufata ibyemezo byo kugenzura ihumana ry'ikirere ryambukiranya imipaka, ry'ubutaka n'iry'amazi rikomoka ku bikorwa by'iterambere;	(c) take measures to control trans-boundary air, land and water pollution arising from developmental activities;	(c) prendre des mesures pour lutter contre la pollution transfrontière de l'air, des terres et des eaux résultant des activités de développement;
(d) gufata ingamba za ngombwa zo kwitegura, gucunga, kurinda no kugabanya ubukana bw'ibiza hagamijwe cyane cyane kugenzura ibiza kamere n'ibikomoka ku bikorwa bya muntu. Ibyo bikubiyemo ibivuta bimenwa, ibintu bishobora kwangiza ubuzima, imyuzure, imitingito, impanuka zo mu mazi, amapfa n'inkongi z'umuriro; no	(d) take necessary disaster preparedness, management, protection and mitigation measures especially for the control of natural and man-made disasters. These include oil spills, bio-hazards, floods, earthquakes, marine accidents, drought and bush fires; and	(d) prendre les mesures nécessaires de préparation, de gestion, de protection et d'atténuation des catastrophes, en particulier pour lutter contre les catastrophes naturelles et causées par l'homme. Il s'agit notamment des déversements d'hydrocarbures, des risques biologiques, des inondations, des tremblements de terre, des accidents maritimes, de la sécheresse et des feux de brousse; et
(e) kwinjiza iingamba zigamije imicungire n'isigasira ry'bidukikije mu bikorwa byose by'iterambere nk'ubucuruzi, ubwikorezi, ubuhinzi, iterambere ry'inganda, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'ubukerarugendo mu Muryango.	(e) integrate environmental management and conservation measures in all developmental activities such as trade, transport, agriculture, industrial development, mining and tourism in the Community.	(e) intégrer des mesures de gestion et de conservation de l'environnement dans toutes les activités de développement telles que le commerce, les transports, l'agriculture, le développement industriel, l'exploitation minière et le tourisme dans la Communauté.
2. Ku mpamvu z'iki gika cya 1 cy'iyi ngingo, ibihugu bigize Umuryaango byiyemeje:	2. For purposes of paragraph 1 of this Article, the Partner States undertake to:	2. Aux fins du paragraphe 1 du présent article, les États partenaires s'engagent à :

(a) kwemeza amategeko, uduhimbazamusi n'amabwiriza bihuriweho ku icunga ry'ibidukikije;	(a) adopt common environment control regulations, incentives and standards;	(a) adopter des réglementations, des incitations et des normes communes en matière de contrôle de l'environnement;
(b) kongera ubushobozi n'ingamba zo gukora isuzuma ry'ingaruka ku bidukikije ry'ibikorwa byose na gahunda z'imishinga y'iterambere;	(b) develop capabilities and measures to undertake environmental impact assessment of all development project activities and programs;	(b) développer des capacités et des mesures pour entreprendre une évaluation de l'impact environnemental de toutes les activités et programmes de projets de développement;
(c) gushyigikira ikorwa n'ikoresha ry'imiti yica ibyonnyi, imiti yica ibyatsi bibi n'ibintu bipfunyikwamo ibicuruzwa bishobora kubora;	(c) encourage the manufacture and use of bio-degradable pesticides, herbicides and packaging materials;	(c) encourager la fabrication et l'utilisation d'insecticides, d'herbicides et d'emballages biodégradables ;
(d) gukangurira abantu no kubigisha ikoresha ry'imiti n'amafumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi;	(d) encourage public awareness and education on the use of agricultural and industrial chemicals and fertilizers;	(d) encourager la sensibilisation et l'éducation du public à l'utilisation des produits chimiques et des engrais agricoles et industriels;
(e) kwemeza uburyo bw'imicungire y'ibidukikije butangiza hagamiye kugenzura ukwangirika kw'ubutaka, nk'isuri itwara ubutaka, ubutayu n'ibikorwa bigenda bisatira amashyamba;	(e) adopt environmentally sound management techniques for the control of land degradation, such as soil erosion, desertification and forest encroachment;	(e)adopter des techniques de gestion écologiquement rationnelles pour lutter contre la dégradation des terres, comme l'érosion des sols, la désertification et l'empiètement des forêts;
(f) guteza imbere ikoresha ry'ibintu bitangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba n'ikoranabuhanga ritangiza ibidukikije;	(f) promote the use of non-ozone depleting substances and environment friendly technologies;	(f) promouvoir l'usage de produits chimiques qui n'affectent pas la couche d'ozone et des

technologies qui sont respectueuses de l'environnement ;

(g) guteza imbere no gushimangira imikoreshereze y'ibikoresho by'amahugurwa n'ibigo by'ubushakashatsi mu Muryango;

(g) promote and strengthen the utilization of training facilities and research institutions within the Community;

(g) promouvoir et à renforcer l'utilisation des institutions de recherche et des centres de formation au sein de la Communauté ;

(h) kwemeza amabwiriza ahuriweho yerekeranye n'ibidukikije hagamijwe kugenzura ihumana ry'ikirere, ry'imusozi n'iry'amazi bituruka ku bikorwa byo mu mijyi n'iby'iterambere ry'inganda;

(h) adopt common environmental standards for the control of atmospheric, terrestrial and water pollution arising from urban and industrial development activities;

(h) adopter des normes environnementales communes pour lutter contre la pollution atmosphérique, terrestre et aquatique générée par les activités de développement industriel et urbain ;

(i) guhererekanya amakuru ku ihumana ry'ikirere n'irikomoka ku nganda n'iry'ubundi bwoko bwose, n'ikoranabuhanga ryo kubirwanya;

(i) exchange information on atmospheric, industrial and other forms of pollution and conservation technology;

(i) échanger des informations sur les autres formes de pollution atmosphérique, terrestre et industrielle et sur les technologies de conservation ;

(j) guhuza politiki n'amategeko yabyo hagamijwe imicungire irambye kandi ihurijwe hamwe y'umutungo kamere n'indiri z'ibinyabuzima bihuriweho;

(j) harmonize their policies and regulations for the sustainable and integrated management of shared natural resources and ecosystems;

(j) harmoniser leurs réglementations et leurs politiques en vue de garantir la gestion durable et intégrée des ressources naturelles et des écosystèmes communs ;

(k) kwemeza ingamba na politiki bigamije guhangana n'ibibazo biriho bijyanye n'abaturatione nk'imibare ihanitse y'ubwiyongere bw'abaturatione n'impuzandengo y'abana bavuka kuri buri

(k) adopt measures and policies to address the existing demographic profiles such as high growth rates and fertility rates, high dependency ratio, poor social conditions and poverty in

(k)adopter des mesures et des politiques pour faire face aux profils démographiques existants tels que les taux de croissance et de fécondité élevés, le taux de dépendance élevé, les mauvaises conditions sociales et la pauvreté

mugore, umubare munini w'abatunzwe n'abandi, imibereho mibi n'ubukene hagamijwe kugabanya ingaruka mbi zabyo ku bidukikije n'iterambere;	order to mitigate their adverse impact on the environment and development;	afin d'atténuer leurs effets néfastes sur l'environnement et le développement;
(l) kwemeza gahunda z'imirungire y'ibidukikije z'Umuryango;	(l) adopt community environmental management programs;	(l) adopter des programmes de gestion environnementale communautaires ;
(m) gushyigikira kongera ubwiza bw'ibidukikije binyuze mu gukurikiza ingamba na gahunda zihuriweho zo gutera ibiti, gutera amashyamba no gutera amashyamba yatemwe, gusigasira ubutaka no kubyaza ibintu bishaje mo ibishya;	(m) promote enhancement of the quality of the environment through adoption of common measures and programs of tree planting, afforestation and reforestation, soil conservation and recycling of materials; and	(m) promouvoir l'amélioration de la qualité de l'environnement par l'adoption de mesures et de programmes communs de plantation d'arbres, de boisement et de reboisement, de conservation des sols et de recyclage des matériaux; et
(n) kwemeza politiki zihuriweho zigamije gusigasira urusobe rw'ibinyabuzima n'amategeko ahuriweho yerekeranye n'uburyo bwo kwemererwa kugera ku mirungire n'imikoreshereze ingana y'imitungo y'uturemangingo tw'ubuzima.	(n) adopt common policies for conservation of biodiversity and common regulations for access to, management and equitable utilization of genetic resources.	(n) adopter des politiques communes pour la conservation de la biodiversité et des réglementations communes pour l'accès, la gestion et l'utilisation équitable des ressources génétiques
INGINGO YA 113 : Gukumira icuruzwa rinyuranyije n'amategeko n'urujya n'uruza rw'imiti ihumanya, ibintu n'ibisigazwa bishobora guteza impanuka	ARTICLE 113: Prevention of Illegal Trade in and Movement of Toxic Chemicals, Substances and Hazardous Wastes	ARTICLE 113 : Prévention du commerce et du mouvement illicites de produits chimiques toxiques, de substances et de déchets dangereux

1. Ibihugu bigize Umuryango byiyemeje gufatanya no gushyiraho ingamba zihuriweho zirwanya ijugunywa ry'imiti ihumanya, ibintu n'ibisigazwa bishobora guteza impanuka mu Muryango byaba bivuye muri kimwe mu bihugu bigize Umuryango cyangwa mu kindi gihugu.

2. Ibihugu bigize Umuryango bihuza urwego rw'amategeko n'amabwiriza hagamijwe imicungire, urujya n'uruza, imikoreshereze n'isenywa ry'ibintu bihumanya.

3. Ibihugu bigize Umuryango byiyemeje kwemeza burundu amasezerano mpuzamahanga cyangwa kwemera kuba bimwe mu bihugu biyahuriyeho arebana n'ibidukikije agenewe kunoza politiki n'imicungire by'ibidukikije.

1. The Partner States undertake to co-operate and adopt common positions against illegal dumping of toxic chemicals, substances and hazardous wastes within the Community from either a Partner State or any third party.

2. The Partner States shall harmonize their legal and regulatory framework for the management, movement, utilization and disposal of toxic substances.

3. The Partner States undertake to ratify or accede to international environmental conventions that are designed to improve environmental policies and management.

1. Les États partenaires s'engagent à coopérer et à adopter des positions communes contre le déversement illégal de produits chimiques, substances et déchets dangereux toxiques dans la Communauté en provenance d'un État partenaire ou de tout tiers.

2. Les États partenaires harmonisent leur cadre juridique et réglementaire pour la gestion, le mouvement, l'utilisation et l'élimination des substances toxiques.

3. Les États partenaires s'engagent à ratifier ou à adhérer aux conventions internationales sur l'environnement destinées à améliorer les politiques et la gestion de l'environnement.

INGINGO YA 114 : Imicungire y'umutungo kamere

ARTICLE 114: Management of Natural Resources

ARTICLE 114 : Gestion des ressources naturelles

1. Ku mpamvu z'ingingo ya 111 y'aya Masezerano, ibihugu bigize Umuryango byiyemeje gufata ingamba zihuriweho zigamije guteza imbere ubufatanye mu micungire iboneye kandi ihuriweho

1. For purposes of Article 111 of this Treaty, the Partner States agree to take concerted measures to foster co-operation in the joint and efficient management and the sustainable

1. Aux fins de l'article 111 du présent traité, les États partenaires conviennent de prendre des mesures concertées pour favoriser la coopération dans la gestion conjointe et efficace et l'utilisation durable des ressources naturelles dans la Communauté dans l'intérêt

n'ikoresha rirambye ry'umutungo kamere mu Muryango hagamijwe inyungu ku bihugu byose bigize Umuryango. by'umwihariko, ibihugu bigize Umuryango:	utilization of natural resources within the Community for the mutual benefit of the Partner States. In particular, the Partner States shall:	mutuel des États partenaires. En particulier, les États partenaires:
(a) bifata ibyemezo bya ngombwa bigamije kubungabunga umutungo kamere wabyo;	(a) take necessary measures to conserve their natural resources;	(a) prendre les mesures nécessaires pour conserver leurs ressources naturelles;
(b) bifatanya mu micungire y'umutungo kamere wabyo hagamijwe gusigasira indiri z'ibinyabuzima no guhagarika iyangirika ry'ibidukikije;	(b) co-operate in the management of their natural resources for the conservation of the eco-systems and the arrest of environmental degradation; and	(b) coopèrent à la gestion de leurs ressources naturelles pour la conservation des écosystèmes et l'arrêt de la dégradation de l'environnement; et
(c) byemeza amategeko ahuriweho agamije kurinda imitungo ihuriweho yo mu mazi n'iy'imusozi.	(c) adopt common regulations for the protection of shared aquatic and terrestrial resources.	(c) adopter une réglementation commune pour la protection des ressources aquatiques et terrestres partagées.
2. Ku mpamvu z'iki gika cya 1 cy'iyi ngingo, ibihugu bigize Umuryango:	2. For purposes of paragraph 1 of this Article, the Partner States:	2. Aux fins du paragraphe 1 du présent article, les États partenaires :
(a) ku byerekeranye no kubungabunga no gucunga amashyamba, byiyemeje gufata ingamba za ngombwa binyujijwe:	(a) with regard to the conservation and management of forests, agree to take necessary measures through:	(a) en ce qui concerne la conservation et la gestion des forêts, conviennent de prendre des mesures nécessaires par :
(i) mu kwemeza politiki zihuriweho no guhanahana amakuru ku guteza imbere,	(i) the adoption of common policies for, and the exchange of information on, the	i) l'adoption de politiques communes et l'échange d'informations sur le développement,

kubungabunga no gucunga amashyamba cyimeza, imirima y'ibihingwa bicuruzwa n'ibyanya kamere.	development, conservation and management of natural forests, commercial plantations and natural reserves;	la conservation et la gestion des forêts naturelles, des plantations commerciales et des réserves naturelles;
(ii) gufatanya guteza imbere imigenzereze ihuriweho mu by'amashyamba mu Muryango;	(ii) the joint promotion of common forestry practices within the Community;	ii) la promotion conjointe de pratiques forestières communes au sein de la Communauté ;
(iii) gufatanya gukoresha ibikoresho by'amahugurwa n'ubushakashatsi mu by'amashyamba;	(iii) the joint utilization of forestry training and research facilities;	iii) l'utilisation conjointe des installations de formation et de recherche forestières;
(iv) kwemeza amategeko ahuriweho agamije kubungabunga no gucunga ibyogogo byose by'amashyamba mu Muryango;	(iv) the adoption of common regulations for the conservation and management of all catchment forests within the Community;	iv) l'adoption de réglementations communes pour la conservation et la gestion de toutes les forêts de captage dans la Communauté;
(v) gushyiraho amategeko amwe agenga imikoreshereze y'imitungo y'amashyamba hagamijwe kugabanya ukwangirika kw'amashyamba cyimeza no kwirinda ubutayu mu Muryango; no	(v) the establishment of uniform regulations for the utilization of forestry resources in order to reduce the depletion of natural forests and avoid desertification within the Community; and	v) l'établissement d'une réglementation uniforme pour l'utilisation des ressources forestières afin de réduire l'épuisement des forêts naturelles et d'éviter la désertification au sein de la Communauté; et
(vi) gushyiraho uburyo bwo korora inzuki mu mashyamba.	(vi) the establishment of Api-Agro Forestry Systems.	vi) l'établissement de systèmes agroforestiers apicoles.

(b) ku byerekeranye n'imirungire y'imitungo yo mu mazi no mu nyanja, byiyemeje gufatanya binyuze mu:	(b) with regard to the management of their water and marine resources, agree to co-operate through:	(b) en ce qui concerne la gestion de leurs ressources en eau et en mer, conviennent de coopérer à travers:
(i) gushyiraho no kwemeza amabwiriza ahuriweho agamije imirungire inoze no gushyiraho parike zo mu mazi, ibyanya, ibishanga n'ahantu harinzwe;	(i) the establishment and adoption of common regulations for the better management and development of marine parks, reserves, wetlands and controlled areas;	i) l'établissement et l'adoption de règlements communs pour une meilleure gestion et développement des parcs marins, réserves, zones humides et zones contrôlées;
(ii) kwemeza politiki n'amabwiriza bihuriweho bigamije kubungabunga, gucunga no guteza imbere imitungo ikomoka ku burobyi;	(ii) the adoption of common policies and regulations for the conservation, management and development of fisheries resources;	ii) l'adoption de politiques et de réglementations communes pour la conservation, la gestion et le développement des ressources halieutiques;
(iii) gushyiraho amabwiriza ahuriweho y'imirungire n'ishoramari mu burobyi hagati mu mazi y'imbere mu gihugu no mu nyanja;	(iii) the establishment of common fisheries management and investment guidelines for inland and marine waters;	iii) l'établissement de lignes directrices communes en matière de gestion des pêches et d'investissement pour les eaux intérieures et marines;
(iv) kongerera ubushobozi ibigo byo ku rwego rw'akarere bishinzwe gucunga imitungo kamere;	(iv) the strengthening of regional natural resources management bodies;	iv) le renforcement des instances régionales compétentes en matière de gestion des ressources naturelles;
(v) gushyiraho amategeko y'inkomoko ahuriweho yerekeranye n'ibimera n'inyamaswa; no	(v) the establishment of common rules of origin for flora and fauna; and	v) l'établissement de règles d'origine communes pour la flore et la faune; et

(vi) gushyiraho ikigo gishinzwe imicungire y'ikiyaga cya Vigitoriya;	(vi) the establishment of a body for the management of Lake Victoria;	vi) la création d'un organe en charge de la gestion du Lac Victoria.
(c) ku byerekeranye n'imicungire y'urwego rw'imitungo y'amabuye y'agaciro, byiyemeje:	(c) with regard to the management of the mineral resources sector, agree:	(c) en ce qui concerne la gestion du secteur des ressources minérales, conviennent:
(i) guteza imbere ubushakashatsi buhuriweho, itunganywa rikwiye n'imikoreshereze irambye y'imitungo y'amabuye y'agaciro ihuriweho;	(i) to promote joint exploration, efficient exploitation and sustainable utilization of shared mineral resources;	i) promouvoir l'exploration conjointe, l'exploitation efficace et l'utilisation durable des ressources minérales partagées;
(ii) gukurikirana ishyirwaho ry'uburyo bufasha ishoramari mu rwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;	(ii) to pursue the creation of an enabling environment for investment in the mining sector;	ii) poursuivre la création d'un environnement propice à l'investissement dans le secteur minier;
(iii) guteza imbere ishyirwaho ry'amakusanyirizo y'amakuru, uburyo bwo guhanahana amakuru no gusangira ubunararibonye mu micungire no mu guteza imbere urwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro hakoreshwa iyandikirana ry'ikoranabuhanga, murandasi n'ubundi buryo bukoreshwa mu guhererekanya amakuru yerekeranye n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;	(iii) to promote the establishment of databases, information exchange networks and the sharing of experiences in the management and development of the mineral sector using electronic mail, internet and other means for the interactive dissemination of mineral information;	(iii) promouvoir la création de bases de données, de réseaux d'échange d'informations et le partage d'expériences dans la gestion et le développement du secteur minier en utilisant le courrier électronique, Internet et d'autres moyens pour la diffusion interactive d'informations minérales;

(iv) guhuza amabwiriza y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro hagamijwe kugira ibidukikije bidahungabanye n'imikorere myiza y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;	(iv) to harmonize mining regulations to ensure environmentally friendly and sound mining practices;	iv) harmoniser les règlements sur l'exploitation minière afin de garantir un environnement harmonieux et des pratiques d'extraction adéquates ;
(v) kwemeza politiki zihuriweho zigamije ubushakashatsi n'itunganywa bihuriweho by'ibisigazwa by'ibinyabuzima bya kera ku nkombe z'inyanja no mu mubande watewe no kwika k'ubutaka;	(v) to adopt common policies to ensure joint fossil exploration and exploitation along the coast and rift valley; and	v) adopter des politiques communes afin de garantir la prospection et l'exploitation communes de sources d'énergie fossile le long des côtes et de la vallée d'effondrement ; et de
(vi) gushyiraho urwego rw'akarere rufite intego y'ibanze yo kugenzura imitingito no gutanga inama ku ngamba zo kugabanya ingaruka z'imitingito.	(vi) to establish a regional seismological network whose primary objective is to monitor seismicity and advice on mitigation measures.	vi) établir un réseau sismologique régional dont le premier objectif est de surveiller les tremblements de terre et de suggérer des mesures pour atténuer les conséquences de ces catastrophes.
UMUTWE WA XX: UBUFATANYE MU BUKERARUGENDO NO KWITA KU NYAMASWA Z'AGASOZI	CHAPTER XX: CO-OPERATION IN TOURISM AND WILDLIFE MANAGEMENT	CHAPITRE XX : COOPÉRATION DANS LE DOMAINE DU TOURISME ET DE LA GESTION DE LA FAUNE ET DE LA FLORE SAUVAGES
INGINGO YA 115: Ubukerarugendo	ARTICLE 115 : Tourism	ARTICLE 115 : Tourisme
1. Mu rwego rwo guharanira kugera ku ntego z'Umuryango nk'uko ziteganyijwe mu ngingo ya 5 y'aya Masezerano, ibihugu bigize Umuryango byiyemeje guteza imbere uburyo buhuriweho kandi	1. In order to promote the achievement of the objectives of the Community as set out in Article 5 of this Treaty, the Partner States undertake to develop a collective and coordinated approach to	1. En vue de promouvoir la réalisation des objectifs de la Communauté tels qu'ils sont prévus à l'article 5 du présent traité, les États membres s'engagent à développer une approche collective et coordonnée pour la

buhurijwe hamwe bwo guteza imbere no kumenyekanisha ubukerarugendo buzira amakemwa mu Muryango. Bityo, ibihugu bigize Umuryango bihuza politiki zabyo mu rwego rw'ubukerarugendo kandi byiyemeje gushyiraho uburyo bw'ubufatanye muri urwo rwego hagamijwe isaranganya ry'inyungu riboneye.

2. Ibihugu bigize Umuryango bishyiraho amabwiriza ngenganyitwarire ahuriweho areba ibigo by'abikorera n'ibya Leta bitwara ba mukerarugendo n'abagenzi, gushyiraho ibigenderwaho bimwe mu gushyira mu nzego amahoteri no guhuza amahame agenga umwuga w'abakozi bo mu rwego rw'ubukerarugendo n'ingendo mu Muryango.

3. Ibihugu bigize Umuryango byiyemeje gushyiraho gahunda y'akarere yo guteza imbere ubukerarugendo aho ingufu za buri gihugu ziterwa inkunga n'igikorwa cyo ku rwego rw'akarere.

INGINGO YA 116: Imicungire y'ibinyabuzima byo mu gasozi

the promotion and marketing of quality tourism into and within the Community. To this end, the Partner States shall co-ordinate their policies in the tourism industry and undertake to establish a framework of cooperation in the sector that will ensure equitable distribution of benefits.

2. The Partner States shall establish a common code of conduct for private and public tour and travel operators, standardize hotel classifications and harmonize the professional standards of agents in the tourism and travel industry within the Community.

3. The Partner States undertake to develop a regional strategy for tourism promotion whereby individual efforts are reinforced by regional action.

ARTICLE 116: Wildlife Management

promotion et la commercialisation d'un tourisme de qualité au sein de la Communauté. À cette fin, les États partenaires doivent coordonner leurs politiques dans le secteur touristique et s'engager à établir, dans le secteur, un cadre de coopération qui garantira une répartition équitable des bénéfices.

2. Les États partenaires établissent un code de conduite commun pour les voyageurs et les voyagistes privés et publics, normalisent les classifications des hôtels et harmonisent les normes professionnelles des agents du secteur du tourisme et des voyages dans la Communauté.

3. Les États partenaires s'engagent à développer une stratégie régionale de promotion du tourisme dans laquelle les efforts individuels sont renforcés par une action régionale.

ARTICLE 116: Gestion de la faune et de la flore sauvages

Ibihugu bigize Umuryango byiyemeje gushyiraho politiki ihuriweho kandi ihuriywe hamwe igamije kubungabunga no gukoresha ku buryo burambye ibinyabuzima byo mu gasozi n'ahandi hantu nyaburanga mu Muryango.	The Partner States undertake to develop a collective and coordinated policy for the conservation and sustainable utilization of wildlife and other tourist sites in the Community.	1. Les États partenaires s'engagent à développer une politique collective et coordonnée pour la conservation et l'utilisation durable de la faune et des autres sites touristiques de la Communauté.
By'umwihariko, ibihugu bigize Umuryango bigomba:	In particular, the Partner States shall:	En particulier, les États partenaires doivent :
(a) guhuza politiki zabyo zigamije kubungabunga ibinyabuzima byo mu gasozi, ahantu harinzwe no hanze yaho;	(a) harmonize their policies for the conservation of wildlife, within and outside protected areas;	(a) harmoniser leurs politiques de conservation de la faune et de la flore sauvages à l'intérieur et à l'extérieur des régions protégées ;
(b) guhererekanya amakuru no kwemeza politiki zihuriweho ku gucunga no guteza imbere ibinyabuzima byo mu gasozi;	(b) exchange information and adopt common policies on wildlife management and development;	(b) échanger des informations et adopter des politiques communes sur la gestion et le développement de la faune;
(c) guhuza ingufu mu kugenzura no gukurikirana ibikorwa bigenda bisatira ishyamba n'iby'ubushimusi;	(c) co-ordinate efforts in controlling and monitoring encroachment and poaching activities;	(c) coordonner les efforts pour lutter contre l'exploitation illicite en forêt et les activités de braconnage ;
(d) gushyigikira ikoresheya ry'ibyangombwa by'amahugurwa n'ubushakashatsi bihuriweho no gutezura gahunda z'imicungire zihuriweho z'ahantu harinzwe hambukiranya imipaka;	(d) encourage the joint use of training and research facilities and develop common management plans for trans-border protected areas; and	(d) encourager l'utilisation conjointe des installations de formation et de recherche et élaborer des plans de gestion communs pour les aires protégées transfrontalières; et

(e) gufata ingamba zo kwemeza burundu amasezerano mpuzamahanga bijyanye cyangwa kwemera kuba bimwe mu bihugu biyahuriyeho no kuyashyira mu bikorwa.	(e) take measures to ratify or accede to, and, implement relevant international conventions.	(e) prendre des mesures pour ratifier ou adhérer aux conventions internationales pertinentes, et les appliquer.
--	---	--

UMUTWE WA XXI: IBIKORWA BY'UBUZIMA, IMIBEREHO MYIZA N'UMUCO	CHAPTER XXI: HEALTH, SOCIAL AND CULTURAL ACTIVITIES	CHAPITRE XXI: ACTIVITÉS SANITAIRES, SOCIALES ET CULTURELLES
---	---	---

INGINGO YA 117: Ibirebwa n'ubufatanye	ARTICLE 117: Scope of Co-operation	ARTICLE 117 : Portée de la coopération
---	--	--

Mu rwego rwo guharanira kugera ku ntego z'Umuryango nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 5 y'aya Masezerano, ibihugu bigize Umuryango byiyemeje gufatanya mu bikorwa by'ubuzima, umuco na siporo n'imibereho myiza mu Muryango.	In order to promote the achievement of the objectives of the Community as set out in Article 5 of this Treaty, the Partner States undertake to co-operate in health, cultural and sports and social welfare activities within the Community.	En vue de promouvoir la réalisation des objectifs de la Communauté tels qu'énoncés à l'article 5 du présent traité, les États partenaires s'engagent à coopérer dans les activités sanitaires, culturelles et sportives et de protection sociale dans la Communauté.
--	---	---

INGINGO YA 118: Ubuzima	ARTICLE 118: Health	ARTICLE 118 : Santé
---------------------------------------	-----------------------------------	-----------------------------------

Ku byerekeranye n'ubufatanye mu bikorwa by'ubuzima, ibihugu bigize Umuryango byiyemeje:	With respect to co-operation in health activities, the Partner States undertake to:	En ce qui concerne la coopération dans le domaine de la santé, les États membres s'engagent à :
--	--	--

(a) gufata ingamba zihuriweho zigamije gukumira no kugenzura indwara zandura n'izitandura no kugenzura ibyorezo bikomeye n'ibyorohije by'indwara zandura n'indwara ziterwa na virusi zirimo SIDA, kolera, malariya, indwara y'umwijima na fiyevule jone (<i>yellow fever/fièvre jaune</i>) zishobora gushyira mu kaga ubuzima n'imibereho myiza by'abaturage b'ibihugu bigize Umuryango, no gufatanya mu korohereza ibikorwa byagutse byo gukingira indwara n'ubukangurambaga ku buzima rusange mu bihugu bigize Umuryango;	(a) take joint action towards the prevention and control of communicable and non-communicable diseases and to control pandemics and epidemics of communicable and vector-borne diseases such as HIV-AIDS, cholera, malaria, hepatitis and yellow fever that might endanger the health and welfare of the residents of the Partner States, and to co-operate in facilitating mass immunization and other public health community campaigns;	(a) entreprendre des actions communes pour prévenir et lutter contre les maladies transmissibles et non transmissibles, les pandémies et les épidémies de maladies infectieuses et transmises par des vecteurs telles que le SIDA, le choléra, le paludisme, l'hépatite et la fièvre jaune, qui sont de nature à mettre en péril la santé et le bien-être des citoyens des États membres, et coopérer en facilitant la mise en oeuvre de programmes d'immunisation de masse et d'autres campagnes communautaires de santé publique;
(b) guteza imbere imicungire y'uburyo ubuvuzi butangwa n'uburyo bwiza bwo guteganya gahunda hagamijwe kurushaho kuboneza serivisi z'ubuvuzi mu bihugu bigize Umuryango;	(b) promote the management of health delivery systems and better planning mechanisms to enhance efficiency of health care services within the Partner States;	(b) promouvoir la gestion des systèmes de prestation de soins de santé et de meilleurs mécanismes de planification pour améliorer l'efficacité des services de soins de santé dans les États partenaires;
(c) gutegura politiki ihuriweho igenga ibijyanye n'imiti irimo ishyirwaho ry'ubushobozi bwo kugenzura ubwiza bwayo n'imigenzereze myiza y'itangwa ry'amasoko yayo;	(c) develop a common drug policy which would include establishing quality control capacities and good procurement practices;	(c) élaborer une politique pharmaceutique commune qui comprendrait l'établissement de capacités de contrôle de la qualité et de bonnes pratiques d'achat;
(d) guhuza uburyo bwo kwandikisha imiti kugirango hakorwe neza igenzura	(d) harmonize drug registration procedures so as to achieve good control	(d) harmoniser les procédures d'enregistrement des médicaments de manière à assurer un bon

ry'ibigenderwaho mu rwego rwo gutanga imiti bitabangamiye cyangwa bitabujije urujya n'uruza rw'imiti mu Muryango;	of pharmaceutical standards without impeding or obstructing the movement of pharmaceutical products within the Community;	contrôle des normes pharmaceutiques sans entraver ni entraver la circulation des produits pharmaceutiques dans la Communauté;
(e) guhuza politiki n'amabwiriza by'ibihugu byerekeranye n'ubuzima no guteza imbere ihanahana ry'amakuru ku bibazo birebana n'ubuvuzi hagamijwe kugera kuri serivisi z'ubuvuzi zinoze mu Muryango;	(e) harmonize national health policies and regulations and promote the exchange of information on health issues in order to achieve quality health within the Community;	(e) harmoniser les politiques et les réglementations nationales en matière de santé et à promouvoir l'échange d'informations sur ces questions afin de réaliser un système de santé de qualité au sein de la Communauté ;
(f) gufatanya mu guteza imbere ubushakashatsi n'iterambere ry'ubuvuzi gakondo, ububangikanywa cyangwa ubw'ibimera;	(f) co-operate in promoting research and the development of traditional, alternate or herbal medicines;	(f) coopérer pour promouvoir la recherche et le développement de médicaments traditionnels, alternatifs ou à base de plantes;
(g) gufatanya mu itegurwa ry'amahugurwa yihariye ajyanye n'ubuzima, ubushakashatsi ku buzima, ubuzima bw'imyororokere, imiti n'ubuvuzi bukumira indwara;	(g) co-operate in the development of specialized health training, health research, reproductive health, the pharmaceutical products and preventive medicine;	(g) coopérer au développement de formations spécialisées en matière de santé ainsi qu'à celui de la recherche dans le domaine de la santé, de la santé reproductive, des produits pharmaceutique et de la médecine préventive ;
(h) guteza imbere itegurwa ry'amabwiriza ngenderwaho y'imirire myiza no kumenyekanisha ibiribwa byo mu karere;	(h) promote the development of good nutritional standards and the popularization of indigenous foods; and	(h) promouvoir le développement de bonnes normes nutritionnelles et la vulgarisation des aliments indigènes; et

(i) gushyiraho uburyo buhuriweho binyuze mu burezi bwa rubanda n'ibigo byabyo bishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko kugira ngo habeho kugenzura no kurandura icuruzwa n'ikoreshwa ry'imiti itemewe cyangwa ibujijwe.

(i) develop a common approach through the education of the general public and their law enforcement agencies for the control and eradication of the trafficking and consumption of illicit or banned drugs.

(i) développer une approche commune à travers l'éducation du grand public et de leurs forces de l'ordre pour le contrôle et l'éradication du trafic et de la consommation de drogues illicites ou interdites.

INGINGO YA 119: Umuco na Siporo

ARTICLE 119: Culture and Sports

ARTICLE 119 : Culture et sports

Ibihugu bigize Umuryango biteza imbere ubufatanye bwa hafi hagati yabyo mu by'Umuco na Siporo, ku byerekeranye no:

The Partner States shall promote close co-operation amongst themselves in culture and sports, with respect to:

Les États partenaires doivent promouvoir une étroite coopération dans le domaine de la culture et des sports au sein de la Communauté par :

(a) guteza imbere ibikorwa bya siporo binyuranye;

(a) the promotion and enhancement of diverse sports activities;

(a) la promotion et l'amélioration de diverses activités sportives;

(b) gutezura gahunda z'ibiganiro mu bitangazamakuru ku bibazo bishyigikira iterambere ry'umuco na siporo mu Muryango;

(b) the development of mass media programs on matters that will promote the development of culture and sports within the Community;

(b) le développement de programmes médiatiques de masse sur des sujets qui favoriseront le développement de la culture et du sport dans la Communauté;

(c) guteza imbere ibikorwa bijyanye n'umuco harimo ubugenimberajisho, ubuvanganzo, muzika, ikinamico n'ibindi bihangano by'ubugeni, no kubungabunga, kurinda no guteza imbere umurage

(c) the promotion of cultural activities, including the fine arts, literature, music, the performing arts and other artistic creations, and the conservation, safeguarding and development of the

(c) la promotion d'activités culturelles, y compris les beaux-arts, la littérature, la musique, les arts du spectacle et autres créations artistiques, et la conservation, la sauvegarde et la mise en valeur du patrimoine

w'umuco w'ibihugu bigize Umuryango harimo ibikoresho by'amateka n'ibya kera;	cultural heritage of the Partner States including, historical materials and antiquities;	culturel des États partenaires, y compris les biens historiques et les antiquités;
(d) guteza imbere no gushyigikira indimi kavukire cyane cyane igiswayire nk'ururimi mpuzakarere;	(d) the development and promotion of indigenous languages especially Kiswahili as a lingua franca;	(d) le développement et la promotion des langues autochtones, en particulier le kiswahili en tant que lingua franca;
(e) amabwiriza arebana n'ubucuruzi bwambukiranya imipaka bw'ibintu bigaragaza ishusho y'abatuye igihugu, itangwa ry'uruhushya ku bacuruzi b'ibintu bya kera no gushyiraho uburyo n'ubufatanye bihuriweho mu guhangana n'ubucuruzi butemewe n'amategeko bwambukiranya imipaka bw'umutungo w'umuco;	(e) the regulation of cross border trade in ethnographic materials, licensing of antique dealers and adoption of a common approach and co-operation in tackling the illicit cross border trade in cultural property;	(e) la réglementation du commerce transfrontalier de matériel ethnographique, l'octroi de licences aux antiquaires et l'adoption d'une approche et d'une coopération communes pour lutter contre le commerce transfrontalier illicite de biens culturels;
(f) kuba bimwe mu bihugu bihuriye ku masezerano mpuzamahanga no kwemeza burundu ayo masezerano yerekeranye n'umuco ku buryo butaziguye nka:	(f) acceding to and ratification of international conventions that directly bear upon culture such as:	(f) l'adhésion et la ratification de conventions internationales qui concernent directement la culture, telles que:
(i) Amasezerano mpuzamahanga y' i La Haye agamiye kurinda umutungo w'umuco gakondo mu bihe by'intambara na;	(i) the Hague Convention for the Protection of Cultural Property in the Event of Armed Conflict; and	(i) la Convention de La Haye sur la protection des biens culturels en cas de conflit armé ; et

(ii) Amasezerano mpuzamahanga ya UNESCO arebana n'uburyo bwo kubuza no gukumira gutumiza no kohereza mu mahanga no guhererekanya umutungo bitemewe by'umutungo ndangamuco;	(ii) the UNESCO Convention on the Means of Prohibition and Preventing the Illicit Import, Export and Transfer of Ownership of Cultural Property;	(ii) la Convention de l'UNESCO sur les moyens d'interdire et de prévenir l'importation, l'exportation et le transfert de propriété illicites des biens culturels;
(g) guhuza politiki zabyo hagamijwe kubungabunga inyubako za kera n'amazu ndangamurage byabyo no gukumira ubucuruzi bunyuranyije n'amategeko bw'umutungo mu by'umuco;	(g) harmonizing their policies for the conservation of their national antiquities and museums and the prevention of illegal trade in cultural property; and	(g) l'harmonisation de leurs politiques en matière de conservation des antiquités nationales et des musées, et de prévention du commerce illégal de biens culturels ; et par
(h) ibindi bikorwa ibyo ari byo byose bigamije gushyigikira umwihariko wa Afurika y'Iburasirazuba.	(h) any other activities aimed at promoting an East African identity.	(h) toute autre activité visant à promouvoir l'identité de l'Afrique orientale.

INGINGO YA 120: Imibereho myiza y'abaturage

ARTICLE 120: Social Welfare

ARTICLE 120 : Bien être social

Ibihugu bigize Umuryango byiyemeje gufatanya ku buryo bwa hafi hagati yabyo mu rwego rw'imibereho myiza y'abaturage ku byerekeranye na:	The Partner States undertake to closely co-operate amongst themselves in the field of social welfare with respect to:	Les États partenaires s'engagent à coopérer étroitement dans le domaine du bien être social en ce qui concerne :
(a) akazi, gahunda zo kurwanya ubukene n'uburyo akazi gakorwamo;	(a) employment, poverty alleviation programs and working conditions;	(a) l'emploi, les programmes de réduction de la pauvreté, et les conditions de travail ;

(b) kwigisha imyuga no kurandura ubujiji mu bantu bakuze mu Muryango; no	(b) vocational training and the eradication of adult illiteracy in the Community; and	(b) la formation professionnelle et l'éradication de l'analphabétisme des adultes dans la Communauté ; et
(c) gutegeza no gushyiraho uburyo buhuriweho bwo kwegera ibyiciro by'abaturage bavukijwe amahirwe n'abahejejwe inyuma n'amateka, harimo abana, urubiruko, abasaza n'abantu bafite ubumuga binyuze mu kubashyiraho ibyo bagomba no kubaha, nk'ingo zakira abana batagira iwabo, ubuvuzi, uburezi n'amahugurwa.	(c) the development and adoption of a common approach towards the disadvantaged and marginalized groups, including children, the youth, the elderly and persons with disabilities through rehabilitation and provision of, among others, foster homes, health care education and training.	(c) l'élaboration et l'adoption d'une approche commune à l'égard des groupes défavorisés et marginalisés, y compris les enfants, les jeunes, les personnes âgées et les personnes handicapées, grâce à la réadaptation et à la fourniture, entre autres, de foyers d'accueil, d'éducation et de formation aux soins de santé.
UMUTWE WA XXII: GUSHYIGIKIRA URUHARE RW'ABAGORE MU ITERAMBERE RY'IMIBEREHO MYIZA N'UBUKUNGU	CHAPTER XXII: ENHANCING THE ROLE OF WOMEN IN SOCIO-ECONOMIC DEVELOPMENT	CHAPITRE XXII : RENFORCEMENT DU RÔLE DES FEMMES DANS LE DÉVELOPPEMENT SOCIO-ÉCONOMIQUE
INGINGO YA 121: Uruhare rw'abagore mu iterambere mu by'imibereho myiza n'ubukungu	ARTICLE 121: The Role of Women in Socio-economic Development	ARTICLE 121 : Rôle des femmes dans le développement socio-économique
Ibihugu bigize Umuryango byemera ko abagore bagira uruhare rw'ingirakamaro mu bikorwa byo guteza imbere ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage n'iterambere rirambye kandi ko bidashoboka gushyira mu bikorwa gahunda	The Partner States recognize that women make a significant contribution towards the process of socio-economic transformation and sustainable growth and that it is impossible to implement effective programs for the economic and	Les États partenaires reconnaissent que les femmes apportent une contribution significative au processus de transformation socio-économique et de croissance durable et qu'il est impossible de mettre en œuvre des programmes efficaces pour le développement économique et social des États partenaires sans

zihamye zigamije iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage mu bihugu bigize Umuryango hatabayeho uruhare rusesuye rw'abagore. Bityo, ibihugu bigize Umuryango, binyuze mu ngamba zaba iz'amategeko cyangwa n'izindi:	social development of the Partner States without the full participation of women. To this end, the Partner States shall through appropriate legislative and other measures:	la pleine participation des femmes. À cette fin, les États partenaires, par des mesures législatives et autres appropriées:
(a) biteza imbere gutanga ubushobozi no kwinjiza nyabyo n'uruhare rw'abagore mu nzego zose z'iterambere mu mibereho myiza n'ubukungu cyane cyane mu ifatwa ry'ibyemezo;	(a) promote the empowerment and effective integration and participation of women at all levels of socio-economic development especially in decision making;	(a) promouvoir l'autonomisation et l'intégration et la participation effectives des femmes à tous les niveaux du développement socio-économique, en particulier dans la prise de décision;
(b) bivanaho amategeko bikarandura imico bivangura abagore;	(b) abolish legislation and discourage customs that are discriminatory against women;	(b) abolir la législation et éliminer les coutumes qui sont discriminatoires à l'égard des femmes ;
(c) biteza imbere gahunda z'uburezi zikora neza zigamije guhindura imyumvire mibi abantu bagira ku bagore;	(c) promote effective education awareness programs aimed at changing negative attitudes towards women;	(c) promouvoir des programmes d'éducation efficaces visant à changer les attitudes négatives à l'égard des femmes ;
(d) bishyiraho cyangwa bikemeza gukoresha ikoranabuhanga rituma habaho kuremya imirimo n'iterambere mu kazi ku bagore b'abakozi;	(d) create or adopt technologies which will ensure the stability of employment and professional progress for women workers; and	(d) créer ou adopter des technologies qui assureront la stabilité de l'emploi et le progrès professionnel des travailleuses; et
(e) bifata izindi ngamba zose zigamije kuvanaho ibangamirwa ry'abagore no guteza imbere uburinganire	(e) take such other measures that shall eliminate prejudices against women and promote the equality of the female	(e) prendre toutes autres mesures qui éliminent les préjugés à l'égard des femmes et

n'ubwuzanyane bw'abagore n'abagabo mu nzego zose.	gender with that of the male gender in every respect.	favorisent à tous égards l'égalité du sexe féminin avec celui du sexe masculin.
INGINGO YA 122: Uruhare rw'abagore mu by'ubucuruzi	ARTICLE 122: The Role of Women in Business	ARTICLE 122 : Rôle des femmes dans les affaires
Bimaze kwemera akamaro k'abagore nk'ipfundo ry'ingenzi mu by'ubukungu rihuza ubuhinzi, inganda n'ubucuruzi, ibihugu bigize Umuryango byiyemeje:	Having recognised the importance of women as a vital economic link between agriculture, industry and trade, the Partner States undertake to:	Ayant reconnu l'importance des femmes en tant que lien économique vital entre l'agriculture, l'industrie et le commerce, les États partenaires s'engagent à :
(a) kongera ubwitabire bw'abagore mu by'ubucuruzi ku rwego rw'itegurwa rya politiki n'urwo kuzishyira mu bikorwa;	(a) increase the participation of women in business at the policy formulation and implementation levels;	(a) accroître la participation des femmes dans les entreprises aux niveaux de la formulation et de la mise en œuvre des politiques;
(b) guteza imbere gahunda zihariye zireba abagore mu mishinga mito, iciriritse n'iminini;	(b) promote special programs for women in small, medium and large scale enterprises;	(b) promouvoir des programmes spéciaux pour les femmes dans les petites, moyennes et grandes entreprises ;
(c) kvanaho amategeko yose, amabwiriza n'imigirire bibuza abagore kubona inkunga yo mu rwego rw'imari harimo inguzanyo;	(c) eliminate all laws, regulations and practices that hinder women's access to financial assistance including credit;	(c) éliminer toutes les lois, réglementations et pratiques qui entravent l'accès des femmes à l'aide financière, y compris le crédit;
(d) kuzana impinduka mu ngamba z'uburezi n'iz'amahugurwa zituma abagore bavugurura inzego zabo mu bya tekini n'imirimu yo mu nganda binyuze mu	(d) initiate changes in educational and training strategies to enable women to improve their technical and industrial employment levels through the	(d) initier des changements dans les stratégies d'éducation et de formation pour permettre aux femmes d'améliorer leur niveau d'emploi technique et industriel grâce à l'acquisition de compétences transférables offertes par

bumenyi buhererekanywa butangwa hifashishijwe uburyo bunyuranye bw'amasomo y'imyuga n'amahugurwa umukozi yungukira mu kazi;

(e) kwemera no gufasha amashyirahamwe y'abagore yo ku rwego rwa buri gihugu n'urw'akarere mu by'ubucuruzi byashyiriweho gushyigikira ubwitabire nyabwo bw'abagore mu bikorwa by'ubucuruzi n'iby'iterambere by'Umuryango.

UMUTWE WA XXIII: UBUFATANYE MU BYEREKEYE POLITIKI

INGINGO YA 123: Ibyerekeye politiki

1. Mu rwego rwo guharanira kugera ku ntego z'Umuryango nk'uko ziteganyijwe mu ngingo ya 5 y'aya Masezerano cyane cyane ku byerekeranye n'ishyirwaho rya Leta yunze ubumwe y'ibihugu bigize Umuryango, ibihugu biwugize bishyiraho politiki zihuriweho zerekeranye n'ububanyi n'amahanga n'umutekano.

acquisition of transferable skills offered by various forms of vocational and on-the-job training schemes; and

(e) recognize and support the national and regional associations of women in business established to promote the effective participation of women in the trade and development activities of the Community.

CHAPTER TWENTY THREE: CO-OPERATION IN POLITICAL MATTERS

ARTICLE 123: Political Affairs

1. In order to promote the achievement of the objectives of the Community as set out in Article 5 of this Treaty particularly with respect to the eventual establishment of a Political Federation of the Partner States, the Partner States shall establish common foreign and security policies.

diverses formes de programmes de formation professionnelle et en cours d'emploi; et

(e) reconnaître et soutenir les associations nationales et régionales de femmes entrepreneurs créées pour promouvoir la participation effective des femmes aux activités de commerce et de développement de la Communauté.

CHAPITRE VINGT TROIS : COOPÉRATION DANS LE DOMAINE POLITIQUE

ARTICLE 123 : Affaires politiques

1. Afin de promouvoir la réalisation des objectifs de la Communauté tels qu'énoncés à l'article 5 du présent traité, notamment en ce qui concerne la création éventuelle d'une fédération politique des États partenaires, les États partenaires établissent des politiques étrangère et de sécurité communes.

2. Ku mpamvu z'igika cya 1 cy'iyi ngingo, Umuryango n'ibihugu biwugize bigena bikanashyira mu bikorwa politiki zihuriweho zerekeranye n'ububanyi n'amahanga n'umutekano.	2. For purposes of paragraph 1 of this Article, the Community and its Partner States shall define and implement common foreign and security policies.	2. Aux fins du paragraphe 1 du présent article, la Communauté et ses États partenaires définissent et mettent en œuvre des politiques étrangère et de sécurité communes.
3. Intego ya politiki ihuriweho yerekeranye n'ububanyi n'amahanga n'iy'umutekano zigomba:	3. The objectives of the common foreign and security policies shall be to:	3. Les objectifs d'une politique étrangère et de sécurité commune doivent viser à :
(a) kurinda indangagaciro zihuriweho, inyungu z'ibanze n'ubwigenge by'Umuryango;	(a) safeguard the common values, fundamental interests and independence of the Community;	(a) sauvegarder les valeurs communes, les intérêts fondamentaux et l'indépendance de la Communauté ;
(b) kubungabunga umutekano w'Umuryango n'ibihugu biwugize mu buryo bwose;	(b) strengthen the security of the Community and its Partner States in all ways;	(b) renforcer la sécurité de la Communauté et des États partenaires dans tous les domaines;
(c) guteza imbere no gushimangira demokarasi no kugendera ku mategeko kimwe no kubahiriza uburenganzira bwa muntu n'ubwisanzure bw'ibanze;	(c) develop and consolidate democracy and the rule of law and respect for human rights and fundamental freedoms;	(c) développer et consolider la démocratie et l'état de droit et le respect des droits de l'homme et des libertés fondamentales;
(d) kubumbatira amahoro no gushimangira umutekano mpuzamahanga hagati y'ibihugu bigize Umuryango no mu Muryango;	(d) preserve peace and strengthen international security among the Partner States and within the Community;	(d) préserver la paix et renforcer la sécurité internationale entre les États partenaires et à l'intérieur de la Communauté ;

(e) kwimakaza ubufatanye muri forumu mpuzamahanga;	(e) promote co-operation at international forums; and	(e) promouvoir la coopération dans les forums internationaux ; et à
(f)gushyigikira ishyirwaho rya Leta Yunze Ubumwe y'Ibihugu bigize Umuryango.	(f) enhance the eventual establishment of a Political Federation of the Partner States.	(f) faciliter la création éventuelle d'une Fédération politique des États partenaires.
4. Umuryango ugomba guharanira gusohozza intego ziteganyijwe mu gika cya 3 cy'iyi ngingo ubinyujije mu:	4. The Community shall pursue the objectives set out in paragraph 3 of this Article by:	4. La Communauté poursuit les objectifs énoncés au paragraphe 3 du présent article en:
(a) gushyiraho ubufatanye bufite inzira bukurikiza hagati y'ibihugu bigize Umuryango ku kibazo icyo ari cyo cyose cyerekeranye na politiki zirebana n'ububanyi n'amahanga cyangwa n'umutekano gihuriweho muri rusange mu Muryango kugira ngo hasobanurwe icyemezo gihuriweho kigomba gukurikizwa n'ibihugu bigize Umuryango;	(a) establishing systematic co-operation between the Partner States on any matter of foreign or security policies of general interest within the Community in order to define a common position to be applied by the Partner States;	(a) instaurer une coopération systématique entre les États partenaires sur toute question de politique étrangère ou de sécurité d'intérêt général dans la Communauté afin de définir une position commune à appliquer par les États partenaires ;
(b) guhuza ibikorwa by'ibihugu bigize Umuryango no gushyigikira bene ibyo byemezo bihurijwe hamwe mu miryango no mu nama mpuzamahanga;	(b) the co-ordination of the actions of the Partner States and the upholding by them of such coordinated actions in international organizations and at international conferences;	(b) la coordination des actions des États partenaires et la défense de ces actions concertées dans les organisations et dans les conférences internationales ;
(c) gushyigikira mu buryo busesuye politiki y'Umuryango yerekeranye n'ububanyi	(c) the unreserved support of the Partner States of the Community's foreign and	(c) l'appui sans réserve des États partenaires à la politique étrangère et de sécurité de la

n'amahanga n'iy'umutekano bikozwe n'ibihugu bigize Umuryango kandi ibyo bihugu bikirinda igikorwa icyo ari cyo cyose ku ruhande rwabyo kibangamira inyungu z'Umuryango cyangwa cyabuza Umuryango kugira ingufu zihuza ibihugu biwugize mu mikoranire mpuzamahanga;	security policies and the avoidance by the Partner States of any action on their part which is contrary to the interests of the Community or is likely to impair the effectiveness of the Community as a cohesive force in international relations;	Communauté et le refus de toute action qui serait préjudiciable aux intérêts de la Communauté ou qui pourrait nuire à son efficacité en tant que force de cohésion dans les relations internationales ;
(d) gukemura mu mahoro impaka n'amakimbirane hagati y'ibihugu bigize Umuryango no mu bihugu ubwabyo;	(d) peaceful resolution of disputes and conflicts between and within the Partner States;	(d) la résolution pacifique des différends et des conflits entre les États partenaires et au sein de chacun d'entre eux ;
(e) ihuzabikorwa rya politiki zerekeranye no kurinda ibihugu bigize Umuryango;	(e) the co-ordination of the defense policies of the Partner States; and	(e) la coordination des politiques de défense des États membres ; et par
(f) iterambere ry'ubufatanye hagati y'inteko z'ibihugu bigize Umuryango no hagati yazo n'Inteko y'Umuryango.	(f) the promotion of co-operation among the National Assemblies of the Partner States and also with the Assembly.	(f) la promotion de la coopération entre les Assemblées nationales des États partenaires et avec l'Assemblée de la communauté.
5. Inama y'Abaminisitiri igena igihe ibiteganyijwe mu gika cya 2, icya 3 n'icya 4 by'iyi ngingo bitangira gukurikizwa kandi ishyiraho ku buryo burambuye uko ibiteganyijwe muri iyi ngingo bishyirwa mu bikorwa.	5. The Council shall determine when the provisions of paragraphs 2, 3 and 4 of this Article shall become operative and shall prescribe in detail how the provisions of this Article shall be implemented.	5. Le Conseil décide du moment où les dispositions des paragraphes 2, 3 et 4 du présent article entrent en vigueur et prescrit les modalités d'application détaillées du présent article.
6. Inama y'Abakuru b'ibihugu itangiza inzira iganisha ku ishyirwaho rya Leta Yunze Ubumwe y'ibihugu bigize	6. The Summit shall initiate the process towards the establishment of a Political Federation of the Partner States by	6. Le Sommet lance le processus visant à établir une Fédération politique des États

Umuryango isaba Inama y'Abaminisitiri kubikora.	directing the Council to undertake the process.	partenaires en demandant au Conseil d'entreprendre les démarches à cette fin.
---	---	---

7. Ku mpamvu z'igika cya 6 cy'iyi ngingo, Inama y'Abakuru b'ibihugu ishobora gusaba ko Inama y'Abaminisitiri ibanza gukora inyigo.	7. For purposes of paragraph 6 of this Article, the Summit may order a study to be first undertaken by the Council.	7. Aux fins du paragraphe 6 du présent article, le Sommet peut demander qu'une étude préalable soit effectuée par le Conseil.
--	---	---

INGINGO YA 124: Amahoro n'umutekano ku rwego rw'akarere

ARTICLE 124: Regional Peace and Security

ARTICLE 124 :Paix et sécurité régionales

1. Ibihugu bigize Umuryango byemeranya ko amahoro n'umutekano ari ishingiro ry'imibanire mu bantu n'iterambere ry'ubukungu mu bihugu bigize Umuryango kandi bikaba ingirakamaro mu kugera ku ntego z'Umuryango.

1. The Partner States agree that peace and security are pre-requisites to social and economic development within the Community and vital to the achievement of the objectives of the Community.

1. Les États partenaires conviennent que la paix et la sécurité régionales sont des conditions préalables au développement social et économique de la Communauté et qu'elles revêtent une importance cruciale pour la réalisation des objectifs de la Communauté.

Muri urwo rwego, ibihugu bigize Umuryango byemeranyije gushyigikira no kubumbatira amahoro n'umutekano binyuze mu bufatanye n'inama ku bibazo byerekeranye n'amahoro n'umutekano w'ibihugu bigize Umuryango hagamijwe gukumira, imicungire inoze no gukemura impaka n'amakimbirane hagati yabyo.

In this regard, the Partner States agree to foster and maintain an atmosphere that is conducive to peace and security through cooperation and consultations on issues pertaining to peace and security of the Partner States with a view to prevention, better management and resolution of disputes and conflicts between them.

À cet égard, les États partenaires conviennent de favoriser et de maintenir un climat propice à la paix et à la sécurité grâce à la coopération et à des consultations sur les questions relatives à la paix et à la sécurité des États membres en vue de la prévention, de la gestion efficace et de la résolution des différends et des conflits entre eux.

- | | | |
|---|---|--|
| <p>2. Ibihugu bigize Umuryango byiyemeje gushyigikira no gukomeza guturana neza bya kivandimwe nk'ishingiro ryo kwimakaza amahoro n'umutekano mu bihugu bigize Umuryango.</p> | <p>2. The Partner States undertake to promote and maintain good neighbourliness as a basis for promoting peace and security within the Community.</p> | <p>2. Les États partenaires s'engagent à promouvoir et à maintenir des relations de bon voisinage en tant que base de promotion de la paix et de la sécurité au sein de la Communauté.</p> |
| <p>3. Ibihugu bigize Umuryango bitegura kandi bigashyiraho, ku rwego rw'akarere, uburyo bw'imirungire y'ibiza buhuza ibikorwa by'amahugurwa, ubufatanye mu bya tekini no gutera inkunga muri urwo rwego.</p> | <p>3. The Partner States shall evolve and establish regional disaster management mechanisms which shall harmonize training operations, technical co-operation and support in this area.</p> | <p>3. Les États partenaires établissent et développent des mécanismes régionaux de gestion des catastrophes en vue d'harmoniser les activités de formation, la coopération technique et le soutien dans ce domaine.</p> |
| <p>4. Ibihugu bigize Umuryango byiyemeje gushyiraho uburyo buhuriweho bw'imirungire y'impunzi.</p> | <p>4. The Partner States undertake to establish common mechanisms for the management of refugees.</p> | <p>4. Les États partenaires s'engagent à établir des mécanismes communs pour la gestion de la question des réfugiés.</p> |
| <p>5. Ibihugu bigize Umuryango byemeranije kongera ubufatanye mu guhangana n'ibyaha bikorerwa ku mipaka, guhana ubufasha mu bibazo bijyanye n'ibyaha hakubiyemo guta muri yombi no gusubiza mu bihugu byabo abanyabyaha babihungiyemo no guhanahana amakuru ku ngamba z'igihugu zigamije kurwanya ibyaha. Kubera iyo mpamvu, ibihugu bigize Umuryango byiyemeje kwemeza ingamba zikurikira mu rwego rwo</p> | <p>5. The Partner States agree to enhance co-operation in the handling of cross border crime, provision of mutual assistance in criminal matters including the arrest and repatriation of fugitive offenders and the exchange of information on national mechanisms for combating criminal activities. To this end the Partner States undertake to adopt the following measures for maintaining and promoting security in their territories to:</p> | <p>5. Les États partenaires conviennent d'améliorer leur coopération dans les domaines de la lutte contre la criminalité internationale, de l'assistance mutuelle en matière criminelle, y compris l'arrestation et l'extradition des délinquants fugitifs, et de l'échange d'informations sur les mécanismes nationaux mis en place pour combattre les activités criminelles. À cette fin, les États partenaires s'engagent à adopter les mesures suivantes pour maintenir et promouvoir la</p> |

gukomeza kwimakaza umutekano ku butaka bwabyo:

sécurité sur leurs territoires. Ils s'engagent notamment à :

(a) kurushaho guhererekanya amakuru y'ubutasi ku byaha n'arebana n'umutekano hagati y'ibiro bikuru by'ibihugu bigize Umuryango bishinzwe ubutasi ku byaha;

(a) enhance the exchange of criminal intelligence and other security information between the Partner States' central criminal intelligence information centres;

(a) améliorer l'échange de renseignements sur les activités criminelles et d'autres informations concernant la sécurité entre leurs centres de renseignements secrets en matière de criminalité ;

(b) gukaza umurego mu bikorwa bihuriweho nko gukurikirana abanyabyaha n'ibikorwa by'amarondo bihuriweho mu rwego rwo kubungabunga umutekano ku mipaka;

(b) enhance joint operations such as hot pursuit of criminals and joint patrols to promote border security;

(b) améliorer les opérations communes telles que la poursuite des criminels au-delà des frontières nationales et la mise sur pied de patrouilles communes chargées de la sécurité aux frontières ;

(c) gushyiraho ibyangombwa by'itumanaho bihuriweho byo kubungabunga umutekano wo ku mipaka;

(c) establish common communication facilities for border security ;

(c) établir des installations communes de communication pour la sécurité des frontières ;

(d) kwemeza itegeko ry'icyitegererezo ry'Umuryango w'Abibumbye ku bufatanye mu by'amategeko ku byerekeranye n'ibyaha;

(d) adopt the United Nations model law on mutual assistance on criminal matters;

(d) adopter le traité type d'entraide judiciaire en matière pénale des Nations unies ;

(e) kwemeza amasezerano y'Inyongera yerekeranye no kurwanya icuruzwa ry'imiti ridakurikije amategeko;

(e) conclude a Protocol on Combating Illicit Drug Trafficking;

(e) conclure un protocole sur la lutte contre le trafic illicite des médicaments;

(f) gushimangira ingendo zo gusurana ku bashinzwe umutekano;	(f) enhance the exchange of visits by security authorities;	(f) améliorer l'échange de visites par les autorités responsables de la sécurité ;
(g) guhanahana gahunda z'amahugurwa agenewe abashinzwe kurinda umutekano;	(g) exchange training programs for security personnel; and	(g) échanger des programmes de formation pour le personnel de sécurité; et
(h) gushyiraho uburyo buhuriweho bw'imicungire y'impunzi.	(h) establish common mechanisms for the management of refugees.	(h) établir des mécanismes communs pour la gestion du problème des réfugiés.
6. Ibihugu bigize Umuryango byiyemeje gufatanya mu gusuzuma umutekano w'akarere cyane cyane ku byerekeranye n'ibikorwa by'iterabwoba no gushyiraho ingamba z'umutekano zo kurirwanya.	6. The Partner States undertake to co-operate in reviewing the region's security particularly on the threat of terrorism and formulate security measures to combat terrorism.	6. Les États partenaires s'engagent à coopérer pour examiner le problème de la sécurité de la région notamment face à la menace du terrorisme et à élaborer des mesures de sécurité pour lutter contre le terrorisme.

INGINGO YA 125: Kurinda umutekano

ARTICLE 125: Defense

ARTICLE 125 : Défense

1. Mu rwego rwo guharanira kugera ku ntego z'Umuryango nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 5 y'aya Masezerano cyane cyane ku byerekeranye no kubungabunga amahoro, umutekano n'umudendezo, no guturana neza hagati y'ibihugu bigize Umuryango, kandi hakurikijwe ingingo ya 124 y'aya Masezerano, Ibihugu bigize Umuryango byiyemeje gufatanya mu byerekeranye no kurinda umutekano w'ibihugu.	1. In order to promote the achievement of the objectives of the Community as set out in Article 5 of this Treaty particularly with respect to the promotion of peace, security and stability within, and good neighbourliness among the Partner States, and in accordance with Article 124 of this Treaty, the Partner States agree to closely co-operate in defense affairs.	1. En vue de promouvoir les objectifs de la Communauté tels qu'ils sont énoncés à l'article 5 du présent traité, notamment en ce qui concerne la promotion de la paix, de la sécurité, de la stabilité au sein des États partenaires et des relations de bon voisinage entre eux, et conformément à l'article 124 du présent traité, les États partenaires conviennent de coopérer étroitement en matière de défense.
---	---	---

2. Ku mpamvu z'igika cya 1 cy'iyi ngingo, ibihugu bigize Umuryango byiyemeje gushyiraho uburyo bugamije ubufatanye

UMUTWE WA XXIV: IBIJYANYE N'AMATEGEKO N'UBUCAMANZA

INGINGO YA 126: Ibirebwa n'ubufatanye

1. Mu rwego rwo guharanira kugera ku ntego z'Umuryango nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 5 y'aya Masezerano, ibihugu bigize Umuryango bifata ingamba zigamije guhuza uburyo bw'imyigishirize y'iby'amategeko n'itangwa ry'impamyabumenyi; kandi bishishikariza gushyiraho amabwiriza ahuriweho agenga imikirize y'imanza z'inkiko mu Muryango.

2. Ku mpamvu z'igika cya 1 cy'iyi ngingo, ibihugu bigize Umuryango, binyuze mu bigo byabyo byo ku rwego rw'igihugu birebwa, bifata ingamba zose za ngombwa zigamije:

(a) gushyiraho integanyanyigisho ihuriweho y'amahugurwa

2. For purposes of paragraph 1 of this Article, the Partner States agree to establish a framework for co-operation.

CHAPTER XXIV: LEGAL AND JUDICIAL AFFAIRS

ARTICLE 126: Scope of Co-operation

1. In order to promote the achievement of the objectives of the Community as set out in Article 5 of this Treaty, the Partner States shall take steps to harmonize their legal training and certification; and shall encourage the standardization of the judgements of courts within the Community.

2. For purposes of paragraph 1 of this Article, the Partner States shall through their appropriate national institutions take all necessary steps to:

(a) establish a common syllabus for the training of lawyers and a common

2. Aux fins du paragraphe 1 du présent article, les États partenaires conviennent d'établir un cadre de coopération.

CHAPITRE XXIV: AFFAIRES JURIDIQUES ET JUDICIAIRES

ARTICLE 126 : Portée de la coopération

1. Afin de promouvoir la réalisation des objectifs de la Communauté tels qu'ils sont définis à l'article 5 du présent traité, les États partenaires doivent prendre des mesures pour harmoniser leurs systèmes de formation et de certification juridiques ; ils doivent également encourager la normalisation des jugements et arrêts rendus par les tribunaux de la Communauté.

2. Aux fins du paragraphe 1 du présent article, les États partenaires doivent, par l'intermédiaire de leurs institutions nationales compétentes, prendre toutes les mesures nécessaires pour :

(a) établir un syllabus commun pour la formation des avocats et arrêter des résultats

y'abanyamategeko n'ikigero rusange kigomba kugerwaho mu bizamini kugira ngo umuntu yemererwe anahabwe uburenganzira bwo gukora umwuga w'abavoka mu nkiko nkuru zabyo;	standard to be attained in examinations in order to qualify and to be licensed to practice as an advocate in their respective superior courts;	standard à atteindre à l'issue des examens pour être qualifié à pratiquer le métier d'avocat devant leurs tribunaux supérieurs respectifs ;
(b) bihuza amategeko yabyo yose afitanye isano n'Umuryango;	(b) harmonize all their national laws appertaining to the Community; and	(b) harmoniser les législations nationales de la Communauté ; et pour
(c) bibyutsa itangazwa ry'Icyegeranyo cy'ibyemezo by'inkiko muri Afurika y'Iburasirazuba cyangwa bigatangaza ibyegeranyo nk'ibyo n'udutabo tw'amategeko kuko byafasha ihererekanya ry'ubumenyi mu by'amategeko n'ubucamanza no kurushaho kuringaniza no guhuza imyigire y'iby'amategeko n'ishyirwaho ry'amabwiriza ahuriweho yerekeranye n'ibyemezo by'inkiko mu Muryango.	(c) revive the publication of the East African Law Reports or publish similar law reports and such law journals as will promote the exchange of legal and judicial knowledge and enhance the approximation and harmonization of legal learning and the standardization of judgements of courts within the Community.	(c) relancer la publication des rapports de droit de l'Afrique de l'Est ou publier des rapports de droit similaires et des revues juridiques qui favoriseront l'échange de connaissances juridiques et judiciaires et renforceront le rapprochement et l'harmonisation de l'apprentissage juridique et la normalisation des jugements des tribunaux au sein de la Communauté.
3. Ku mpamvu z'iki gika cya 1 cy'iyi ngingo, ibihugu bigize Umuryango byafata izindi ngamba z'inyongera nk'uko Inama y'Abaminisitiri yabigena.	3. For purposes of paragraph 1 of this Article, the Partner States may take such other additional steps as the Council may determine.	3. Aux fins du paragraphe 1 du présent article, les États partenaires peuvent prendre toutes autres mesures que le Conseil juge appropriées.

**UMUTWE WA XXV: URWEGO
RW'ABIKORERA NA SOSIYETE
SIVILI**

**CHAPTER XXV: THE PRIVATE
SECTOR AND THE CIVIL
SOCIETY**

**CHAPITRE XXV: SECTEUR PRIVÉ ET
SOCIÉTÉ CIVILE**

INGINGO YA 127: Gushyiraho uburyo bworohereza abikorera na sosiyete sivili

1. Ibihugu bigize Umuryango byemeranyije gushyiraho uburyo bworohereza urwego rw'abikorera na sosiyete sivili kugira ngo bibyaze umusaruro amahirwe ari mu Muryango. Bityo, ibihugu bigize Umuryango byiyemeje gutegura gahunda igamije guteza imbere urwego rw'abikorera no:

(a) kwimakaza ibiganiro bihoraho n'urwego rw'abikorera na sosiyete sivili ku rwego rw'igihugu no ku rwego rw'Umuryango mu gufasha kuvugurura uburyo ibikorwa by'ubucuruzi bikorwa hagamijwe gushyira mu bikorwa ibyemezo byemeranyijweho mu nzego zose z'ubukungu; no

(b) gutanga amahirwe kuri ba rwiyekezamirimo yo kugira uruhare rugaragara mu kuvugurura za politiki n'ibikorwa by'inzego z'Umuryango bibagiraho ingaruka kugira ngo bongerewe icyizere mu mavugurura ya politiki no

ARTICLE 127: Creation of an Enabling Environment for the Private Sector and the Civil Society

1. The Partner States agree to provide an enabling environment for the private sector and the civil society to take full advantage of the Community. To this end, the Partner States undertake to formulate a strategy for the development of the private sector and to:

(a) promote a continuous dialogue with the private sector and civil society at the national level and at that of the Community to help create an improved business environment for the implementation of agreed decisions in all economic sectors; and

(b) provide opportunities for entrepreneurs to participate actively in improving the policies and activities of the institutions of the Community that affect them so as to increase their confidence in policy reforms and raise

ARTICLE 127 : Création d'un environnement propice au secteur privé et à la société civile

1. Les États partenaires conviennent de créer un environnement qui permette au secteur privé et à la société civile de tirer pleinement avantage de la Communauté. À cette fin, les États partenaires s'engagent à élaborer une stratégie pour le développement du secteur privé et à :

(a) promouvoir un dialogue continu avec le secteur privé et la société civile au niveau national et au niveau de la Communauté afin de créer un climat plus favorable aux affaires en vue de l'application des décisions adoptées dans tous les secteurs économiques ; et à

(b) fournir aux entrepreneurs l'occasion de participer activement à l'amélioration des politiques et des activités des institutions de la Communauté afin de renforcer leur confiance dans les réformes politiques, d'augmenter la

kongerwa umusaruro no kugabanya ibiciro bya ba rwiyezamirimo.	the productivity and lower the costs of the entrepreneurs.	productivité et de diminuer les coûts au niveau des entreprises.
2. Ku mpamvu z'iki gika cya 1 cy'iyi ngingo, ibihugu bigize Umuryango byiyemeje:	2. For purposes of paragraph 1 of this Article, the Partner States undertake to:	2. Aux fins du paragraphe 1 du présent article, les États membres s'engagent à :
(a) kuvugurura uburyo ubucuruzi bukorwa binyuze mu gushyiraho amategeko y'ishoramari yorohereza abo areba, kurinda uburenganzira ku mutungo n'ubundi burenganzira n'amategeko anozwe agenga urwego rw'abikorera;	(a) improve the business environment through the promotion of conducive investment codes, the protection of property rights and other rights and the proper regulation of the private sector;	(a) améliorer l'environnement commercial et industriel grâce à la promotion de codes d'investissement attrayants, à la protection des droits de propriété et des autres droits et à la réglementation appropriée du secteur privé ;
(b) gushyigikira iterambere ry'amasoko binyuze mu gushyiraho ibikorwa remezo n'ivanwaho ry'inzitizi n'imbogamizi ku iterambere ry'amasoko ndetse n'umusaruro;	(b) stimulate market development through infrastructural linkages and the removal of barriers and constraints to market development and production;	(b) stimuler le développement du marché grâce au maillage des infrastructures et à l'élimination des barrières et des contraintes entravant la production et le développement des marchés ;
(c) gutanga buri gihe amakuru y'ubucuruzi agezweho kugira ngo hihutishwe imikorere y'amasoko binyujijwe mu bufatanye hagati y'amahuriro y'abacuruzi n'abanyenganda n'indi miryango ikora nkayo yo mu bihugu bigize Umuryango;	(c) regularly provide up-to-date commercial intelligence to speed up market response through co-operation among the chambers of commerce and industry and other similar organizations of the Partner States;	(c) fournir régulièrement des informations à jour pour accélérer les réactions du marché grâce à la coopération entre les Chambres de commerce et d'industrie et d'autres organisations similaires des États partenaires ;

(d) korohereza no gushyigikira iherekanya ry'ubunararibonye no gukusanyiriza hamwe imitungo binyuze cyane cyane mu ishoramari ryambukiranya imipaka;	(d) facilitate and support the exchange of experience and the pooling of resources through, inter alia, cross-border investments;	(d) faciliter et soutenir l'échange d'expériences et la mise en commun des ressources par, entre autres, des investissements transfrontaliers;
(e) gushimangira uruhare rw'imiryango n'amashyirahamwe y'ubucuruzi byabyo mu itegurwa rya politiki z'ubukungu;	(e) strengthen the role of their national business organizations or associations in the formulation of their economic policies; and	(e) renforcer le rôle de leurs organisations ou associations professionnelles nationales dans la formulation de leurs politiques économiques; et
(f) gufatanya n'amahuriro y'ubucuruzi n'inganda ku rwego rw'igihugu mu gushyiraho ibigo byo kuguriza byibanda cyane cyane ku rwego rw'abikorera by'umwihariko ba rwiyekezamirimo baciriritse bigora kubona inguzanyo mu mabanki y'ubucuruzi n'ibigo by'imari.	(f) collaborate with their national chambers of commerce and industry to establish lending institutions that shall primarily cater for the private sector especially the small-scale entrepreneurs who find it difficult to obtain credit from commercial banks and financing institutions.	(f) collaborer avec leurs chambres nationales de commerce et d'industrie pour créer des institutions de crédit qui s'adresseront principalement au secteur privé, en particulier aux petits entrepreneurs qui ont du mal à obtenir des crédits auprès des banques commerciales et des institutions financières.
3. Ibihugu bigize Umuryango byemeranyije gushyiraho uburyo bworohereza sosiyete sivili kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere mu Muryango.	3. The Partner States agree to promote enabling environment for the participation of civil society in the development activities within the Community.	3 Les États partenaires conviennent de promouvoir un environnement favorable à la participation de la société civile aux activités de développement au sein de la Communauté.
4. Umunyamabanga Mukuru atanga urubuga nyunguranabitekerezo hagati y'urwego rw'abikorera, sosiyete sivili,	4. The Secretary General shall provide the forum for consultations between the private sector, civil society	4. Le Secrétaire général devra fournir le forum pour les consultations entre le secteur privé, les organisations des sociétés civiles, les groupes

matsinda aharanira inyungu n'inzego zihariye z'Umuryango.

organizations, other interest groups and appropriate institutions of the Community.

de défense des intérêts et les institutions appropriées de la Communauté.

INGINGO YA 128: Kongerera ubushobozi urwego rw'abikorera

ARTICLE 128: Strengthening the Private Sector

ARTICLE 128 : Renforcement du secteur privé

1. Ibihugu bigize Umuryango biharanira gushyiraho gahunda zigamije gushimangira no gushyigikira uruhare ry'urwego rw'abikorera nk'imbaraga z'ingirakamaro mu guteza imbere ubukungu bwabyo.

1. The Partner States shall endeavour to adopt programs that would strengthen and promote the role of the private sector as an effective force for the development of their respective economies.

1. Les États partenaires s'efforceront d'adopter des programmes qui renforceraient et favoriseraient le rôle du secteur privé en tant que force efficace pour le développement de leurs économies respectives.

2. Ku mpamvu z'iki gika cya 1 cy'iyi ngingo, ibihugu bigize Umuryango byiyemeje:

2. For purposes of paragraph 1 of this Article, the Partner States undertake to:

2. Aux fins du paragraphe 1 du présent article, les États partenaires s'engagent à :

(a) gushyigikira imikoreshereze myiza y'imitungo itaboneka cyane no kwimakaza ishyirwaho ry'imiryango y'urwego rw'abikorera ikora mu bwoko bwose bw'ibikorwa by'ubukungu, nk'amahuriro y'abacuruzi n'inganda, impuzamashyirahamwe n'amashyirahamwe y'inganda, ubuhinzi, abanyenganda, abahinzi, abacuruzi, n'abatanga serivisi n'amatsinda y'abanyamwuga;	(a) encourage the efficient use of scarce resources and to promote the development of private sector organizations which are engaged in all types of economic activity, such as, the chambers of commerce and industry, confederations and associations of industry, agriculture, manufacturers, farmers, traders, and service providers and professional groups;	(a) encourager l'utilisation efficace de ressources rares et promouvoir le développement d'organisations du secteur privé engagées dans tous les types d'activité économique, telles que les chambres de commerce et d'industrie, les confédérations et associations d'industrie, d'agriculture, de fabricants, d'agriculteurs, de commerçants, et les prestataires de services et les groupes professionnels;
(b) gushyigikira no gutera inkunga uburyo bufatika kandi bushobora gukoreshwa mu mirimo ibyara inyungu mu rwego rw'abikorera;	(b) encourage and sponsor practical and resourceful methods of income generation in the private sector; and	(b) encourager et appuyer des méthodes pratiques et ingénieuses de génération de revenus dans le secteur privé; et
(c) gushyiraho uburyo bwiza bw'amakuru bugamije ikusanya, itunganya rihuriweho n'isakazwa ry'amakuru ku gihe.	(c) establish a quality information system which will allow collection, harmonized processing and timely dissemination of data and information.	(c) établir un système d'information de qualité qui permettra la collecte, le traitement harmonisé et la diffusion en temps opportun des données et des informations.
3. Ku mpamvu z'iki gika cya 1 cy'iyi ngingo, ibihugu bigize Umuryango byafata izindi ngamba z'inyongera nk'uko Inama y'Abaminisitiri yabigena.	3. For purposes of paragraph 1 of this Article, the Partner States may take such other additional steps as the Council may determine.	3. Aux fins du paragraphe 1 du présent article, les États partenaires peuvent prendre toutes autres mesures supplémentaires que le Conseil pourra déterminer

INGINGO YA 129: Ubufatanye hagati y'imiryango y'ubucuruzi n'amashyirahamwe y'umurimo

1. Ibihugu bigize Umuryango byiyemeje gufatanya mu gushyigikira ibyemezo bihuriweho bigamije gushimangira imikorere hagati y'imiryango yabyo y'ubucuruzi, amashyirahamwe y'abakozi n'abakoresha n'amashyirahamwe y'umurimo. Bityo, ibihugu bigize Umuryango byemeranyije:

(a) gutera inkunga ibikorwa bihuriweho bishyigikira ubucuruzi n'ishoramari hagati y'ibihugu bigize Umuryango;

(b) kwemera no kugira uruhare mu mikorere myiza y'ingaga z'imiryango y'ubucuruzi, amatsinda arengera inyungu z'umwuga n'iz'ubucuruzi n'andi mashyirahamwe nk'ayo mu Muryango;

(c) gushyigikira no gushimangira ibyemezo by'ingenzi bifatwa n'Inama y'Abaminisitiri n'izindi nzego z'Umuryango zirebwa mu byiciro bifite aho bihurira n'urwego rw'abikorera no

ARTICLE 129: Co-operation among Business Organizations and Professional Bodies

1. The Partner States undertake to co-operate in promoting common measures to ensure the strengthening of linkages among their business organizations, employees' and employers' organizations and professional bodies. To this end, the Partner States agree to:

(a) support joint activities which will promote trade and investment among the Partner States;

(b) recognize and contribute to the efficient operation of federations of business organizations, professional and commercial interest groups and similar associations within the Community; and

(c) encourage and promote the taking of useful decisions by the Council and other relevant institutions of the Community in areas affecting the

ARTICLE 129 : Coopération entre organisations industrielles et commerciales et organes professionnels

1. Les États partenaires s'engagent à coopérer dans la promotion de mesures conjointes visant à renforcer les liens entre leurs Chambres de commerce et d'industrie, leurs fédérations patronales, leurs organisations de travailleurs et les autres partenaires sociaux. À cette fin, les États partenaires conviennent de :

(a) soutenir les activités conjointes destinées à promouvoir le commerce et l'investissement entre les États partenaires ;

(b) reconnaître et de contribuer au bon fonctionnement des fédérations, des milieux d'affaires, de groupes d'intérêts professionnels et commerciaux et d'associations similaires au sein de la Communauté ; et

(c) encourager et de promouvoir des décisions nécessaires prises par le Conseil et d'autres institutions pertinentes de la Communauté dans les domaines qui touchent le secteur privé

gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyo byemezo.	private sector, and to monitor the implementation of such decisions.	et d'assurer le suivi de la mise en application de ces décisions.
---	--	---

2. Inama y'Abaminisitiri ishyiraho uburyo bwafasha imiryango cyangwa amashyirahamwe y'ubucuruzi, amashyirahamwe y'umurimo na sosiyete sivili mu bihugu bigize Umuryango kugira uruhare rukwiye mu iterambere ryawo.	2. The Council shall establish modalities that would enable the business organizations or associations, professional bodies and the civil society in the Partner States to contribute effectively to the development of the Community.	2. Le Conseil établit des modalités permettant aux organisations ou associations d'entreprises, aux organismes professionnels et à la société civile des États partenaires de contribuer efficacement au développement de la Communauté.
---	--	--

3. Inama y'Abaminisitiri itegura uburyo bwo gukemura amakimbirane y'ubucuruzi n'ay'imirimo ijyanye n'ubucuruzi.	3. The Council shall formulate a business and business related dispute settlement mechanism.	3. Le Conseil élabore un mécanisme de règlement des différends relatifs aux questions industrielles et commerciales.
---	--	--

UMUTWE WA XXVI: IMIKORANIRE N'INDI MIRYANGO YO KU RWEGO RW'AKARERE N'IMIRYANGO MPUZAMAHANGA N'ABAFATANYABIKORWA MU ITERAMBERE	CHAPTER XXVI: RELATIONS WITH OTHER REGIONAL AND INTERNATIONAL ORGANISATIONS AND DEVELOPMENT PARTNERS	CHAPITRE XXVI: RELATIONS AVEC LES AUTRES ORGANISATIONS RÉGIONALES ET INTERNATIONALES ET DES PARTENAIRES DE DÉVELOPPEMENT
--	---	---

INGINGO YA 130: Imiryango mpuzamahanga n'abafatanyabikorwa mu iterambere	ARTICLE 130: International Organizations and Development Partners	ARTICLE 130 : Organisations internationales et partenaires de développement
---	--	--

- | | | |
|--|---|--|
| <p>1. Ibihugu bigize Umuryango byubahiriza ibyo byiyemeje bijyanye n'indi miryango mpuzabihugu na mpuzamahanga birimo nk'ibinyamuryango.</p> | <p>1. The Partner States shall honour their commitments in respect of other multinational and international organizations of which they are members.</p> | <p>1. Les États partenaires honorent leurs engagements à l'égard des autres organisations multinationales et internationales dont ils sont membres.</p> |
| <p>2. Ibihugu bigize Umuryango byongeye gushimangira icyifuzo cyo kwagura ubumwe bwa Afurika bityo bikabona Umuryango nk'intambwe iganisha ku kugera ku ntego z'amasezerano ashyizaho Umuryango Nyafurika w'Ubukungu.</p> | <p>2. The Partner States reiterate their desire for a wider unity of Africa and regard the Community as a step towards the achievement of the objectives of the Treaty Establishing the African Economic Community.</p> | <p>2. Les Etats partenaires réitèrent leur désir d'une unité plus large de l'Afrique et considèrent la Communauté comme une étape vers la réalisation des objectifs du Traité instituant la Communauté économique africaine.</p> |
| <p>3. Hagamijwe kugira uruhare rwo kugera ku ntego z'Umuryango, Umuryango uteza imbere uburyo bw'ubufatanye n'indi miryango ku rwego mpuzamahanaga no ku rwego rw'akarere ifite ibikorwa bifatanye isano n'intego z'Umuryango.</p> | <p>3. With a view to contributing towards the achievement of the objectives of the Community, the Community shall foster co-operative arrangements with other regional and international organizations whose activities have a bearing on the objectives of the Community.</p> | <p>3. En vue de contribuer à la réalisation des objectifs de la Communauté, la Communauté doit encourager les arrangements de coopération avec des organisations internationales et régionales dont les activités ont un rapport avec les objectifs de la Communauté.</p> |
| <p>4. Ibihugu bigize Umuryango biha agaciro kihariye ubufatanye n'Umuryango w'Ubumwe bwa Afurika, Umuryango w'Abibumbye n'amashami yawo, n'abandi bafatanyabikorwa mu iterambere hagati y'igihugu n'ikindi no hagati y'ibihugu byinshi bashishikajwe n'intego z'Umuryango.</p> | <p>4. The Partner States shall accord special importance to co-operation with the Organization of African Unity, United Nations Organization and its agencies, and other international organizations, bilateral and multi-lateral development partners interested in the objectives of the Community.</p> | <p>4. Les États partenaires doivent accorder une importance spéciale à la coopération avec l'Organisation de l'unité africaine, l'Organisation des Nations unies et ses institutions spécialisées et d'autres partenaires bilatéraux et multilatéraux de développement qui sont intéressés par les objectifs de la Communauté.</p> |

UMUTWE WA XXVII: UBUFATANYE MU ZINDI NGERI

INGINGO YA 131: Izindi ngeri

1. Haseguriwe ibiteganyijwe muri aya Masezerano, ibihugu bigize Umuryango biyemeje kuja inama binyuze mu nzego z'Umuryango hagamijwe guhuza politiki zabyo mu zindi ngeri uko bishobora, rimwe na rimwe, gusanga ari ngombwa cyangwa byifuzwa kugira ngo habeho imikorere myiza kandi yuzuzanya no guteza imbere Umuryango n'ugushyira mu bikorwa ibiteganyijwe n'aya Masezerano.

2. Ku mpamvu z'igika cya 1 cy'iyi ngingo, ibihugu bigize Umuryango bishobora gufatira hamwe izindi ngamba bisanze ari ngombwa mu rwego rwo gusohozza intego z'Umuryango no gushyira mu bikorwa ibiteganyijwe muri aya Masezerano.

UMUTWE WA XXVIII: INGINGO ZEREKERANYE N'IBYIMARI

CHAPTER XXVII: CO-OPERATION IN OTHER FIELDS

ARTICLE 131: Other Fields

1. Subject to the provisions of this Treaty, the Partner States undertake to consult with one another through the appropriate institutions of the Community for the purpose of harmonizing their respective policies in such other fields as they may, from time to time, consider necessary or desirable for the efficient and harmonious functioning and development of the Community and the implementation of the provisions of this Treaty.

2. For purposes of paragraph 1 of this Article, the Partner States may take in common such other steps as are calculated to further the objectives of the Community and the implementation of the provisions of this Treaty.

CHAPTER XXVIII: FINANCIAL PROVISIONS

CHAPITRE XXVII: COOPÉRATION DANS D'AUTRES DOMAINES

ARTICLE 131 : Autres domaines

1. Sous réserve des dispositions du présent traité, les États partenaires s'engagent à se concerter au sein des organes compétents de la Communauté en vue d'harmoniser leurs politiques dans les autres domaines qu'ils jugeront nécessaires et souhaitables pour assurer le fonctionnement et le développement efficaces et harmonieux de la Communauté ainsi que pour l'application des dispositions du présent traité.

2. Aux fins du paragraphe 1 du présent article, les États partenaires peuvent prendre conjointement toutes autres mesures qu'ils jugeront nécessaires pour promouvoir la réalisation des objectifs de la Communauté et la mise en oeuvre des dispositions du présent traité.

CHAPITRE XXVIII : DISPOSITIONS FINANCIÈRES

INGINGO YA 132: Ingengo y'imari

1. Hashyirwaho ingengo y'imari igenewe inzego n'ibigo by'Umuryango, uretse ibigo bifite icungamari ryigenga.

2. Haseguriwe aya Masezerano, ingengo y'imari y'Umuryango kuri buri mwaka w'ingengo y'imari itegurwa n'Umunyamabanga Mukuru kugira ngo isuzumwe n'Inama y'Abaminisitiri kandi ikemezwa n'Inteko.

3. Amafaranga yose akoreshwa n'Umuryango ku byerekeranye na buri mwaka w'ingengo y'imari agomba gusuzumwa no kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri kandi agomba kuvanwa mu ngengo y'imari.

4. Ingengo y'imari y'Umuryango ihabwa amafaranga akomotse ku misanzu ingana y'ibihugu bigize Umuryango n'ayakirwa avuye ku mpano zo ku rwego rw'akarere no ku rwego mpuzamahanga n'akomoka ahandi aho ariho hose nk'uko byagenwa n'Inama y'Abaminisitiri.

ARTICLE 132: Budget

1. There shall be a budget for the organs and institutions of the Community, save for the self-accounting institutions.

2. Subject to this Treaty, a budget for the Community for each financial year shall be prepared by the Secretary General for consideration by the Council and approval by the Assembly.

3. All expenditures of the Community in respect of each financial year shall be considered and approved by the Council and shall be met from the budget.

4. The budget of the Community shall be funded by equal contributions by the Partner States and receipts from regional and international donations and any other sources as may be determined by the Council.

ARTICLE 132 : Budget

1. Il est établi un budget des organes et des institutions de la Communauté, sauf pour les institutions tenant une comptabilité autonome.

2. Sous réserve du présent traité, un projet de budget de la Communauté est établi pour chaque exercice; ce projet de budget est préparé par le Secrétaire général qui le soumet pour examen au Conseil avant son adoption par l'Assemblée.

3. Toutes les dépenses de la Communauté pour chaque exercice budgétaire sont examinées et approuvées par le Conseil et doivent être couvertes par le budget.

4. Les ressources du budget proviennent des contributions annuelles, d'un montant égal, des États partenaires, de donations régionales et internationales ainsi que d'autres sources qui peuvent être déterminées par le Conseil.

5. Imitungo y'Umuryango igomba gukoreshwa mu bikorwa by'Umuryango nk'uko bigenwa n'Inteko ibigiriwemo inama n'Inama y'Abaminisitiri.	5. The resources of the Community shall be utilized to finance activities of the Community as shall be determined by the Assembly on the recommendation of the Council.	5. Les ressources de la Communauté sont utilisées pour financer ses activités telles qu'elles sont déterminées par l'Assemblée sur recommandation du Conseil.
6. Ingengo y'imari na konti by'Umuryango bigomba kuba kandi bikagumishwa mu madorari y'amanyamerika.	6. The budget and accounts of the Community shall be kept and maintained in United States dollars.	6. Le budget et les comptes de la Communauté sont libellés en dollars des États-Unis.
7. Umwaka w'ingengo y'imari w'Umuryango utangira ku itariki ya 1 Nyakanga ukarangira ku itariki ya 30 Kamena.	7. The financial year of the Community shall run from 1 st July to 30 th June.	7. L'exercice de la Communauté commence le 1er juillet et se termine le 30 juin.

INGINGO YA 133: Indi mitungo

ARTICLE 133: Other Resources

ARTICLE 133 : Autres ressources

Indi mitungo y'Umuryango ikubiyemo indi mitungo yose itabarirwa mu ngengo y'imari harimo:	Other resources of the Community shall include such extra budgetary resources as:	Les autres ressources de la Communauté englobent des ressources extrabudgétaires telles que :
(a) inkunga, impano, amafaranga y'imishinga na gahunda n'ubufasha mu bya tekiniki;	(a) grants, donations, funds for projects and programs and technical assistance; and	(a) les subventions, dons, fonds de projets, de programmes et de l'assistance technique ; et
(b) amafaranga yinjizwa avuye mu bikorwa byakozwe n'Umuryango.	(b) income earned from activities undertaken by the Community.	(b) les revenus provenant des activités menées par la Communauté.

INGINGO YA 134: Igenzura ry'ibitabo by'imitungo

1. Hashyirwaho Komisiyo ishinzwe igenzura igizwe n'Abagenzuzi bakuru b'ibihugu bigize Umuryango bafite inshingano zo kugenzura konti z'Umuryango.

2. Komisiyo ishinzwe igenzura ifite inshingano zo kugenzura ko imisanzu yose yakiriwe cyangwa amafaranga yinjijwe n'Umuryango byatanzwe hakurikijwe aya Masezerano no kugira icyemezo kibihamya muri raporo yayo.

3. Komisiyo ishinzwe igenzura igomba kugeza raporo zayo ku Nama y'Abaminisitiri nk'uko biteganyijwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo na yo ikazishyikiriza Inteko mu mezi atandatu kuva zakiriwe kugira ngo izunguraneho ibitekerezo kandi izitangeho izindi nama izifateho n'icyemezo aho ibona ko ari ngombwa.

4. Mu rwego rwo gusohozza inshingano zayo ziteganyijwe muri iyi ngingo,

ARTICLE 134: Audit of Accounts

1. There shall be an Audit Commission made up of the Auditors General of the Partner States whose functions will be to audit the accounts of the Community.

2. It shall be the duty of the Audit Commission to verify that any contributions received or revenue collected by the Community have been allocated and distributed in accordance with this Treaty and to include a certificate to that effect in its report.

3. The Audit Commission shall submit its reports under paragraph 2 of this Article to the Council which shall cause the same to be laid before the Assembly within six months of receipt for debate and for such other consultations and action as the Assembly may deem necessary.

4. In the performance of its functions under this Article, the Audit

ARTICLE 134 : Vérification des comptes

1. Il existe une commission d'audit composée des auditeurs généraux des États partenaires dont les fonctions seront de contrôler les comptes de la Communauté.

2. La Commission de vérification doit s'assurer que toutes les contributions reçues ou tous les revenus perçus par la Communauté ont été affectés et distribués en accord avec le présent traité et inclure une attestation de vérification des comptes dans son rapport.

3. La Commission des comptes soumet ses rapports, établis selon les dispositions du paragraphe 2 du présent article, au Conseil qui, à son tour, les présente dans un délai de six mois à l'Assemblée pour délibération et pour toute considération ou action que l'Assemblée estime nécessaire.

4. Dans l'exercice de ses fonctions au titre du présent article, la Commission de vérification

Komisiyo ishinzwe igenzura ntigira umuntu uwo ari we wese uyitegeka cyangwa uyigenzura.	Commission shall not be subject to the direction or control of any person or authority.	n'est soumise ni à la direction ni au contrôle d'une quelconque personne ou autorité.
INGINGO YA 135: Amategeko n'amabwiriza arebana n'imari	ARTICLE 135: Financial Rules and Regulations	ARTICLE 135 : Règles et règlements financiers
1. Inama y'Abaminisitiri ishyiraho amategeko n'amabwiriza by'Umuryango birebana n'imari.	1. The Council shall make financial rules and regulations of the Community.	1. Le Conseil établit les règles et les règlements financiers de la Communauté.
2. Ibigo by'Umuryango bifite icungamari ryigenga bishyiraho amategeko n'amabwiriza arebana n'imari yabyo hakurikijwe ibiteganyijwe n'amategeko abigenga.	2. Self-accounting institutions of the Community shall make their own financial rules and regulations in line with the provisions of their respective enabling legislation.	2. Les institutions autonomes de la Communauté établissent leurs propres règles et réglementations financières conformément aux dispositions de leur législation d'habilitation respective.
UMUTWE WA XXIX: INGINGO RUSANGE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	CHAPTER XXIX: GENERAL, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	CHAPITRE XXIX: DISPOSITIONS GÉNÉRALES, TRANSITOIRES ET FINALES
INGINGO YA 136: Icyicaro n'ibindi biro by'Umuryango	ARTICLE 136: Headquarters and Other Offices of the Community	ARTICLE 136 : Siège et autres bureaux de la Communauté
1. Icyicaro cy'Umuryango kiri Arusha muri Repubulika Yunze Ubumwe ya Tanzaniya.	1. The headquarters of the Community shall be in Arusha in the United Republic of Tanzania.	1. Le siège de la Communauté se situe à Arusha en République Unie de Tanzanie.

2. Hashobora gushyirwaho ibindi biro by'Umuryango mu bihugu biwugize n'ahandi hose nk'uko Inama y'Abaminisitiri yabigena.

2. There may be established such offices of the Community in the Partner States and elsewhere as the Council may determine.

2. Des bureaux de la Communauté peuvent être établis dans les États partenaires ou à tout autre endroit que le Conseil déterminera.

INGINGO YA 137: Ururimi rwemewe mu Muryango

ARTICLE 137: Official Language

ARTICLE 137 : Langue officielle

1. Ururimi rwemewe mu Muryango ni Icyongereza.

1. The official language of the Community shall be English.

1. La langue officielle de la Communauté est l'anglais.

2. Igiswayile kigomba gutezwa imbere nk'ururimi mpuzakarere rw'Umuryango.

2. Kiswahili shall be developed as a lingua franca of the Community.

2. Le kiswahili deviendra lingua franca de la Communauté.

INGINGO YA 138: Urwego, uburenganzira n'ubudahangarwa bwihariye

ARTICLE 138: Status, Privileges and Immunities

ARTICLE 138 : Statut, privilèges et immunités

1. Umuryango ufite ubuzimagatozi ku rwego mpuzamahanga.

1. The Community shall enjoy international legal personality.

1. La Communauté jouit de la personnalité juridique internationale.

2. Umunyamabanga Mukuru agirana na guverinoma z'ibihugu bigize Umuryango, aho icyicaro cyangwa ibiro by'Umuryango biri, amasezerano yerekeranye n'uburenganzira bwihariye n'ubudahangarwa bugomba kwemerwa kandi bugatangwa ku buryo bugendanye n'Umuryango.

2. The Secretary General shall conclude with the Governments of the Partner States in whose territory the headquarters or offices of the Community shall be situated, agreements relating to the privileges and immunities to be recognized and

2. Le Secrétaire général conclut avec les gouvernements des États partenaires sur les territoires desquels sont situés le siège et les bureaux de la Communauté, des accords relatifs aux privilèges et immunités reconnus et accordés en relation avec la Communauté.

granted in connection with the Community.

3. Buri gihugu mu bigize Umuryango cyiyemeje guha Umuryango n'abakozi bawo uburenganzira bwihariye n'ubudahangarwa bihabwa imiryango mpuzamahanga imeze nka wo ku butaka bwacyo.

3. Each of the Partner States undertakes to accord to the Community and its officers the privileges and immunities accorded to similar international organizations in its territory.

3. Chacun des États partenaires s'engage à accorder à la Communauté et à ses fonctionnaires les privilèges et immunités accordés à des organisations similaires sur son territoire.

INGINGO YA 139: Iseswa rya Komisiyo ihoraho ihuriweho n'ibihugu bitatu n'ubunyamabanga bwayo

ARTICLE 139: Dissolution of the Permanent Tripartite Commission and its Secretariat

ARTICLE 139 : Dissolution de la Commission tripartite permanente et de son Secrétariat

Umunsi aya Masezerano atangirira gukurikizwa wiswe mu bikurikira “umunsi wagenwe”, Komisiyo ihuriweho n'ibihugu bitatu n'Ubunyamabanga bw'iyi Komisiyo byashyizweho ku itariki ya 30 Ugushyingo 1993, n'Amasezerano ashiraho Komisiyo ihoraho ihuriweho n'ibihugu bitatu ishinzwe ubutwererane hagati ya Repubulika ya Uganda, Repubulika ya Kenya na Repubulika Yunze Ubumwe ya Tanzaniya, no ku itariki ya 26 y'Ugushyingo 1994, n'Amasezerano y'Inyongera yerekeye ishyirwaho ry'Ubunyamabanga bwa Komisiyo ihoraho ihuriweho n'ibihugu bitatu ishinzwe

Upon the coming into force of this Treaty, hereinafter referred to as “the appointed day”, the Tripartite Commission and the Secretariat of the Tripartite Commission respectively established on the 30th day of November, 1993, by the Agreement for the Establishment of a Permanent Tripartite Commission for Co-operation Between the Republic of Uganda, the Republic of Kenya and the United Republic of Tanzania, and on the 26th day of November, 1994, by the Protocol on the Establishment of the Secretariat of the Permanent Tripartite Commission

Le jour de l'entrée en vigueur du présent traité, désigné ci-après par « jour fixé », la Commission tripartite et le Secrétariat de la Commission tripartite établis respectivement le 30 novembre 1993 par l'Accord sur l'établissement d'une Commission tripartite permanente pour la coopération entre la République du Kenya, la République de l'Ouganda et la République-Unie de Tanzanie et le 26 novembre 1994 par le Protocole sur l'établissement du Secrétariat permanent de la Commission tripartite pour la coopération entre la République du Kenya, la République de l'Ouganda et la République Unie de Tanzanie cessent d'exister.

ubutwererane hagati ya Repubulika ya Uganda, Repubulika ya Kenya na Repubulika Yunze Ubumwe ya Tanzaniya, bihita bivaho.

for Co-operation Between the Republic of Uganda, the Republic of Kenya and the United Republic of Tanzania, shall both cease to exist.

INGINGO YA 140: Ingingo z'inzibacyuho

ARTICLE 140: Transitional Provisions

ARTICLE 140 : Dispositions transitoires

1. Ku muni wagenwe, Umunyamabanga nshingwabikorwa, Abanyamabanga nshingwabikorwa bungirije, Umujyanama w'Umuryango n'abandi bakozi b'Ubunyamabanga bwa Komisiyo ihuriweho n'ibihugu bitatu bakora imirimo y'Umunyamabanga Mukuru, Abanyamabanga bakuru bungirije, Umujyanama w'Umuryango n'iy'abandi bakozi b'Umuryango kandi bafatwa nk'abashinzwe iyo mirimo nk'uko biteganyijwe n'ingingo ya 67, iya 68, iya 69 n'iya 70 z'aya Masezerano:

1. On the appointed day, the Executive Secretary, the Deputy Executive Secretaries, the Legal Counsel and other staff of the Secretariat of the Tripartite Commission shall assume the offices of the Secretary General, Deputy Secretaries General, Counsel to the Community and other staff of the Community respectively and shall be deemed to have been appointed thereto under the provisions of Articles 67, 68, 69 and 70 of this Treaty respectively:

1. Le jour fixé, le Secrétaire exécutif, les Secrétaires exécutifs adjoints, le Conseil juridique et les autres membres du personnel du Secrétariat de la Commission tripartite assumeront les fonctions de Secrétaire général, de Secrétaires généraux adjoints, de Conseil de la Communauté et de membres du personnel de la Communauté et seront considérés comme étant nommés selon les dispositions des articles 67, 68, 69 et 70 du présent traité.

Haseguriwe ko Umunyamabanga nshingwabikorwa n'Abanyamabanga nshingwabikorwa bungirije bakomeza gukora imirimo yabo mu gihe gisigaye giteganyijwe n'amasezerano yabo bafite y'umurimo.

Provided that the Executive Secretary and the Deputy Executive Secretaries shall serve for the remaining period of their current contractual terms.

À condition que le secrétaire exécutif et les secrétaires exécutifs adjoints restent en fonction pendant la période restante de leurs conditions contractuelles actuelles.

- | | | |
|--|---|--|
| <p>2. Imikorere ya Komisiyo ihuriweho n'ibihugu bitatu ikomeza gukurikizwa n'Inama y'Abaminisitiri kugeza ubwo Inama y'Abaminisitiri yemeje imikorere yayo,</p> | <p>2. Until the Council adopts its procedure, the procedure that applies to the Tripartite Commission shall apply to the Council.</p> | <p>2. Jusqu'à ce que le Conseil adopte sa procédure, la procédure qui s'applique à la commission tripartite s'applique au Conseil.</p> |
| <p>3. Kugeza ubwo amategeko n'amabwiriza birebana n'abakozi, uburyo n'ibisabwa ku kazi kimwe n'imari bitaremezwa, iby'Ubunyamabanga bwa Komisiyo ihuriweho n'ibihugu bitatu ni byo bikurikizwa.</p> | <p>3. Until the Community adopts its own staff rules and regulations and terms and conditions of service and financial rules and regulations, those of the Secretariat of the Tripartite Commission shall apply.</p> | <p>3. Jusqu'à ce que la Communauté adopte son propre statut et statut du personnel, ses conditions de service et son règlement financier, ceux du secrétariat de la commission tripartite s'appliquent.</p> |
| <p>4. Mu gihe Inama y'Abaminisitiri itaremeza ko Urukiko rutangira gukora nyabyo, Umucamanza ushyirwaho hakurikijwe ingingo ya 24 y'aya Masezerano yitabazwa mu buryo bw'agateganyo. Hatitawe ku biteganyijwe mu gika cya 5 cy'ingingo ya 25 y'aya Masezerano, umushahara n'ibindi bigomba gukurikizwa no kuzuzwa ku kazi by'Umucamanza witabazwa by'agateganyo bigenwa n'Inama y'Abakuru b'ibihugu bisabwe n'Inama y'Abaminisitiri.</p> | <p>4. Until such time as the Council determines that the Court is fully operational, a Judge appointed under Article 24 of this Treaty shall serve on an ad hoc basis. Notwithstanding the provisions of paragraph 5 of Article 25 of this Treaty, the salary and other terms and conditions of service of a Judge serving on an ad hoc basis shall be determined by the Summit on the recommendation of the Council.</p> | <p>4. jusqu'à ce que le Conseil décide que la Cour est pleinement opérationnelle, un juge nommé en vertu de l'article 24 du présent traité siégera sur une base ad hoc. Nonobstant les dispositions du paragraphe 5 de l'article 25 du présent Traité, le traitement et les autres conditions d'emploi d'un juge siégeant sur une base ad hoc sont déterminés par le Sommet sur recommandation du Conseil.</p> |
| <p>5. Kugeza ubwo Inteko itorwa mu gihe kigenwa n'Inama y'abakuru b'ibihugu</p> | <p>5. Until the Assembly is elected at a time to be determined by the Summit and</p> | <p>5. Jusqu'à ce que l'Assemblée soit élue à un moment à déterminer par le Sommet et se</p> |

kandi ngo iterane ku nshuro ya mbere, imirimo y'Inteko ishingira amategeko ku byerekeranye no kwemeza ingengo y'imari y'Umuryango, gusuzuma Raporo z'ibikorwa z'umwaka z'Umuryango na raporo z'igenzura ry'umwaka za Komisiyo ishinze igenzura, ikorwa n'Inama y'abaminisitiri.

6. Inama y'Abaminisitiri ishobora gushyiraho amategeko, gutanga amabwiriza, gufata ibyemezo, gutanga inama no gutanga ibitekerezo hakurikijwe ibiteganyijwe n'aya Masezerano, mu gihe hataremezwa Amasezerano y'Inyongera avugwa mu ngingo ya 151(1).

7. Ibihugu bigize Umuryango byiyemeje gukomeza Amategeko y'inkomoko akurikizwa ku mpamvu zo gufata neza ibicuruzwa bicuruzwa hagati yabyo kandi bikomoka mu bihugu bigize Umuryango, mu gihe hagitegerejwe ishyirwaho ry'Amasezerano y'Inyongera avugwa mu gika cya 1 cy'ingingo ya 75 y'aya Masezerano.

INGINGO YA 140 (A): Inzibacyuho

first meets, the functions of the Assembly in respect of the approval of the budget of the Community, consideration of annual reports on the activities of the Community and annual audit reports of the Audit Commission, shall be performed by the Council.

6. Until the adoption of Protocols referred to in Article 151(1), the Council may make regulations, issue directives, take decisions, make recommendations and give opinions in accordance with the provisions of this Treaty.

7. Pending the conclusion of a Protocol under paragraph 1 of Article 75 of this Treaty, the Partner States agree to maintain the rules of origin currently applicable for the purpose of the preferential treatment of goods traded among them and originating in the Partner States.

ARTICLE 140 (A): Transition

réunisse pour la première fois, les fonctions de l'Assemblée en ce qui concerne l'approbation du budget de la Communauté, l'examen des rapports annuels sur les activités de la Communauté et les rapports d'audit annuels de la commission d'audit, est exercée par le Conseil.

6. Jusqu'à l'adoption des Protocoles mentionnés au paragraphe 1 de l'article 151, le Conseil peut établir des règlements, publier des directives, prendre des décisions, énoncer des recommandations et émettre des avis conformément aux dispositions du présent traité.

7. Dans l'attente de la conclusion d'un protocole en vertu du paragraphe 1 de l'article 75 du présent traité, les États partenaires conviennent de maintenir les règles d'origine actuellement applicables aux fins du traitement préférentiel des marchandises échangées entre eux et originaires des États partenaires.

ARTICLE 140 (A) : Transition

1. icyemezo icyo ari cyo cyose cyangwa itegeko iryo ari ryo ryose bitanzwe n'Urukiko uhereye igihe aya Masezerano yatangiye gukurikizwa bifatwa nk'ibyatanzwe n'Urugereko rw'iremezo rw'Urukiko.

2. Umucamanza ukora imirimo ye mu rukiko rw'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba rwariho mbere gato y'uko iyi ngingo itangira gukurikizwa, akomeza nk'umucamanza w'Urugereko rw'iremezo ku mpamvu z'intego y'aya Masezerano kandi aba yujuje ibisabwa ku gushyirwa mu Rugereko rw'Ubujurire.

INGINGO YA 141: Ihererekanya ry'umutungo n'imyenda

1. Ku muni wagenwe imitungo n'imyenda byose by'Ubunyamabanga bwa Komisiyo ihuriweho n'ibihugu bitatu byegurirwa Umuryango hakurikijwe iyi ngingo kandi nta bundi bwishingizi, kandi kuva uwo muni, Umuryango ugira uburenganzira busesuye ku mitungo n'imyenda weguriwe, kandi wishingira imyenda yose yari ifitwe n'Ubunyamabanga bwa Komisiyo

1. Any judgment or order made by the Court since the entry into force of the Treaty shall be deemed to have been made by the First Instance Division of the Court.

2. A Judge serving in the East African Court of Justice existing immediately before the entry into force of this Article shall continue as a Judge of the First Instance Division for the purposes of the Treaty and is eligible for appointment to the Appellate Division.

ARTICLE 141: Transfer of Assets and Liabilities

1. On the appointed day there shall be transferred to and vested in the Community by virtue of this Article and without further assurance, all the assets and liabilities of the Secretariat of the Tripartite Commission and from that day, the Community shall, in respect of the assets and liabilities so transferred and vested in it, have all the rights, and be subject to all the liabilities, which the

1. Tout arrêt ou ordre prononcé par la Cour depuis l'entrée en vigueur du traité est réputé avoir été rendu par la Chambre de première instance de la Cour.

2. Tout juge officiant dans la Cour de justice d'Afrique de l'Est existant avant l'entrée en vigueur du présent article sera maintenu en fonction comme juge de la Chambre de première instance pour les besoins du présent traité et remplit les conditions d'éligibilité pour une nomination à la Chambre d'appel.

ARTICLE 141 : Transfert de l'actif et du passif

1. Au jour fixé, il est transféré et dévolu à la Communauté, en vertu du présent article et sans aucune autre assurance, tout l'actif et le passif du Secrétariat de la Commission tripartite et à partir de ce jour, la Communauté, en vertu de l'actif et du passif ainsi transférés et dévolus, assume tous les droits et toutes les obligations auxquels était ou est soumis le Secrétariat de la Commission tripartite, immédiatement avant ce jour.

ihuriweho n'ibihugu bitatu, cyangwa bwagize mbere gato y'uwo munsu.	Secretariat of the Tripartite Commission had, or is subject to, immediately before that day.	
2. Buri masezerano yakozwe n'Ubunyamabanga bwa Komisiyo ihuriweho n'ibihugu bitatu mu nyandiko cyangwa mu izina ryabwo, yaba ubutungo uhari cyangwa umwenda bigomba kubazwa ubwo Bunyamabanga, agira agaciro nk'ayakozwe n'Umuryango cyangwa mu izina ryawo ndetse no mu gihe byakozwe n'Ubunyamabanga cyangwa n'umukozi uwo ari we wese kandi ahavugwa ku bunyamabanga bwa Komisiyo ihuriweho n'ibihugu bitatu no ku mukozi cyangwa umuyobozi wayo, bifatwa nk'aho ari Umuryango uvugwa kimwe n'umukozi cyangwa umuyobozi wawo usa n'uwa Komisiyo.	2. Every contract made by or on behalf of the Secretariat of the Tripartite Commission in writing and whether or not of such a nature that rights and liabilities thereunder can be assigned by the Secretariat of the Tripartite Commission, shall have effect as if made by or, on behalf of the Community and as if references therein to the Secretariat of the Tripartite Commission or any officer or authority thereof, were references to the Community and to the corresponding officer or authority thereof.	2. Tout contrat passé par écrit par ou au nom du Secrétariat de la Commission tripartite, et qu'il soit ou non de nature à ce que l'actif et le passif en question peuvent être assignés par ledit Secrétariat, est considéré comme passé par ou au nom de la Communauté et comme si toutes références faites au Secrétariat de la Commission tripartite ou tout autre fonctionnaire ou autorité de ladite institution étaient substituées pour tout ce qui n'aurait pas été fait au jour fixé ou après, par des références à la Communauté et aux fonctionnaires ou à l'autorité correspondants.
3. Imanza zose Ubunyamabanga bwa Komisiyo ihuriweho n'ibihugu bitatu bwaba burega cyangwa buregwa zitaracibwa ku munsu wagenwe, zikomeza kuburanwa n'Umuryango.	3. Any proceedings by or against the Secretariat of the Tripartite Commission pending on the appointed day, shall be continued by or against the Community.	3. Toutes procédures engagées par ou contre le Secrétariat de la Commission tripartite en suspens le jour fixé sont poursuivies par ou contre la Communauté.
4. Ahantu hose havugwa Ubunyamabanga bwa Komisiyo ihuriweho n'ibihugu bitatu,	4. Reference to the Secretariat of the Tripartite Commission, in any law or	4. Toute référence au Secrétariat de la Commission tripartite, dans toute loi ou

mu itegeko cyangwa mu nyandiko kuva kuri uwo munsu wagenwe na nyuma yawo, bifatwa nk'aho havugwa Umuryango.

document shall on and after the appointed day, be construed as references to the Community.

document, doit être interprétée à partir du jour fixé comme une référence à la Communauté.

INGINGO YA 142: Ingingo zizigama

ARTICLE 142: Saving Provisions

ARTICLE 142 : Clauses de sauvegarde

1. Haseguriwe ibiteganyijwe muri aya Masezerano, amasezerano akurikira ahuza impande eshatu nyuma yo gutangira gukurikizwa kw' aya Masezerano ntacyo ahindurwaho n'uko gutangira gukurikirizwa, ariko ayo masezerano asobanurwa n'amavugurura, uguhuzwa, ugusobanurwa n'amarengayobora nk'uko bishobora kuba ngombwa kugira ngo ahuzwe n'aya Masezerano:

1. Subject to the provisions of this Treaty, the operation of the following tripartite agreements after the coming into force of this Treaty shall not be affected by such coming into force, but the agreements shall be construed with such modifications, adaptations, qualifications and exceptions as may be necessary to bring them into conformity with the Treaty:

1. Sous réserve des dispositions du présent traité, les dispositions des Accords tripartites suivants ne seront pas affectées par l'entrée en vigueur du présent traité, mais ils seront interprétés avec les modifications, les adaptations, les qualifications et les exceptions qui peuvent être nécessaires pour les rendre conformes au traité :

(a) Amasezerano agamije ishyirwaho rya Komisiyo ihoraho ihuriweho n'ibihugu bitatu ishinze ubutwererane hagati ya Repubulika ya Uganda, Repubulika ya Kenya na Repubulika Yunze Ubumwe ya Tanzaniya;

(a) Agreement for the Establishment of The Permanent Tripartite Commission for Co-operation Between the Republic of Uganda, the Republic of Kenya and the United Republic of Tanzania;

(a) Accord pour l'établissement d'une Commission tripartite permanente pour la coopération entre la République du Kenya, la République de l'Ouganda et la République Unie de Tanzanie ;

(b) Amasezerano y'Inyongera ku ishyirwaho rya Komisiyo ihoraho ihuriweho n'ibihugu bitatu ishinze ubutwererane hagati ya Repubulika ya

(b) Protocol on the Establishment of a Secretariat of the Permanent Tripartite Commission for Co-operation Between the Republic of Uganda, the Republic of

(b) Protocole pour l'établissement du Secrétariat de la Commission de l'Afrique de l'Est pour la coopération entre la République du Kenya, la République de l'Ouganda et la République Unie de Tanzanie ;

Uganda, Repubulika ya Kenya na Repubulika Yunze Ubumwe ya Tanzaniya;	Kenya and the United Republic of Tanzania;	
(c) Amasezerano yerekeye Icyicaro hagati y'Ubunyamabanga bwa Komisiyo ishinze Ubutwererane muri Afurika y'Iburasirazuba na Leta ya Repubulika Yunze Ubumwe ya Tanzaniya;	(c) Headquarters Agreement between the Secretariat of the Commission for East African Co-operation and the Government of the United Republic of Tanzania;	(c) Accord de siège entre le Secrétariat de la Commission pour la coopération de l'Afrique orientale et le gouvernement de la République Unie de Tanzanie ;
(d) Amasezerano hagati y'impane eshatu agamije gutuma hatabaho gusoreshwa kabiri ku kintu kimwe no gukumira inyerezwa ry'imisoro ku byerekeranye n'imisoro yakwa ku musaruro;	(d) Tripartite Agreement for the Avoidance of Double Taxation and the Prevention of Fiscal Evasion with respect to Taxes on Income;	(d) Accord tripartite visant à éviter la double imposition et à prévenir l'évasion fiscale en matière d'impôts sur le revenu ;
(e) Amasezerano y'imikoranire yerekeye ubufatanye mu by'ingabo;	(e) Memorandum of Understanding on Co-operation in Defense;	(e) Mémoire d'accord sur la coopération en matière de défense;
(f) Amasezerano ahuza impande eshatu yerekeye ubwikorezi bukoresha umuhanda;	(f) Tripartite Agreement on Road Transport;	(f) Accord tripartite sur le transport routier ;
(g) Amasezerano ahuza impande eshatu yerekeye ubwikorezi bwo mu mazi y'imbere mu gihugu;	(g) Tripartite Agreement on Inland Waterways Transport;	(g) Accord tripartite sur les transports en eaux intérieures ;
(h) Amasezerano y'imikoranire yerekeye guhuza ibikorwa bya politiki mpuzamahanga;	(h) Memorandum of Understanding on Foreign Policy Co-ordination; and	(h) Mémoire d'accord sur la coordination en matière de politique étrangère ; et

(i) Amasezerano y'imikoranire hagati ya Repubulika ya Uganda, Repubulika ya Kenya na Repubulika Yunze Ubumwe ya Tanzaniya agamije ubufatanye ku micungire y'ibidukikije.	(i) Memorandum of Understanding between the Republic of Uganda and the Republic of Kenya and the United Republic of Tanzania for Co-operation on Environment Management.	(i) Mémorandum d'accord entre la République du Kenya, la République de l'Ouganda et la République Unie de Tanzanie pour la coopération de la gestion de l'environnement.
---	---	---

2. Iseswa rya Komisiyo ihuriweho n'ibyo bihugu bitatu nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 139 y'aya Masezerano ntrigira icyo rihindura ku byemezo bya Komisiyo ihuriweho n'ibyo bihugu bitatu ariko ibyo byemezo bisobanurwa kandi bigashyirwa mu bikorwa n'amavugurura, uguhuzwa, ugusobanurwa n'amarengayobora nk'uko bishobora kuba ngombwa kugira ngo bihuzwe n'aya Masezerano.	2. The dissolution of the Tripartite Commission in terms of Article 139 of this Treaty shall not affect the decisions of the Tripartite Commission but such decisions shall be construed and implemented with such modifications, adaptations, qualifications and exceptions as may be necessary to bring them into conformity with this Treaty.	2. La dissolution de la Commission tripartite aux termes de l'article 39 du présent traité n'affecte pas les décisions de la Commission tripartite mais ces décisions doivent être interprétées et appliquées avec les modifications, adaptations, qualifications et exceptions qui peuvent être nécessaires pour les rendre conformes au présent traité.
---	---	--

INGINGO YA 143: Ibihano

ARTICLE 143: Sanctions

ARTICLE 143 : Sanctions

Igihugu kigize Umuryango kitubahirije inshingano zacyo zaba izirebana n'imari cyangwa n'izindi nk'uko biteganyijwe muri aya Masezerano gifatirwa ibyemezo nk'uko Inama y'Abakuru b'ibihugu yabigena ibigiriwemo inama n'Inama y'Abaminisitiri.	A Partner State which defaults in meeting its financial and other obligations under this Treaty shall be subject to such action as the Summit may on the recommendation of the Council, determine.	Tout État partenaire qui ne respecte pas ses obligations financières et les autres obligations lui incombant en vertu du présent traité est passible d'actions décidées par le Sommet sur recommandation du Conseil.
---	---	---

INGINGO YA 144: Igihe aya Masezerano amara

ARTICLE 144: Duration of the Treaty

ARTICLE 144 : Durée du traité

Aya Masezerano agomba afite igihe gihoraho.

This Treaty shall have perpetual duration.

Le traité a une durée perpétuelle.

INGINGO YA 145: Kuva mu Muryango kwa kimwe mu bihugu biwugize

ARTICLE 145: Withdrawal of a Member

ARTICLE 145 : Retrait d'un membre

1. Kimwe mu bihugu bigize Umuryango gishobora kuwuvamo ari uko:

1. A Partner State may withdraw from the Community provided:

1. Un État partenaire peut se retirer de la Communauté à condition que :

(a) Inteko ishingira amategeko y'icyo gihugu cyari mu Muryango ibyemeje n'umwanzuro ushyigikiwe n'abatari muni ya bibiri bya gatatu by'abayigize bemerewe gutora; n'uko

(a) the National Assembly of the Partner State so resolves by resolution supported by not less than two-thirds majority of all the members entitled to vote; and

(a) l'Assemblée nationale de l'État partenaire le décide par une résolution appuyée par au moins les deux tiers de tous les membres ayant le droit de vote ; et que

(b) Igihugu kigize Umuryango gihaye Umunyamabanga Mukuru integuza y'amezi cumi n'abiri mu nyandiko igaragaza umugambi wacyo wo kuva mu Muryango, keretse icyo gihugu kivanyeho iyo nteguza mbere y'uko ayo mezi cumi n'abiri arangira.

(b) the Partner State gives to the Secretary General twelve month's written notice of its intention to withdraw, unless that State cancels the notice before the expiry of the twelve months.

(b) l'État partenaire notifie le Secrétaire général de son intention par écrit, 12 mois à l'avance, à moins que l'État membre n'annule cette notification avant expiration du délai de 12 mois.

2. Kimwe mu bihugu bigize Umuryango cyifuzaga kuva mu Muryango kigomba, mu gihe cy'amezi cumi n'abiri kivugwa mu gika cya 1 cy'iyi ngingo, gukomeza

2. A Partner State wishing to withdraw from the Community shall, during the period of twelve months referred to in paragraph 1 of this Article, continue to

2. Pendant la période de douze mois mentionnée au paragraphe 1 du présent article, tout État partenaire souhaitant se retirer de la Communauté se conforme néanmoins aux dispositions du présent traité et reste tenu de

kubahiriza inshingano zacyo ziteganyijwe muri aya Masezerano.	be liable to discharge her obligations under the Treaty.	s'acquitter de ses obligations aux termes du présent traité.
---	--	--

3. Hatitawe k'ukuva mu Muryango nyabyo kw'icyo gihugu, igihe cy'integuza kirangiye, icyo gihugu gikomeza kubahiriza inshingano zose z'igihe kirekire cyiyemeje gukora mu gihe cyari kikiri mu Muryango.	3. Notwithstanding the effective withdrawal from membership by such State, upon expiry of the notice that State shall remain liable to discharge all subsisting obligations and long term commitments incurred during membership.	3. Nonobstant le retrait effectif d'un État partenaire à l'issue de l'expiration du délai, cet État continue d'être responsable des engagements à long terme qu'il a souscrits alors qu'il était membre de la Communauté.
---	---	---

INGINGO YA 146: Guhagarikwa kwa kimwe mu bihugu bigize Umuryango

ARTICLE 146: Suspension of a Member

ARTICLE 146 : Suspension d'un membre

1. Inama y'Abakuru b'ibihugu ishobora guhagarika by'igihe gito kimwe mu bihugu bigize Umuryango kugira uruhare mu bikorwa by'Umuryango iyo icyo gihugu kitabashije kubahiriza Amahame shingiro n'intego z'aya Masezerano harimo kutubahiriza inshingano zirebana n'imari ku Muryango mu gihe cy'amezi cumi n'umunani (18).	1. The Summit may suspend a Partner State from taking part in the activities of the Community if that State fails to observe and fulfil the fundamental principles and objectives of the Treaty including failure to meet financial commitments to the Community within a period of eighteen (18) months.	1. Le Sommet peut suspendre un État partenaire si cet État ne respecte pas les principes fondamentaux et les objectifs du traité, y compris s'il ne respecte pas ses obligations financières vis à vis de la Communauté pendant une période de dix-huit (18) mois.
--	---	--

2. Kimwe mu bihugu bigize Umuryango gihagaritswe, hakurikijwe ibivugwa mu gika cya 1 cy'iyi ngingo, kireka kubona inyungu zigenwa muri aya Masezerano	2. A Partner State suspended, in accordance with paragraph 1 of this Article, shall cease to enjoy the benefits provided for under this Treaty but shall	2. Un État partenaire suspendu conformément au paragraphe 1 du présent article cesse de jouir des bénéfices découlant du traité mais continue à être lié par ses obligations de
---	--	---

ariko gikomeza kurebwa n'inshingano z'ubunyamuryango kugeza ubwo guhagarikwa by'akanya gato bikuriweho.

continue to be bound by membership obligations until the suspension is lifted.

membre jusqu'à ce que la suspension soit levée.

INGINGO YA 147: Kwirukanwa kwa kimwe mu bihugu bigize Umuryango

ARTICLE 147: Expulsion of a Member

ARTICLE 147 : Expulsion d'un membre

1. Inama y'Abakuru b'Ibihugu ishobora kwirukana mu Muryango kimwe mu bihugu biwugize bitewe no kudakurikiza amahame n'intego by'aya Masezerano nyuma y'igihe cy'amezi cumi na abiri iburiye mu nyandiko icyo gihugu.

1. The Summit may expel a Partner State from the Community for gross and persistent violation of the principles and objectives of this Treaty after giving such Partner State twelve months' written notice.

1. Le Sommet peut expulser un État partenaire pour violation grave et persistante des principes et des objectifs du présent traité moyennant notification écrite avec un préavis de 12 mois.

2. Iyo igihugu kimwe mu bigize Umuryango kirebwa n'igihe kivugwa mu gika cya 1 cy'iyi ngingo kirangiye, kirekera aho kuba mu Muryango, keretse iyo nteguza ivanweho

2. Upon the expiration of the period specified in paragraph 1 of this Article, the Partner State concerned shall cease to be a member of the Community unless the notice is cancelled.

2. Après l'expiration de la période spécifiée au paragraphe 1 du présent article, l'État partenaire concerné cesse d'être membre de la Communauté, à moins que la notification soit annulée.

3. Mu gihe kivugwa mu gika cya 1 n'icya 2 by'iyi ngingo igihugu kiri mu Muryango bireba gikomeza kubahiriza ibiteganywa muri aya Masezerano kandi kigomba kubahiriza inshingano zose gifite n'ibyo cyiyemeje by'igihe kirekire byakozwe kikiri mu Muryango.

3. During the period referred to in paragraphs 1 and 2 of this Article the Partner State concerned shall continue to comply with the provisions of this Treaty and be liable to discharge all subsisting obligations and long-term commitments incurred during membership.

3. Au cours de la période mentionnée aux paragraphes 1 et 2 du présent article, l'État membre concerné reste tenu de se conformer aux dispositions du présent traité et aux engagements à long terme qu'il a souscrits alors qu'il était membre de la Communauté.

INGINGO YA 148: Amarengayobora ku ihame ry'ubwumvikane

Hatitawe ku biteganyijwe mu gika cya 3 cy'ingingo ya 12 y'aya Masezerano, ibitekerezo bya kimwe mu bihugu bigize Umuryango gitegereje guhagarikwa cyangwa kwirukanwa ntibyitabwaho, kugira ngo hafatwe icyemezo hakurikijwe ibiteganyijwe mu ngingo ya 146 n'ya 147 y'aya Masezerano.

INGINGO YA 149: Uburenganzira ku mutungo n'ubutunzi by'Umuryango mu gihe cy'ukurangira ko kuba mu Muryango

1. Mu gihe igihugu kigize Umuryango cyivanye cyangwa cyirukanwe mu Muryango hakurikijwe ingingo ya 145 n'ya 147 z'aya Masezerano umutungo w'Umuryango uri ku butaka bw'icyo gihugu ukomeza kuba uw'Umuryango.

2. Igihugu cyavuye mu Muryango ntikigira icyo kibaza cyangwa uburenganzira ku mutungo n'ubutunzi by'Umuryango.

ARTICLE 148: Exceptions to the Rule of Consensus

Notwithstanding the provisions of paragraph 3 of Article 12 of this Treaty, the views of the Partner State being considered for suspension or expulsion shall not count, for the purposes of reaching a decision under the provisions of Articles 146 and 147 of this Treaty.

ARTICLE 149: Rights over Property and Assets of the Community Upon Cessation of Membership

1. Where a Partner State withdraws or is expelled in accordance with Articles 145 and 147 respectively of this Treaty the property of the Community in that Partner State's territory shall remain vested in the Community.

2. A State that has ceased to be a Partner State of the Community shall have no claim to or any rights over any property and assets of the Community.

ARTICLE 148 : Exceptions à la règle du consensus

Nonobstant les dispositions du paragraphe 3 de l'article 12 du présent Traité, les vues de l'État partenaire dont la suspension ou l'expulsion est envisagée ne comptent pas, aux fins de l'adoption d'une décision en vertu des dispositions des articles 146 et 147 du présent Traité.

ARTICLE 149 : Droits sur la propriété et les biens de la Communauté lors de la perte de la qualité de membre

1. Si un État partenaire se retire ou est expulsé conformément aux articles 145 et 147 du présent traité, les biens de la Communauté qui sont situés sur le territoire de l'État partenaire restent propriété de la Communauté.

2. Un État qui a cessé d'être membre de la Communauté n'a aucun droit sur les propriétés et les biens de la Communauté.

3. Umuryango ukomezanya n'ibindi bihugu bisigaye biwugize bititaye ku kwikuramo cyangwa kwirukanwa kw'igihugu icyo ari cyo cyose mu bigize Umuryango.

3. The Community shall continue with its remaining membership notwithstanding withdrawal or expulsion of any Partner State.

3. La Communauté continue d'exister avec ses autres membres en dépit du retrait ou de l'expulsion d'un État partenaire.

INGINGO YA 150: Ivugururwa ry'Amasezerano

ARTICLE 150: Amendment of the Treaty

ARTICLE 150 : Amendement au traité

1. Aya Masezerano ashobora kuvugururwa igihe icyo ari cyo cyose ibihugu byose bigize Umuryango bibyemeye.

1. This Treaty may be amended at any time by agreement of all the Partner States.

1. Le traité peut être amendé à tout moment en cas d'accord de tous les États partenaires.

2. Igihugu icyo ari cyo cyose mu bigize Umuryango cyangwa Inama y'Abaminisitiri bishobora gutanga ibyifuzo by'ivugururwa ry'aya Masezerano.

2. Any Partner State or the Council may submit proposals for the amendment of this Treaty.

2. Tout État partenaire ou le Conseil peut présenter une proposition d'amendement du présent traité.

3. Ibyifuzo ibyo ari byo byose by'ivugururwa ry'aya Masezerano byoherezwa Umunyamabanga Mukuru mu nyandiko, ugomba, mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) kuva abyakiriye, kumenyesha ibihugu bigize Umuryango iryo vugururwa ryifujwe.

3. Any proposals for the amendment of this Treaty shall be submitted to the Secretary General in writing who shall, within thirty days (30) of its receipt, communicate the proposed amendment to the Partner States.

3. Toutes propositions d'amendement du présent traité sont adressées par écrit au Secrétaire général qui, dans les trente (30) jours suivant : réception de ces dernières, les communique aux États partenaires

4. Ibihugu bigize Umuryango byifuza kugira ibitekerezo bitanga ku mavugururwa yifujwe bibikora mu minsi mirongo icyenda (90) uhareye ku itariki

4. The Partner States which wish to comment on the proposals shall do so within ninety days (90) from the date of

4. les États partenaires qui souhaitent formuler des observations sur les propositions d'amendement le fait dans les quatre-vingt-dix

Umunyamabanga Mukuru yoherejeho ibyo byifuzo bisaba amavugururwa.	the dispatch of the proposal by the Secretary General	(90) jours qui suivent la date d'expédition des propositions par le Secrétaire général.
5. Nyuma yo kurangira kw'igihe kigenwa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo, Umunyamabanga Mukuru ashyikiriza Inama y'Abakuru b'ibihugu ibyifuzo bisaba amavugururwa n'ibitekerezo byabitanzweho n'ibihugu bigize Umuryango binyuze mu Nama y'Abaminisitiri.	5. After the expiration of the period prescribed under paragraph 4 of this Article, the Secretary General shall submit the proposals and any comments thereon received from the Partner States to the Summit through the Council.	5. Après expiration de la période prescrite aux termes du paragraphe 4 du présent article, le Secrétaire général soumet au Sommet, par l'intermédiaire du Conseil, les propositions et tous commentaires y afférents reçus des États partenaires.
6. Ivugururwa iryo ari ryo ryose ry'aya Masezerano ryemezwa n'Inama y'Abakuru b'ibihugu kandi rigatangira gukurikizwa rimaze kwemezwa burundu n'ibihugu byose bigize Umuryango.	6. Any amendment to this Treaty shall be adopted by the Summit and shall enter into force when ratified by all the Partner States.	6. Les amendements au présent traité sont adoptés par le Sommet et entrent en vigueur après leur ratification par tous les États partenaires.
INGINGO YA 151: Imigereka n'Amasezerano y'Inyongera by'aya Masezerano	ARTICLE 151: Annexes and Protocols to the Treaty	ARTICLE 151 : Annexes et Protocoles au traité
1. Ibihugu bigize Umuryango bigirana Amasezerano y'Inyongera uko bibaye ngombwa muri buri ngeri y'ubufatanye asobanura ku buryo burambuye intego n'ibirebwa n'ayo masezerano, n'imikorere y'inzego bigenga ubufatanye n'ukwishyira hamwe.	1. The Partner States shall conclude such Protocols as may be necessary in each area of co-operation which shall spell out the objectives and scope of, and institutional mechanisms for co-operation and integration.	1. Les États partenaires concluent les Protocoles qui s'avèrent nécessaires dans chaque domaine de coopération en indiquant les objectifs, la portée et les mécanismes institutionnels régissant la coopération et l'intégration.

2. Buri Masezerano y'Inyongera yemezwa n'Inama y'Abakuru b'ibihugu bisabwe n'Inama y'Abaminisitiri.	2. Each Protocol shall be approved by the Summit on the recommendation of the Council.	2. Chaque Protocole doit être approuvé par le Sommet sur recommandation du Conseil.
3. Buri Masezerano y'Inyongera ashwirwaho umukono akanemezwa burundu n'ibihugu byayashyize umukono.	3. Each Protocol shall be subject to signature and ratification by the parties hereto.	3. Chaque Protocole doit être signé et ratifié par les parties.
4. Imigereka n'Amasezerano y'Inyongera by'aya Masezerano bigize aya Masezerano.	4. The Annexes and Protocols to this Treaty shall form an integral part of this Treaty.	4. Les annexes et les Protocoles au présent traité font partie intégrante de ce dernier.

INGINGO YA 152: Gutangira gukurikizwa

ARTICLE 152: Entry into Force

ARTICLE 152 : Entrée en vigueur

Aya Masezerano atangira gukurikizwa amaze kwemezwa burundu no gushyikiriza Umunyamabanga Mukuru inyandiko ziyemeza burundu bikozwe n'ibihugu bigize Umuryango byose.

This Treaty shall enter into force upon ratification and deposit of instruments of ratification with the Secretary General by all Partner States.

Le présent Traité entrera en vigueur lors de la ratification et du dépôt des instruments de ratification auprès du Secrétaire général par tous les États partenaires.

INGINGO YA 153: Ushinzwe kubika Amasezerano n'iyandikishwa

ARTICLE 153: Depository and Registration

ARTICLE 153 : Dépositaire du traité et enregistrement

5. Aya Masezerano n'inyandiko zo kuyemeza burundu bibikwa n'Umunyamabanga Mukuru ushyikiriza

5. This Treaty and all instruments of ratification shall be deposited with the Secretary General who shall transmit

5. Le présent traité et tous les instruments de ratification sont déposés auprès du Secrétaire général, qui transmet des copies certifiées conformes du traité à tous les États partenaires.

ibihugu byose bigize Umuryango inyandukuro zayo zihuje n'umwimerere.	certified true copies thereof to all the Partner States.	
6. Umunyamabanga Mukuru yandikisha aya Masezerano mu Muryango w'Ubumwe bwa Afurika, Umuryango w'Abibumbye, no mu yindi miryango nk'uko Inama y'Abaminisitiri yabigena.	6. The Secretary General shall register this Treaty with the Organization of African Unity, the United Nations, and such other organizations as the Council may determine.	6. Le Secrétaire général enregistrera le présent Traité auprès de l'Organisation de l'unité africaine, des Nations Unies et de toutes autres organisations que le Conseil pourra déterminer.
BIKOREWE Arusha muri Tanzaniya ku muni wa 30 w'Ugushyingo, mu mwaka w'igihumbi kimwe na magana cyenda na mirongo cyenda n'icyenda.	DONE at Arusha, Tanzania, on the 30 th day of November, in the year One Thousand Nine Hundred and Ninety-Nine.	FAIT à Arusha en Tanzanie le 30 ^{ème} jour du mois de novembre de l'année mille neuf cent quatre-vingt-dix-neuf.
ZIMAZE KWEMERA IBIKUBIYE MURI AYA MASEZERANO, abakurikira bayashyizeho imikono yabo :	IN FAITH WHEREOF the undersigned have appended their signatures hereto:	EN FOI DE QUOI les soussignés ont apposé leur signature sur le document :
Ku ruhande rwa Repubulika ya Uganda : PEREZIDA YOWERI KAGUTA MUSEVENI	For the Republic of Uganda: PRESIDENT YOWERI KAGUTA MUSEVENI	Pour la République de l'Ouganda : LE PRÉSIDENT, YOWERI KAGUTA MUSEVENI
Ku ruhande rwa Repubulika ya Kenya: PEREZIDA DANIEL TOROITICH ARAP MOI	For the Republic of Kenya: PRESIDENT DANIEL TOROITICH ARAP MOI	Pour la République du Kenya : LE PRÉSIDENT, DANIEL TOROITICH ARAP MOI
Ku ruhande rwa Repubulika Yunze Ubumwe ya Tanzaniya: PEREZIDA BENJAMIN WILLIAM MKAPA	For the United Republic of Tanzania: PRESIDENT BENJAMIN WILLIAM MKAPA	Pour la République Unie de Tanzanie : LE PRÉSIDENT, BENJAMIN WILLIAM MKAPA

